



KAMINUZA Y'U RWANDA

KOREJI Y'UBUREZI

***ISESENGURA RY'INSHOZA YA NTERA
N'UBURYO YIGISHWA MU MASHURI
YISUMBUYE MU RWANDA***

Yanditswe na:

BIHIRA Innocent

Nomero y'umunyeshuri: 219016145

*Inyandiko y'ubushakashatsi yakozwe mu rwego rwo guhesha nyirayo
Impamyabumenyi y'Ikiciro cya Gatatu cya Kaminuza, mu Ishami
ry'Ikinyarwanda n'Uburezi.*

Abayobozi:

Prof Cyprien NIYOMUGABO

Dr Valentin UWIZEYIMANA

Kigali, Kamena 2022

IHAMYA

Ngewe **BIHIRA Innocent**, ndemeza ko iyi nyandiko ari iyange bwite, ko nta yindi nyandiko isa na yo yatanzwe mu rwego rwo kubona impamyabumenyi iyo ari yo yose muri Kaminuza y'u Rwanda cyangwa se mu yindi Kaminuza. Aho izindi nyandiko zakoreshejwe muri iyi nyandiko hagaragajwe hakurikijwe amategeko agenga inkuro, kandi iyi nyandiko yabanje kunyuzwa mu nkoranabuhanga ipima umwimerere w'inyandiko, isanga ari nta makemwa.



Amazina: **BIHIRA Innocent**

Nomero iranga umunyeshuri: **219016145**

Umuyobozi w'Ubushakashatsi :

Umukono :



Prof Cyprien NIYOMUGABO

Itariki: 30/05/2022.

ITURA

Umugore wange
Abana bange bose;
Ababyeyi bange
Abavandimwe n'inshuti bange
Abanyeshuri twiganye
Abarimu banyigishije
Abayobozi banyoboye,
Iyi nyandiko ndayibatuye.

GUSHIMIRA

Ndashimira by'umwihariko **Prof Cyprien NIYOMUGABO** na **Dr Valentin UWIZEYIMANA** bambaye hafi cyane mu myigire yange. Ubwo natangiraga Ikiciro cya gatatu cya Kaminuza, bambereye ikitegererezo, bangiriye inama nyinshi kandi zankomeje, kugeza magingo aya. Mwarakoze kumba hafi.

Ndashimira kandi umwarimu **GASIMBA M. Fransisiko Saveri** kubera uruhare runini yagize kugira ngo ntangire iki kiciro. Ndashimira umuryango wange. Igihe nateguragaga kujya kwiga, umugore wange **UMUBYEYI Cécile** yaranshyigikiye, arantinyura, angira inama ndetse aranamfasha mu mikoro. Yambereye ikiraro kinyambutsa ikiciro cya kabiri cya Kaminuza kinjyana ku kiciro cya gatatu. Inshingano yari afite zo kwita ku bana bacu (**UWASE N. Ange Hope, ISHIMWE BIHIRA CHRISS, DUSHIME MPANO BIHIRA Praise** na **IZERE BIHIRA Light Précise**) ndetse no kwita ku munyeshuri (ngewe), yazisoje neza nta cyahungabanye. Ndashimira Umuryango wa **SONGA Paul** n'uwa **SHUMBUSHO Wellars** kubera uruhare runini bagize kugira ngo imyigire yanjye igende neza.

Nongeye kandi gushimira byimazeyo abarimu batwigishije bose, barakoze cyane. Ndashimira cyane Nyakwigendera **Prof Laurent NKUSI** utarahwemye kungira inama zose zishoboka igihe yari akiriho. Imana ikomeze imutuze mu bwami bwayo. Ndongera gushimira cyane abanyeshuri twiganye muri iki kiciro, baramfashije mu buryo bwose, Ntewe ishema no kwigana namwe. Mukomeze mugwize urukundo n'ubwenge. Sinakwibagirwa, gushimira by'umwihariko, abayobozi, abarimu n'abanyeshuri bo ku bigo bya **GS CYINAMA, ES GASENYI** na **ES BISESERO**, by'umwihariko **BAHATI Pascal, HABIMANA Emmanuel, BYABAGABO N. Claude** ndetse na **NSHUTIYIMANA Jean Claude** kubera umusanzu wabo bemeye kuduha, basubiza ibibazo by'ubushakashatsi twabahaye. N'abandi bose ntabashije kurondora ndabashimiye cyane.

ISHAKIRO

| | |
|--|------|
| IHAMYA | ii |
| ITURA | iii |
| GUSHIMIRA | iv |
| Ishakiro | v |
| Impine zifashishijwe | ix |
| Urutonde rw'imbonerahamwe | x |
| Urutonde rw'amashusho | xiii |
| Inshamake | ix |
| Abstract | xi |
| UMUTWE WA MBERE: INTANGIRIRO RUSANGE..... | 1 |
| Intangiriro | 1 |
| Ihitamo n'akamaro k'ubu bushakashatsi | 2 |
| Imiterere y'ikibazo..... | 4 |
| Intego z'ubu bushakashatsi..... | 4 |
| 1.1.1. Intego rusange..... | 4 |
| 1.1.2. Intego zihariye | 5 |
| Ibibazo by'ubushakashatsi | 5 |
| UMUTWE WA KABIRI: ICYO UBUNDI BUSHAKASHATSI BUVUGA KU NSHOZA YA NTERA | 6 |
| 2.1. Intangiriro | 6 |
| 2.2. Inshoza ya ntera | 8 |
| 2.2.1. Kugaragira izina..... | 12 |

| | |
|---|-----------|
| 2.2.2. Kwisanisha n'izina igaragiye | 12 |
| 2.2.3. Kugaragaza imimerere cyangwa imiterere | 14 |
| 2.2.4. Kugaragaza ingano..... | 15 |
| 2.2.5. Ibicumbi bya ntera birabaze / birazwi..... | 15 |
| 2.2.6. Kuba ntera yajya mu nteko zose | 15 |
| 2.3.1. Indangasano | 16 |
| 2.3.2. Ibicumbi bya ntera | 17 |
| 2.3.2.1. Ibicumbi buhangwa..... | 17 |
| 2.3.2.2. Ibicumbi nkomoka | 24 |
| 2.4. Uko wamenya ntera | 26 |
| 2.5. Ubundi buryo ntera yakwigaragazamo | 26 |
| 2.6. Umumaro wa ntera..... | 27 |
| 2.7. Isanisha rya Ntera mu Kinyarwanda..... | 28 |
| 2.8. Imbusane mu bicumbi bya ntera | 29 |
| 2.9. Amahange y'ubu bushakashatsi..... | 29 |
| Umusozo | 30 |
| UMUTWE WA GATATU: UBURYO UBU BUSHAKASHATSI | |
| BWAKOZWEMO. | 32 |
| 3.1.Intangiriro | 32 |
| 3.2.Imiterere y'ubushakashatsi | 33 |
| 3.3.Imbago z'ubu bushakashatsi | 33 |
| 3.4.Itsinda nshingirwaho (population) | 34 |
| 3.5.Uburyo bwakoreshejwe mu ikusanyamakuru | 35 |

| | |
|--|-----|
| 3.5.1. Urutonde rw'ibibazo rutangwa | 35 |
| 3.5.2. Urutonde rw'ibibazo rwoherezwa..... | 36 |
| 3.6.Ubwoko bw'amakuru..... | 36 |
| 3.7.Uruhare rw'umushakashatsi mu gukusanya amakuru | 37 |
| 3.8.Uburyo amakuru yasesenguwe | 37 |
| Umusozo | 38 |
| UMUTWE WA KANE : ISESENGURA RY'AMAKURU YAKUSANYIJWE40 | |
| 4.1. Intangiriro | 40 |
| 4.2. Uko abanyeshuri basubije | 40 |
| 4.2.1. Itsinda nkeshwamakuru | 40 |
| 4.2.2. Ibibazo abanyeshuri babajijwe..... | 42 |
| 4.2.2.1. Uko abanyeshuri bagaragaza inshoza ya ntera | 42 |
| 4.2.2.2. Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'amagambo | 44 |
| 4.2.2.3. Uko abanyeshuri bagaragaje ingero za ntera | 57 |
| 4.3. Uko abarimu basubije | 80 |
| 4.3.1. Itsinda nkeshwamakuru | 80 |
| 4.3.2. Ibisubizo by'ibibazo twabajije abarimu..... | 82 |
| Umusozo | 105 |
| UMUTWE WA GATANU : UMWANZURO N'IBYIFUZO | |
| 5.1. Ibyanozwa mu myigishirize ya ntera | 109 |
| 5.2. Ibyifuzo nama bitandukanye..... | 120 |

| | |
|---|------|
| 5.2.1. Ibyifuzo bigenewe Kaminuza y’u Rwanda..... | 120 |
| 5.2.2. Ibyifuzo bireba Minisiteri y’Uburezi, REB cyangwa RP :..... | 120 |
| 5.2.3. Ibyifuzo bireba Minisiteri ifite ururimi n’umuco mu nshingano.. | 121 |
| 5.2.4. Abarimu bigisha ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye | 122 |
| 5.2.5. Abanyeshuri biga ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye | 122 |
| Umusozo | 122 |
| Inyandiko n’ibitabo byifashishijwe..... | 125 |
| Imigereka | I |
| Kwemera ku bushake | IV |
| Ibibazo bigenewe abanyeshuri | V |
| Ibibazo bigenewe abarimu bigisha ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye. | VIII |
| Binyuze ku mbumbabutumwa /link:(https://forms.gle/kspRfcpFsT75RSax6). | VIII |

IMPINE ZIFASHISHIJE

C: Igicumbi

EKK: English Kinyarwanda Kiswahili

ES: Ecole Secondaire

GS: Groupe Scolaire

Imb. : Imbonerahamwe

Ish : Ishusho

LFK: Literature Francais Kinyarwanda

LKK: Literature Kinyarwanda Kiswahili

MINEPRISEC : Ministere de l'Enseignement Primaire et Secondaire

Nt: Inteko y'izina

RALC: Rwandese Academy of Language and Culture

REB: Rwanda Basic Education Board

RP: Rwanda Polytechnic.

RS: Indangasano

RS: Indangasano

RT: Indanganteko

SPSS: Statistical Package for the Social Sciences

Urug.: urugero.

URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE

| | |
|--|----|
| Imb 1: Ibyiciro, imyaka n'ibigo abanyeshuri babajijwe bigamo | 41 |
| Imb 2: Uko abanyeshuri bagaragaje inshoza ya ntera..... | 42 |
| Imb 3: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “mwiza” | 45 |
| Imb 4: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “kinini” | 45 |
| Imb 5: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “ngari”..... | 46 |
| Imb 6: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “mutoto” | 46 |
| Imb 7: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “ ribi” | 47 |
| Imb 8: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “maremare” | 47 |
| Imb 9: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “batagatifu” | 48 |
| Imb 10: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “byinshi” | 48 |
| Imb 11:Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “gito”..... | 49 |
| Imb 12: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “murizi” | 50 |
| Imb 13: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “muhanya” | 50 |
| Imb 14: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “nyoro”..... | 51 |
| Imb 15: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “murinzi” | 52 |
| Imb 16: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “bazima” | 52 |
| Imb 17: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “mutindi” | 53 |
| Imb 18: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “myitumo” | 54 |
| Imb 19: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “makeya” | 55 |
| Imb 20: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “tunzinya” | 56 |
| Imb 21: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “kanzuguronyu” | 56 |

| | |
|---|----|
| Imb 22: Uko abanyeshuri batanze ingero ku gicumbi “-Sa, nt1.” | 58 |
| Imb 23: Uko abanyeshuri basobanuye ijambo “masa” | 60 |
| Imb 24: Uko abanyeshuri batanze ingero ku gicumbi -bisi, nt2 | 61 |
| Imb 25: Uko abanyeshuri batanze ingero ku gicumbi -bisi, nt2 | 63 |
| Imb 26: Uko abanyeshuri batanze ingero ku gicumbi -bisi, nt16 | 64 |
| Imb 27: Uko abanyeshuri batanze Igisobanuro cy’ijambo “ bisi” | 65 |
| Imb 28: Uko abanyeshuri batanze ingero ku gicumbi -hire, nt10..... | 67 |
| Imb 29: Uko abanyeshuri batanze Igisobanuro ku ijambo “hire” | 69 |
| Imb 30: Uko abanyeshuri batanze ingero ku gicumbi “zima, nt3” | 70 |
| Imb 31: Uko abanyeshuri batanze ingero ku gicumbi –tindi, nt2..... | 73 |
| Imb 32: Uko abanyeshuri batanze Igisobanuro ku ijambo “tindi” | 74 |
| Imb 33: Uko abanyeshuri batanze ingero ku gicumbi “-Gari, nt1” | 75 |
| Imb 34: Uko abanyeshuri batanze ingero ku gicumbi “nzinya, nt2” | 76 |
| Imb 35: Uko abanyeshuri batanze igisobanuro kuri “toto” | 77 |
| Imb 36: icyegeranyo cy’uburyo abanyeshuri batanze ingero ku bicumbi bya ntera | 79 |
| Imb 37: Uko abarimu batanze ubwoko bw'amagambo "murizi" na "muhanya" | 82 |
| Imb 38: Uko abarimu batanze ubwoko bw'amagambo "myitumo" na “gito” | 83 |
| Imb 39: Ingero ku gicumbi -sa mu nteko ya 1 | 86 |
| Imb 40: Igisobanuro ku gicumbi -sa mu nteko ya 1 | 87 |
| Imb 41: Ingero ku gicumbi -bisi mu nteko ya 16..... | 88 |
| Imb 42: Ibisobanuro ku gicumbi -bisi mu nteko ya 16..... | 89 |
| Imb 43: Ingero ku gicumbi -zima mu nteko ya 3..... | 90 |

| | |
|--|-----|
| Imb 44: Igisobanuro ku gicumbi -zima mu nteko ya 3 | 91 |
| Table 45: Ingero ku gicumbi -hire mu nteko ya 10..... | 92 |
| Imb 46: Igisobanuro ku gicumbi -hire mu nteko ya 10..... | 92 |
| Imb 47: Ingero ku gicumbi -bisi mu nteko ya 1 cyangwa iya 2..... | 93 |
| Imb 48: Ibisobanuro ku gicumbi -bisi mu nteko ya 1 cyangwa iya 2 | 94 |
| Imb 49: Ingero ku gicumbi -tindi mu nteko ya 2 | 95 |
| Imb 50: Ibisobanuro ku gicumbi -tindi mu nteko ya 2 | 95 |
| Imb 51: Ingero ku gicumbi -gari mu nteko ya 1 | 96 |
| Imb 52: Ibisobanuro ku gicumbi -gari mu nteko ya 1..... | 97 |
| Imb 53: Ingero ku gicumbi -nzinya mu nteko ya 2..... | 97 |
| Table 54: Ibisobanuro ku gicumbi -nzinya mu nteko ya 2..... | 98 |
| Imb 55: Ingero ku gicumbi -bisi mu nteko ya 16..... | 99 |
| Imb 56: Igisobanuro ku gicumbi -bisi mu nteko ya 16 | 99 |
| Imb 57: Inshoza ihabwa ntera mu kwigisha..... | 102 |
| Imb 58: icyuho kiboneka mu nshoza ya ntera | 103 |
| Imb 59: Izindi ntera zakwiye kongerwa muzisanzwe | 104 |
| Imb 60: Guhuza ntera n'izina igaragiye..... | 107 |
| Imb 61: Isanisha ry'ibicumbi bya ntera mu nteko z'amazina | 111 |
| Imb 62: Umubare w'ibicumbi bya ntera n'ingero..... | 117 |

URUTONDE RW'AMASHUSHO

| | |
|--|-----|
| Ish 1: Uko abarimu bagaragaje ko ibicumbi bya ntera byisanisha mu nteko zose | 85 |
| Ish 2: Kugaragaza niba hari ingorane mu kwigisha inshoza ya ntera..... | 100 |
| Ish 3: Ingorane ziboneka mu kwigisha inshoza ya ntera | 101 |

INSHAMAKE

Ubu bushakashatsi bwiswe *“Isesengura ry’inshoza ya ntera n’uburyo yigishwa mu mashuri yisumbuye mu Rwanda”* bwari bufite intego yo kujora inhoza ya ntera, hagamijwe kureba niba uburyo yigishwa uyu muni, hari ibyanozwa kuko uko inshoza imeze ubu bitera abarimu n’abanyeshuri urujijo. Ku bw’ibyo, ubu bushakashatsi bugamije gutanga umusanzu wabwo mu kurushaho kunoza ikibonezamvugo k’Ikinyarwanda ndetse no kugikungahaza bigendanye n’igihe, hashimangirwa imyigire n’imyigishirize iboneye ya ntera mu mashuri yisumbuye. Ubu bushakashatsi bwari bufite intego zihariye, ari zo kugaragaza uburyo inshoza ya ntera yigishwa mu mashuri, gusesengura ubushakashatsi bwakozwe kuri ntera hagamijwe kunoza imyigire n’imyigishirize ya ntera mu mashuri, ndetse no kunoza inshoza ya ntera hagaragazwa ibikwiye kugumamo, gukurwamo, kugororwa ndetse no kongerwamo kugira ngo yigishwe iboneye, bityo ye guteza urujijo.

Nyuma yo gusoma zimwe mu nyandiko z’abashakashatsi n’ibitabo mfashanyigisho bikoreshe mu kwigisha ntera mu mashuri, twasanze inshoza ya ntera igaragaza icyuho mu buryo butatu bw’ingenzi maze twiyemeza gukora ubu bushakashatsi kugira ngo tugere ku makuru yatuma twemeza ibyo twakekaga niba aribyo cyangwa atari byo. Izo ngingo zibanzwemo mu nshoza ni izi zikurikira:

Ibicumbi bya ntera byose byisanisha mu nteko zose z’amazina uko ari 16; umubare w’ibicumbi bya ntera byigishwa urazwi; hari ntera zitigishwa mu mashuri. Mu gukora ubu bushakashatsi twayobowe n’ibibazo bikurikira: Mbese inshoza ya ntera yigishwa mu mashuri iraboneye? Mbese ntera zose ziboneka mu Kinyarwanda zigishwa mu mashuri? Ni gute inshoza ya ntera yanozwa kugira ngo iri jambo rikomeze gutera imbere? Ubu bushakashatsi rero bwakozwe hibandwa ku gukusanya imbonwa ndetse no kuzisesengura. imbonwa zakuwe mu matsinda nkeshwamakuru yatoranyijwe hagendeye ku mpamvu (purposive sampling), irigizwe n’abanyeshuri ndetse n’abarimu mu myaka ya gatanu n’iya gatandatu, bese bo mu bigo bya GS CYINAMA, ES GASENYI na ES BISESERO, mu Karere ka Karongi, biga ikinyarwanda mu mashuri y’indimi ya LFK, na LKK. Uko twahabasanze uri ibyo bigo 3: abanyeshuri 85 n’abarimu 10 bese twarabakoresheje.

Abanyeshuri bahawe urutonde rw'ibibazo maze barasubiza, naho abarimu bohererejwe urutonde rw'ibibazo hifashishijwe inkoranabuhanga y'imbumbamakuru (link) nyuma yo kubasobanurira impamvu n'akamaro by'ubushakashatsi maze bakemera gutanga amakuru ku bushake. Ibyavuye mu makuru bigaragaza ko ntera zigeze kuri 30, harimo n'inshya ifite igicumbi –ryerye, ariko izigishwa mu mashuri ari zifite ibicumbi bise “buhangwa” 21 ni ukuvuga 70% yazo. Izo ntera nizo zonyine zigaragara mu bitabo mfashanyigisho. Nyuma yo gusesengura ibyavuye mu bushakashatsi, byagaragaye ko uretse n'abanyeshuri n'abarimu basaga 50% bose batazi gutandukanya ntera n'ubundi bwoko bw'amagambo, yitwara nka ntera.

Ikindi ni uko ntera zagiye zigira imibare itandukanye, mu bihe binyuranye, ariko ubu hari ntera 30 zimaze kugerwaho, zagombye kuba zishishwa ariko hakaba higishwamo 70% yazo gusa, izindi ntiziboneka mu bitabo mfashanyigisho abarimu bakoresha, bityo abarimu n'abanyeshuri bo ntibanazi ko nazo ari ntera, nk'uko byemezwa n'abashakashatsi nka BIZIMANA, S (1998).

Ubu bushakashatsi kandi bwagaragaje ko ntera zose zidashobora kujya mu nteko zose z'amazina uko ari 16, nk'uko bivugwa mu nshoza, kuko abakeshwamakuru, basabwe gutanga ingero zishimangira iyi ngingo kandi basanzwe babyigish/wa barazibura. Bityo ibicumbi bya ntera byashoboye kwisanisha mu nteko zose ni 13/30 gusa bihwaye na 43.3%, ibindi bisigaye byisanisha mu nteko nke, ndetse bimwe binakorana n'amazina yihariye gusa. Mu mwanzuro w'ubushakashatsi hagaragazwa uko inshoza ya ntera ivuguruye ituma inshoza ya ntera irushaho kumvikana ku banyeshuri ndetse n'abarimu. Bugaragaza kandi inama zigirwa inzego zishinzwe guteza imbere Ikinyarwanda, ku cyakorwa kugira ngo imyigire n'imyigishirize y'inshoza ya ntera irusheho kuba myiza.

ABSTRACT

This study entitled “The analysis of Kinyarwanda adjective of quality’s definition and how it is taught in secondary schools” had the objectives of describing the definition of the adjective of quality in Kinyarwanda, in order to examine if there is what should be changed in its teaching learning process, since the way it is set does not allow its teaching and learning to be effective. For that reason, this research aims at giving a contribution in enhancing and updating Kinyarwanda grammar, by emphasizing the effective teaching and learning of Kinyarwanda adjective of quality in secondary schools. This research was based on specific objectives such as to describe how the definition of Kinyarwanda adjective of quality is taught in schools, to describe researches conducted on this word category in order to enhance its teaching and learning, and to enhance its definition by suggesting what should be changed in it, in order to make it effective. After consulting research and teaching books which are used in teaching and learning under the the mentioned word category, the research found that the definition contains points that bring misunderstandings in three areas, and we therefore decided to conduct this research in order to have data which would confirm or reject our hypothesis. Those points are the following: The adjective of quality’s roots can take all sixteen (16) noun classes; The total number of adjectives roots remains fixed that it can not develop; The number of adjectives’roots are being or might not be taught.

In this research, we were guided by the following questions: Is the definition of adjective of quality effective in Kinyarwanda? Are all Kinyarwanda adjectives of quality taught in schools? How can its definition be enhanced in order to become very effective in teaching-learning? Hence, this research was based on collecting and enterpreting data got from the sample selected by using purposive sampling techniques. The two samples selected were one of 85 students who study combinations that have Kinyarwanda as a main subject (LFK and LKK), and another of 10 teachers, both samples from GS Cyinama, ES Gasenyi and ES Bisesero, Il located in Karongi District. Students were given hard copies of questionnaires, while teachers were given soft copies of questionnaires by using an internet link. This was done after explaining to the samples the objectives of the research and thus agreed to voluntarily participate in it.

Collected data reveals that adjective of quality's roots are 30 including the proposed by the researcher himself with the root –ryerye. However, only the 21 roots, representing 70% are taught in Rwandan schools, and these roots are called “non-derivative roots”, which are found in teaching books. The remaining 30% are not taught since they don't appear in the teaching books. After analyzing the data, research revealed that not only students but also 50% of teachers do not know to differentiate the adjective of quality from other words which have the same features as the adjective of quality, such as IBISANTERA, and so on.

The other issue is that this word has had different numerical assignments, like 9,20,21,23 according to the period until 1998, but in this research we arrived at 30 adjectives of quality, which should be taught, although only 21 are taught. The remaining 9 are not found in teaching books, which facilitate both students and teachers ignore them whereas they are also adjectives of quality, as it is argued by the Researcher, Bizimana, S. (1998). This research also revealed that all roots do not take all 16 noun classes as the former definition argues. At this point, the respondents were asked to attempt examples of how some roots can take given noun classes and failed. We finally came up with only 13 out of 30 roots means 43.3% are eligible to all 16 noun classes. The remaining 17 roots do not accept to take all noun classes, and some of them have got specific nouns they describe, which is the contradiction to the initial definition being taught. In conclusion, the research came up with the updated definition of this word class, which is very understandable and effective for both students and teachers. This research also gives recommendations to different institutions which are in charge of promoting Kinyarwanda language on what should be done in order to enhance the teaching and learning of Kinyarwanda quality adjectives.

UMUTWE WA MBERE: INTANGIRIRO RUSANGE

1.0 Intangiriro

Mu Kinyarwanda habamo amagambo asobanura ayandi nka ntera, ibinyazina, ibisantera n’andi. Aya magambo aherekeza andi akayavugaho cyangwa akayaranga, ayavugaho imimerere cyangwa imiterere, nk’uko bivugwa na Marc Wilmet (1983). Ibi rero ni byo ntera ikorera izina.

Inshoza yahawe ntera igaragaza ko idafite indomo, ikaba igaragira izina ikisanisha na ryo, ifata indanganteko y’izina igaragiye ikayigira indangasano yayo. Ibi rero byumvikana ko indangasano za ntera ari zo ndanganteko z’amazina. Iyo nshoza kandi igaragaza ko ibicumbi bya ntera byisanisha mu nteko zose.

Ingingo yo kwinjira mu nteko zose ishyigikirwa na Kabayiza V et al (2010:64), aho bavuga bati “*Mu nteruro, ntera yisanisha n’izina igaragiye, ikinjira mu nteko y’amasano izina igaragiye ririmo, bityo ntera ikaba ari ijamba rishobora kwinjira mu nteko zose z’amasano*”. Ni na byo Bizimana S (1998:175) avuga, ndetse ni na byo Nsanzabiga E & Twilingiyimana C (2015:23) bavuga. Aha bivugwa ko buri gicumbi cya ntera cyose gishobora kwinjira mu nteko z’amazina zose uko ari **cumi n’esheshatu (16)**, ariko iyo usesenguye neza usanga ibicumbi bya ntera byose bitakwisanisha mu nteko zose.

Urugero rumwe twatanga ni nko ku gicumbi cya ntera “**-inshi**”. Iyo urebye neza usanga inteko ya mbere ivuga abantu cyangwa ibifite ubwenge BIZIMANA, S.(1998:150) ariko mu bumwe. Iyo uvuze **umugabo mwinshi, umugore mwinshi** cyangwa **umwana mwinshi**, uba wumva utavuze Ikinyarwanda cyuzuye, cyangwa se ukaba ushaka kuvuga ibindi

bitandukanye n'ibyo igicumbi kirenguriraho. Ikindi kandi ni uko iki gicumbi iyo gikoze mu zindi nteko z'ubumwe (Nt.3,5,7,11,12,15), akenshi gikunze gukorana n'amazina avuga ibintu bitabarika. Mu nteko ya kenda (nt9), iyo kigaragiye izina riri muri iyo nteko rihita rihindura inteko. Uvuze uti "**afite inka**" iki gihe izina "inka" ryaba riri mu nteko ya 9 cyangwa iya 10 kuko utamenya umubare w'inka. Ariko uvuze uti "**afite inka nyinshi**", iki gihe izi nka zirenze imwe ikaba ari inteko ya 10. Bityo iki gicumbi kikaba kitakoze ibyo cyari gitegerejweho.

Ikindi kandi, nk'uko Bizimana S (1998) agaragaza ibicumbi bya ntera, yerekana ko ntera ifite n'ibicumbi buhangwa, ibyo bicumbi bikaba bishingiye ku muzi cyangwa intima. Ibi bicumbi bikora umurimo umeze nk'uw'ibicumbi nkomoka, ndetse n'uburyo bigaragira izina biri kumwe burabuhuje. icyo bitandukaniraho ni uko byo bikorana n'amazina amwe n'amwe, ariko ibindi byose ni kimwe. Aha twavugaga nk'ingero nke atanga: ikiranga **kigenzi**, inda **nyangu**, inshuro **nyangu**, umuhoro **muhanya**, umurimo **mwitumo**, n'izindi.

Ibicumbi bya ntera na byo biteye urujijo ku mubare wabyo. Bizimana, S (1998:175) aravugaga ati "*Ibicumbi bya ntera birabaze*". Nsanzabiga, E & Twilingiyimana, C (2015:25) na bo baravugaga bati "*Mu Kinyarwanda, ibicumbi bya ntera birabaze kubera ko intego mbonera z'ibanze hamwe n'impinduranteke z'ibicumbi bya ntera ari izi*". Bagakurikizaho kugaragaza ibicumbi makumyabiri (20).

1.1 Ihitamo n'akamaro k'ubu bushakashatsi

Twahisemo gukora ubu bushakashatsi tumaze kwitegereza tugasanga inshoza ya ntera ifite ingingo zitumvikana, ndetse hakaba n'amakuru azitangwamo adafite ingero ziyashyigikira, bityo bigatuma inshoza ya ntera

itera urujijo ndetse ntabwo ntabwo neza. ibicumbi bya ntera bigaragazwa bifite ikibazo cy'uko bidahuriza ku mubare uzwi, abashakashatsi banyuranye bagenda batanga imibare idahura.

Ikindi ni uko ntera yagizwe ubwoko bw'ijambo bufunze, ku buryo nta rindi jambo rishobora kwinjiramo ari rishya, nk'uko abashakashatsi bavugaga ngo "Umubare w'ibicumbi bya ntera urazwi" Bizimana S (1998), Nsanzabiga E na Twilingiyimana C (2015). Ibi bisobanura ko igihe umuntu avuye ko yariho indi ntera, akagaragaza igicumbi kitari mu byo bavuye bya ntera, nubwo yagaragaza ko iyo ntera ifite imiterere nk'iy'izindi ntera zagaragajwe, yaba abeshye, kandi abanyeshuri n'abarimu ntibamwumva kuko ibitabo mfashanyigisho byose byanditswe bigendeye kuri ibi by'abashakashatsi.

Ikindi ni uko ibicumbi bya ntera byose bitanishya mu nteko zose kandi abashakashatsi bo bavugaga ko ibicumbi bya ntera byose byitanishya mu nteko zose. Ibi bitera urujijo kuko abanyeshuri bumva ko buri igicumbi cyose cyashyirwa mu nteko zose kandi hariho ibishyirwa mu nteko zimwe na zimwe bigahindurira inshoza ya ntera. Urugero ni nko kuvuga "**umuhinzi mwinshi**", ubundi wahura n'umuntu yarabyibushye ukamubwira uti "wa mukobwa we usigaye uri **mwinshi**". Ibi ntabwo biba bisobanura ubwinshi nk'uko inshoza y'igicumbi "inshi" iri.

Ubu bushakashatsi buzadufasha guteza imbere imyigishirize ya ntera, ndetse bunasobanure inshoza ya ntera byimbitse, butange ingero z'aho ibicumbi bya ntera bikoreshejwe, bugaragaze ibicumbi bya ntera bivuguruye, bugerageze no gufungura ubu bwoko bw'ijambo ry'Ikinyarwanda, kugira ngo na ryo rikure nk'uko ururimi rugenda rukura.

1.2 Imiterere y'ikibazo

Ntera ni ijamba rigaragira izina rikarivugaho imimerere cyangwa imiterere. Ibicumbi bya ntera birazwi kandi bishobora kwisanisha mu nteko zose. Iyi nshoza ivugwa n'abashakashatsi ikaba ari yo yasakaye no mu bitabo mfashanyigisho byigishirizwamo. Kuvuga ko ibicumbi bya ntera bizwi, ni ikibazo kuko imibare y'ibicumbi itangwa n'abashakashatsi iratandukanye. Ikindi ni uko kuba umubare uzwi bisobanura ko igicumbi kitari muri uwo mubare kitari icya ntera, kandi hari ibindi bigaragazwa na Bizimana S (1998) bitigishwa nka ntera.

Kwisanisha mu nteko zose na byo ntibikorwa n'ibicumbi byose bya ntera, kuko usanga hari ibicumbi usanisha mu nteko yagenwe ukaba uvuze ibyo abenerurimi b'Ikinyarwanda batari bavuga, cyangwa badashobora kumva.

Tugendeye kuri izo ngorane rero, ibicumbi bya ntera bikwiye gusobanurwa ndetse hakanagaragazwa inteko buri gicumbi kisanishamo aho kuvuga ko byisanisha mu nteko zose. Hakwiye kandi kugaragazwa ibicumbi bya ntera bivuguruye (bigendanye n'igihe), hiyongeyemo n'ibindi bicumbi bitavuzwe. Inshoza ihabwa ntera na yo ikavugururwa hakagira ingingo ikurwamo.

1.3 Intego z'ubu bushakashatsi

Ubu bushakashatsi ku myigishirize y'inshoza ya ntera mu mashuri yisumbuye bufite intego zigabanyije mu byiciro bibiri bikurikira:

1.3.1 Intego rusange

Intego rusange z'ubu bushakashatsi ni ukurushaho kuboneza imyigire n'imyigishirize y'ikibonezamvugo cyane cyane ku byerekeye ntera mu mashuri yisumbuye, no kugikungahaza kugira ngo kigendane n'igihe.

1.3.2 Intego zihariye

Mu ntego zihariye z'ubu bushakashatsi harimo:

1. Kugaragaza uburyo inshoza ya ntera yigishwa mu mashuri yisumbuye.
2. Gusesengura ubushakashatsi bwakozwe kuri ntera hagamijwe kunoza imyigire n'imyigishirize ya ntera mu mashuri.
3. Kunoza inshoza ya ntera hagaragazwa ibikwiye kugumamo, gukurwamo, kugororwa ndetse no kongerwamo kugira ngo yigishwe iboneye.

1.4 Ibibazo by'ubushakashatsi

Ubu bushakashatsi buzashingira ku bibazo byibazwa ari byo:

1. Mbese inshoza ya ntera yigishwa mu mashuri iraboneye?
2. Mbese ntera zose ziboneka mu Kinyarwanda zigishwa mu mashuri?
3. Ni gute inshoza ya ntera yanzwa kugira ngo iri jambo rikomeze gutera imbere?

UMUTWE WA KABIRI: ICYO UBUNDI

BUSHAKASHATSI BUVUGA KU NSHOZA YA NTERA

2.1. Intangiriro

Ijambo ni urukurikirane rw'amajwi rurema ikinyabumwe fatizo k'interuro kifitemo inyito, kandi kikagira umumaro mu nteruro kirimo, umuntu akarigezwaho no kuryumva igihe barivuze ndetse no kurisoma igihe baryanditse. Bizimana, S (1998:75). Ntera na yo ni ijambo rifite umumaro wo gusobanura izina mu nteruro. Iyo ntera iri yonyine mu nteruro, inyito y'interuro igaragara nk'ifite ikintu k'ingenzi ibura, nubwo ikomeza kubaho.

Iyo usesenguye amako y'amagambo yashyizweho mu Kinyarwanda, amenshi usanga yaragendeye ku moko y'amagambo abaho mu ndimi z'amahanga cyane cyane Igifaransa (French) n'Icyongereza (English). Kugendera kuri izi ndimi, byaba byaraturutse ku kuba ababanje kwiga ndetse no gushyiraho ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda batari abenerurimi, bikaba byaratumye bamwe mu bashakashatsi nka Munyakazi, F. (1985:6) anenga iyi misesengurire y'indimi avuga ati: “... mu nyigo zabo, abashakashatsi mu kibonezamvugo bagiye bahura n'ingorane zo gushyiraho amahame ahabanye n'ukuri, cyangwa gukoporora ibiba mu rurimi bari gukoresha mu bushakashatsi bakabizana mu rurimi bari gukorera ubushakashatsi bataruzi neza”¹. Anakomeza avuga ati “Kugeza magingo aya, imfashanyigisho mu mashuri zibanda ku busesenguzi bwa Hurel, wakoze ubusesenguzi butari ubw'Ikinyarwanda cya nyacyo, ahubwo

¹ (...) dans leurs investigations, les grammairiens courent le risque de faire des considérations qui s'éloignent de la réalité ou de calquer la langue qui fait l'objet d'étude sur une autre langue qu'ils connaissent mieux.

ari Igifaransa mu Kinyarwanda. Ikosa nk'iryo rirakorwa cyane ku ndimi zidaturuka mu muryando Hinde-Burayi”².

Kubera ko ababanje kwiga ku kibonezamvugo k'Ikinyarwanda batari abenerurimi, havutse ikibazo cyo kugereranya amagambo yo mu Kinyarwanda n'ayo mu zindi ndimi. Iryo gereranya rya ntera nyarwanda na ntera zo mu ndimi z'amahanga, cyangwa ntera n'ubundi bwoko bw'ijambo, byatumye amabanga yose ya ntera mu kinyarwanda adasohoka ngo asobanuke neza, hakigishwa ntera ko ari ikenda (9), ubundi hakigishwa ko ari makumyabiri n'eshatu (23) gusa, kandi ko ntera ari ijambo rishobora gufata indangasano isa n'iy'izina igaragiye. Nyamara hari andi magambo menshi asobanura izina, yaba mu bwoko bw'amagambo ahinduka nk'izina cyangwa mu bwoko bw'amagambo adahinduka yitwara neza neza nka ntera.

Amagambo yose asobanura izina si ntera, kuko hari n'andi yo mu bundi bwoko akora uwo murimo. Ntera yo igaragira izina, ikarisobanura irivugaho imimerere cyangwa imiterere. Ni ukuvuga ko tugendeye ku nshoza yo kugaragira izina no kurivugaho imimerere n'imiterere, amagambo yose akora uwo murimo yaba ari ntera, ariko mu Kinyarwanda si ko biri, ahubwo hari ubundi bwoko bw'amagambo buvuga ibyo ari bwo “ibisantera” ndetse n'izina ntera”.

² Jusqu'à une date très récente, les manuels scolaires s'inspiraient de la description de HUREL qui, malgré les mérites qu'il faut lui reconnaître, a souvent fait l'analyse non pas du Kinyarwanda en tant que tel, mais de la traduction française du kinyarwanda. Une telle erreur fait absolument tort à une langue qui n'est pas de souche indo-européenne.

Inshoza ya ntera yagiye ivugwaho n’abashakashatsi batandukanye, bagira ibyo bahurizaho ndetse na bimwe batandukaniraho (ariko bitari byinshi). Muri iyi nshoza, harimo ingingo zigiye zigoreka ubudasa bwa ntera, ndetse izindi zikaba zidatangirwa ingero.

Bizimana S (1998:77) yavuze ko afite icyo aheraho yemeza ko ijambo ribarirwa mu bwoko ubu n’ubu bw’amagambo. Aravuga ati: *“Mu kugena ubwoko bw’amagambo twitaye kuri ibi bintu bitatu ari byo: indemeko n’inshoza n’umumaro mu njyano z’amagambo zimwe na zimwe”*.

Turebye ku ndemeko, twasanga ntera atari ryo jambo ryonyine rifite uturemajambo tubiri gusa, nk’uko bavuga ko ntera itagira indomo, ahubwo igira indangasano n’igicumbi. Turebye kandi ku mumaro, twasanga hari andi magambo agaragira izina, akarisobanura agaragaza imimerere cyangwa imiterere ariko adashyirwa muri ntera.

Abashakashatsi bagize icyo bavuga kuri ntera bemeza ko ibicumbi bya ntera bibaze. Ibi bisobanura ko ibicumbi bya ntera bihari, umubare wabyo urazwi kandi ikidasangwa muri uwo mubare si igicumbi cya ntera, bivuga ko atari ntera. Muri uyu mutwe tugiye kureba ingingo zitandukanye zivuga kuri ntera.

2.2. Inshoza ya ntera

Abashakashatsi benshi cyangwa se bose bakoze kuri ntera bemeranywa mbere na mbere ko ntera irangwa by’umwihariko n’igicumbi cyayo. Abashakashatsi ba mbere barimo André Coupeze, babonye ibicumbi bya ntera bigera kuri makumyabiri mu kinyarwanda. Ariko we yaje no gukomeza ubushakashatsi agera mu buryo butimbitse cyane ibyo yagiye yita igisazina cyangwa se nterwa-ntera. Umurimo w’ubushakashatsi

wagaragaje ibicumbi bya ntera, nawo twawuvuzeho, ni igitabo cya Minisiteri y'amashuri Abanza n'Ayisumbuye kivuga ku izina na ntera. Cyo cyabonye ibicumbi bya ntera 23. Usibye ibyo rero, hari andi magambo mu rurimi rw'Ikinyarwanda, yitwara, cyane cyane mu rwego rw'umwanya n'umumaro, nka ntera.

Igitabo gisa n'icyahuje ubushakashatsi bwinshi kuri ntera maze kikayikoraho inshamake ari na cyo muri rusange kugeza ubu kigishirizwamo ntera mu mashuri yisumbuye, ni igitabo cya Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, ubuyobozi bukuru bw'Ubushakashatsi n'Ubuhanga mu nyigisho cyo mu wa 1988 cyitwa, *Ikibonezamvugo cy'Ikinyarwanda, Iyigantego n'Igenamajwi Izina na Ntera*. Ni cyo twahisemo kuko dusanga ari cyo cyagerageje kubona ntera nyinshi 23, mu gihe abandi bashakashatsi nka Overdulve C. M. (1988:10) agaragaza ko ntera ziyingayinga makumyabiri gusa mu kinyarwanda (-bi ; -bisi ; -gari ; -gufi, -gufiya ; -hire ; - inshi ; -iza ; -ke, -keya ; -kuru ; -nini ; -niniya ; -re-re ; -sa ; -shya ; -sindi ; -taraga ; -tindi ; -to, -toya ; -zima). Ibi ni byo na Coupez abona.

Muri icyo gitabo cya Minisiteri cyavuzwe hejuru, ubwanditsi bugaragaza ko ntera ifite inshoza irangwa :

- a) Ntera ni ijambo rigaragira izina
- b) Ntera yisanisha n'izina igaragiye, akenshi igafata indanganteko y'izina igaragiye ho indangasano : umunwa mu-re-mu-re
- c) Ntera ni ijambo rishobora kwinjira mu nteko zose z'amasano uko ari 16

Inshoza ya ntera yaramamaye cyane mu bitabo mfashanyigisho byigishirizwamo ikibonezamvugo mu mashuri, ndetse no mu bitabo

by'ubushakashatsi by'ikibonezamvugo, ariko twibuka ko ibitabo mfashanyigisho bitegurwa hagendewe ku bitabo by'ubushakashatsi, rimwe na rimwe igitabo cy'ubushakashatsi kigakoreshwa cyane mu myigishirize, kuko usanga cyo gifite amakuru ahagije ku ngingo iri kwigishwa.

Mu gitabo mfashanyigisho cyateguriwe umwaka wa gatanu w'amashuri abanza REB (2017:102-103) bavuga inshoza ya ntera muri ubu buryo: *“Ntera ni ijamba rigaragira izina rikisanisha na ryo, rigafata indanganteko yaryo ho indangasano”*.

Igitabo mfashanyigisho cy'umwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye (2017:90-91) cyo kigaragaza inshoza ya ntera cyongeramo iyindi ngingo itagaragajwe muri ubu buryo: *“Ntera ni ijamba rigaragira izina rikagaragaza imiterere, imimerere cyangwa ingano y'iryo zina igaragiye. Ntera kandi yisanisha n'izina igaragiye ifata indanganteko y'iryo zina igaragiye maze ikarigira indangasano yayo. Ntera ni ijamba rishobora kwinjira mu nteko zose z'amazina”*. Iyi ngingo yo kugaragaza ingano ntabwo yari yavuzwe mbere, bisobanura ko ari ikintu gishya kibonetse, kubera ko hari ibicumbi bivuga uko izina rigaragiwe ringana.

Mu gitabo mfashanyigisho cy'umwaka wa kane w'indimi (2017:54-55) na ho bagaragaza inshoza ya ntera nk'uko yatanzwe mbere, ariko ho bongeraho ko ntera ishobora kwisanisha mu nteko zose uko ari cumi n'esheshatu³.

³ Ntera ni ijamba rigaragira izina rikisanisha na ryo, rigafata indanganteko yaryo ho indangasano. Ntera isobanura izina ivuga imimerere cyangwa imiterere yaryo. Ntera kandi ishobora kwinjira mu nteko zose uko ari 16. Mu nteruro, ntera igaragira izina ikisanisha na ryo, igafata indanganteko yaryo ho indangasano.

Mu gitabo mfashanyigisho cyateguriwe umwaka wa kane w'amashuri yisumbuye mu mashami atari ay'indimi (2017:42-44) na ho bavuga nk'ibyavuzwe, ariko bo bakanongeraho ko ntera yegevana n'izina igaragiye cyangwa bigahuzwa n'inshinga kuba, ni cyangwa si⁴.

Igitabo cyanditswe na RALC (2019 :70) kivuga ko ntera ari ijambo riherekeza izina cyangwa rikarisimbura, rikarisobanura rivuga imimerere, imiterere cyangwa imico. Gikomeza kivuga ko ntera isanishwa n'ijambo (izina) isobanura kandi ikaboneka mu nteko zose z'amazina.

Muri iki gitabo kandi, bagaragazamo ibitandukanya izina na ntera ari byo bikurikira :

- 1) Ntera ijya mu nteko zose (ariko nta ngero batanga), izina rikagira inteko ryagenewe.
- 2) Ibicumbi bya ntera birabaze, iby'amazina ntibibarika (Ariko ntibagaragaza umubare wabyo).
- 3) Izina risanisha interuro, ntera igasanishwa n'izina.

Mu gitabo cyanditswe na Kabayiza V et al (2010:64) ho bavuga ko ntera ari *ijambo rigaragira izina rikerekana imimerere, ingano cyangwa imiterere yaryo. Ikindi kandi yegevana n'izina ifutura cyangwa bigahuzwa n'inshinga kuba*. Muri iyi nshoza ntiberekanamo ko ntera yisanisha n'izina igaragiye.

Bizimana, S. (1998:175) we avuga ko ntera ari *ijambo rishingiye ku nyibutsanteko no ku gicumbi*. Akomeza avuga ko *isobanura ijambo ivuga imimerere cyangwa imiterere. Ishobora guherekeza ijambo cyangwa ikarisimbura. Isanishwa na ryo kandi ikaboneka mu nteko zose*. Muri iyi

⁴ Ni na byo BIZIMANA Simoni (1998) yita "imvugaruhamwa".

nshoza, hiyongeyemo ko ntera ishobora no gusimbura izina, ndetse no kuboneka mu nteko zose.

Dusesenguye neza ibivugwa muri ibi bitabo tumaze kubona, dusanga ntera yarafashwe nk'igicumbi cyayo, ni ukuvuga ko igicumbi cyayo ari cyo kiri kuvugwa akenshi, kuko hari aho uri kugera ugasanga bavuga ngo “ntera yisanisha mu nteko zose”, ariko mu by’ukuri si ntera yose ahubwo ni igicumbi cyayo. Aha kandi tunibuke ko izi nyandiko twavuze zose nta n’imwe ifite ingero zerekana ibicumbi byose bya ntera uko bigenda byisanisha mu nteko zose.

Iyo dusesenguye inshoza ya ntera dusangamo ingingo zikurikira:

2.2.1. Kugaragira izina

Kugaragira ni uguherekeza ariko ufite impamvu. Impamvu ya ntera rero ni ukugaragaza imiterere cyangwa imimerere, hiyongeraho rimwe na rimwe n’ingano. Iyo ntera isimbuye ijambo riyigenga igira indomo (BIZIMANA, S. 1998:175). Iki gihe ntabwo yaba ikiri ntera dukurikije inshoza yayo. Ntiwavuga ngo “umwana **umwiza** araje”, ahubwo uravuga uti “umwana **mwiza** araje”.

2.2.2. Kwisanisha n’izina igaragiye

Ibi bisobanura ko ntera iba igendeye ku mategeko y’isanisha ry’Ikinyarwanda, kuko akaremajambo karanga isanisha (indanganteko/indangasano) kaba kakoze umurimo wako, iyo katawukoze interuro ihinduka nyobyamvugo. Kuri ntera rero, indanganteko y’izina igaragiye ihinduka indangasano yayo. Hari n’igihe ubura indanganteko y’izina ukitabaza ntera kugira ngo umenye inteko y’iryo zina, nk’uko bivugwa na

Kabayiza V et al (2010:64) aho bavuga ko ntera igaragaza indanganteko y'izina igaragiye.

Ingero twatanga ni:

Ibuye **rinini**, ishyamba **ryiza**, ishuri **rigufi**, data **mwiza**, dodo **nyinshi**, isi **mbi** n'izindi.

Turebye nko mu zindi ndimi, urugero nko mu Giswayire (Kiswahili), ntera zimwe zisanisha n'amazina zigaragiye, hakaba n'izindi zitisanisha⁵, nk'uko bivugwa na Ahmed E Ndalu (2016:24)

Ingero atanga ni izi:

Ntera zisanisha

- zuri**: Mtoto mzuri (Umwana mwiza)
- kubwa**: Mama mkubwa (Mama mukuru=Mama wacu)
- dogo**: Kitu kidogo (Ikintu gitoya)
- fupi**: Mume mfupi (Umugabo mugufi)

Ntera zitisanisha

- hodari**: Mfugaji hodari (umworozi w'umunyabwira)
- safi**: Jembe safi (isuka isukuye)
- ghali**: Bei ghali (Ibiciro bihanitse)

Bigaragara ko mu rurimi rw'Igiswayire badahuza neza no mu Kinyarwanda, kuko ho habamo ntera zitisanisha ndetse n'izisanisha, mu gihe mu Kinyarwanda ho ntera zose zisanisha. Ikindi ni uko hari amagambo yakagereranyijwe na ntera mu zindi ndimi, ariko mu Kinyarwanda akaba yitwa ubundi bwoko.

Ingero twatanga ni izi:

⁵ Zipo aina mbili za vivumishi vya sifa: vivumishi vya sifa vinavyochukua viambishi na vivumishi vya sifa visivyochukua viambishi.

-hodari: Mfugaji hodari: Bivuga umworozi w’**umunyamwete**.
Umunyamwete ni izina ntera.

-ghali: Bei ghali: Bivuga ibiciro **bihanitse**. Bihanitse ni ikinyanshinga.

2.2.3. Kugaragaza imimerere cyangwa imiterere

Imimerere cyangwa imiterere ni byo byitwa mu Cyongereza (English) “Qualities”, ari na yo mpamvu ntera zitwa “Adjectives of quality/ qualitative adjectives/ qualifying adjectives” muri urwo rurimi, naho mu Gifaransa (French) zikitwa “Les adjectifs qualificatifs”.

Ibi ni na byo bivugwa mu rurimi rw’Igishyamba, nk’uko Ahmed E Ndalu (2016:24) avuga ko ntera ari amagambo agaragaza imico cyangwa imimerere y’ikintu, umuntu cyangwa ijambo⁶, aha baba bavuga izina isesengura.

Imimerere bivuga uko ikintu kimeze, naho imiterere bikavuga uko ikintu giteye, kandi uko ikintu giteye ni na ko kiba kimeze. Mu by’ukuri imiterere yagaragazwa n’imimerere y’ikintu. Ibi bisobanura ko imiterere ari yo igaragara n’amaso, naho imimerere ikagaragazwa n’ibipimo bindi cyangwa amarangamutima asohotse inyuma, bya bindi bivugwa n’Abanyarwanda ngo “*Akuzuye umutima gasekara ku munwa*”

Iyo tuvuze ngo “Runaka afite umugore **mwiza**”, mu Kinyarwanda ntidufite ijambo ryadufasha gutandukanya ubwiza bw’imbere mu mutima ndetse n’ubw’inyuma ku isura. Ibi bitandukanye n’ibyo umunyamuziki wo mu gihugu cya Côte d’Ivoire witwa Daouda Koné mu ndirimbo ye yitwa “*Mon coeur balance*” avuga ati “*...la premiere est la plus jolie, la seconde est la*

⁶ Haya ni maneno yatajaye tabia au sifa za kitu, mtu ama jambo.

*plus gentile*⁷. Bigaragara ko mu Gifaransa ho hari ntera zibafasha gutandukanya umwiza ku isura (Jolie) n’umwiza ku mutima (Gentille).

Imiterere rero ishobora kuburizamo imimerere, cyangwa imimerere ikaburizamo imiterere, bityo tukavuga ko byombi ari ingenzi muri iyi nshoza.

2.2.4. Kugaragaza ingano

Ingano y’ikintu igaragazwa n’imiterere yacyo, ni ukuvuga ko ubunini cyangwa ubuto, ubugufi n’uburebure byose bihita byigaragaza mu miterere. Ni yo mpamvu uvuze “umugore **munini, muto, muremure** cyangwa **mugufi**” byose bigaragazwa n’imimerere ye. Bityo tukavuga ko iyi ngingo y’ingano nta kintu kinini yongera mu nshoza ya ntera.

2.2.5. Ibicumbi bya ntera birabaze / birazwi

Kuvuga ko ibicumbi bya ntera bizwi na byo bifite inenge, kuko ntabwo mu bitabo mfashanyigisho bagaragaje ibicumbi bya ntera byose, ibyo bizwi nyine. Ikindi wakwibaza uti “Bizwi na nde?”, “Ese ni bingahe?”, “Bizwi guhera ryari?”, “Ibyo bizwi byo byashyizweho nan de?”, “Kuki uvuga ko ibyo uzi ari na byo abandi bazi?” Kumenywa kw’ibicumbi bya ntera ntacyo byafasha umuntyeshuri mu nshoza ya ntera, keretse wabimuhaye byose, warangiza ukamusaba kubifata mu mutwe, kandi ibyo ntibikigezweho mu burezi.

2.2.6. Kuba ntera yajya mu nteko zose

Si ntera ijya mu nteko zose ahubwo ni ibicumbi byayo. Ikindi ni uko ibicumbi byose bitisanisha mu nteko zose ngo ibyo bivuze bibe byumvikana, cyangwa ngo interuro igume kuba mbonezamvugo. Urugero ni nko ku gicumbi “**hire**” gikunze gukoreshwa gusa ku izina rivuga

⁷ Uwa mbere ni mwiza ku isura, uwa kabiri ni mwiza ku mutima.

ikigereranyo k'igihe nk'umwaka, ukwezi cyangwa umunsi, ndetse n'amazina amwe yo mu nteko ya cumi na rimwe. Ugasanga uvuze irindi zina riterekeye aho nk'**umuhungu muhire, ishyamba rihire, igikarito gihire, abagabo bahire, ahantu hahire**, n'ibindi, ibintu waba uvuze bikumvikana nk'aho bitabaho mu Kinyarwanda. Iki gihe iyi ngingo yo kwisanisha mu nteko zose iba idafututse.

2.3. Intego ya ntera

Ntera ni ijambo rifite uturemajambo tubiri gusa, iyo hiyongeyeho akandi karemajambo, ntabwo kabarwa mu turemajambo twa ntera (cyane imisuma ya ntera), bityo ntera ikagumaba twa tundi tubiri gusa ari two "Indangasano n'Igicumbi". Twibuke ko iyo ntera yafashe indomo ihinduka izina, (Kabayiza V et al 2010 :64) kandi iyo yasimbuye izina ifata indomo (BIZIMANA S 1998 :175). Igitabo cyanditswe na RALC cyo kigaragaza ko ntera igira indomo.

(RALC 2019 :71).

2.3.1. Indangasano

Muri ntera igice gihinduka uko igenda yisanisha n'izindi igaragiye cyitwa indangasano.

Imbaraga **n**-ke

Utunota **du**-ke

Iminsi **mi**-ke

n, du, mi...ni indangasano

Intego ya ntera ni: **Indangasano+ Igicumbi**; mu mpine ni **RS** (indangasano)+**C** (Igicumbi) (**RS+C**)

Ubwanditsi kandi bw'igitabo cya Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, ubuyobozi bukuru bw'Ubushakashatsi n'Ubuhanga mu nyigisho (1988), bwemeza ko ntera yisanisha n'amazina adafite

indanganteko (RT) igaragara, ifata indanganteko mu yandi mazina y'iyo nteko y'amasano ho indangasano (RS), ni na byo byemezwa na Bizimana Simoni (1998), Kabayiza V et al (2010), Nsanzabiga E & Twilingiyimana C (2015) ndetse bikanemezwa n'ibitabo mfasha nyigisho byateguwe n'Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB).

Ihundo rinini i-Ø-hundo **ri**-nini

Ihene nto i- Ø -hene **n**-to

Bityo urutonde rw'indangasano za ntera rukaba ari uru rukurikira:

Nt1: mu nt2: ba nt3 : mu nt4 : mi nt5 : ri nt6 : ma

Nt7: ki nt8: bi nt9 : n nt10 : n nt11 : ru

Nt12: ka nt13: tu nt14: bu nt15 : ku nt16 : ha

2.3.2. Ibicumbi bya ntera

Ntera igira ibicumbi buhangwa n'ibicumbi bikomoka ku muzi cyangwa ku ntima (BIZIMANA, S. 1998 :175-176)

2.3.2.1. Ibicumbi buhangwa

Ibicumbi buhangwa byagaragajwe na Bizimana Simoni ni ibi bikurikira :

| | | |
|---------|--------|-----------|
| -bi | -bisi | -inshi |
| -gari | -gufi | -iza |
| -ke | -nini | -re |
| -sa | -shya | -tagatifu |
| -taraga | -tindi | -to |
| -zima | -ni* | |

Akomeza avuga ko kuri ibi bicumbi buhangwa hiyongeraho -hire, -kuru na -sindi byatanzwe na Coupez André (1980 :276)

Avuga ko igicumbi **-ni*** gifitanye akanunu n'igicumbi **-nini**, akenshi kigakurikirwa n'umusuma.

Ibi bicumbi byagaragajwe na Simoni, byose hamwe ni cumi n'ikenda (19), wakongeraho na kiriya gicumbi gikurikirwa n'umusuma bikaba makumyabiri (20).

Igitabo cyateguwe na Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye (1988) gitsindagira ko ikigaragaza cyane ko ijamba iri n'iri ari ntera, ari igicumbi cyaryo, kuko akenshi indangasano ya ntera isa n'iyi zina igaragiye. Urutonde rwa byo ni uru rukurikira :

1)-bi 2) –bisi ; 3)-gari ; 4) -gufi ; 5)-hire ; 6)-inshi (yinshi) ; 7)-iza (ziza) ; 8)-ke ; 9)-kuru ; 10)-nini ; 11)-re-re ; 12)-sa ; 13)-shya ; 14)-tagatifu ; 15)-taraga ; 16)-to ; 17)-zima ; 18)-toto ; 19)-to-to ; 20)-toya ; 21)-shyashya ; 22)-keya ; 23)-nzinya, nzunyu, niniya...

Ubwanditsi butanga ibisobanuro bikurikira ku bicumbi bya ntera bimwe na bimwe :

a)Ibicumbi **–yinshi** na **–yiza** bikoreshwa mu nteko ya 9 no mu nteko ya 10, bigasimbura ibicumbi **-inshi** na **–iza**

Igiti cyiza (**ki-iza**) ariko inka nziza : (**n-ziza**) ; umuti mwinshi (**mu-inshi**) ariko imbaraga nyinshi (**n-yinshi**)

b) Igicumbi **-re-re** gikomoka ku gicumbi cya ntera **–re** cyacitse mu kinyarwanda. Kugira ngo kibyare igicumbi **-re-re** kikubye kabiri.

Igicumbi **-re** gisigaye mu mvugo ya **kera** : **-Nyamure** ni umusozi (nyamuremure); Urugendo ni **rure** ni igisigo (rurerure).

C) Ibicumbi **-toto**, **-toya** na **-to-to** bikomoka ku gicumbi **-to** :

-igiti **gito**

-igiti **gitoto**

-igiti **gitogito**

-igiti **gitoya**.

d) Igicumbi **-shyashya** na cyo gikomoka ku gicumbi **-shya** kikuba kabiri. Abenerurimi benshi bemeza ko igicumbi **-shya** n'igicumbi-**shyashya** bidahuje inyito neza.

-Umwenda **mushya**

-Umwenda **mushyashya**. Shyashya umushya cyane ukimara gukorwa.

e) Igicumbi **-keya** gikomoka kuri **-ke**

-Amazi **make**

-Amazi **makeya**

f) Ibicumbi **-nzinya, -nzunyu, -niya**...biri mu gatsiko k'ibicumbi bya ntera bidafite ishusho imwe rukumbi ihamye, byose bigasobanura ikintu gito cyangwa gike cyane.

C. M. Overdulve (1998 :10) agaragaza ko ntera ziyingayinga makumyabiri n'ebiyiri (22) mu kinyarwanda (-bi, -bisi, -gari, -gufi, -gufiya, -hire, -inshi, -iza, -ke, -keya, -kuru, -nini, -niniya, -re-re, -sa, -shya, -sindi, -taraga, -tindi, -to, -toya, -zima)

Ikindi gitabo, bigaragara ko cyagendeye cyane ku gitabo cya MINEPRISEC (1988), ni icya Kabayiza Visenti n'abandi (2010). Iki gitabo kibona umubare w'ibicumbi bya ntera ungana n'iby'icya MINEPRISEC (1988). Ubona uturemajambo (imiterere), umwanya n'inshoza ya ntera na byo bisa neza neza n'iby'icyo gitabo.

Umwihariko wa Kabayiza et al (2010), ni uko bo bajya imbere gato ndetse bakanasobanura kurushaho. Bo babumbira hamwe andi magambo yose afite

umumaro nk'uwana ntera yaba akomoka ku nshinga (asanzwe cyangwa y'inyunge, (amata **ashyushye**, uburere **mboneragihugu**) yaba akomoka ku mazina akaba adahinduka (umugabo **mbwa**) kikayita ibisantera.

Kabayiza V et al (2010 :68) bo bagaragaza ibicumbi bya ntera bikurikira :

- inshi: Abantu benshi.
- iza: Umukobwa mwiza.
- gari: Ibyumba bigari.
- ke/-keya: Abana bake/ Abana bakeya.
- toya: Umusore mutoya.
- to-to: Iriba ritorito.
- toto: Igitu gitoto.
- zima: Umuntu muzima.
- shya : Urugo rushya.
- shyashya : Umwenda mushyashya.
- bi : Urugo rubi.
- nini : Amasaka manini.
- kuru: Amashuri makuru.
- tagatifu: Urugo rutagatifu.
- to: Umwana muto.
- hire: Urugendo ruhire.
- gufi: Umukobwa mugufi.
- re-re: Umugabo muremure.
- bisi: Agati kabisi.
- taraga: Umukozi mutaraga.
- sa : Ibijumba bisa.
- sa-sa : Uburo busabusa.
- tindi : Umutego mutindi.
- niya : Ingirangingo niniya.

Muri iyi nyandiko hagaragajwe ibicumbi bya ntera makumyabiri na bine (24) ariko harimo bitatu (3) byisubiyemo, harimo ikisubiyemo inshuro nyinshi ari cyo -to.

Ibyo bicumbi ni :

-shya : Urugo rushya

-shyashya: Umwenda mushyashya

-sa: Ibijumba bisa

-sa-sa: Uburo busabusa

-to: Umusore muto

-toya: Umusore mutoya

-toto: Igitu gitoto

-to-to: Iriba ritorito

Ibicumbi **-shya** na **-shyashya** byombi bihuriye ku kuba icyo bivuga kiba kidasanzwe ahantu cyangwa ku muntu. Bityo rero iki gicumbi cyaba ari kimwe. Ibicumbi **-sa** na **-sa-sa** na byo bivuga kuba ikivugwa ari cyo cyonyine cyangwa cyaganje ibindi biri kumwe mu itsinda cyangwa mu mvange. Kugisubiramo rero byaba ubushake bw’uvuga, ntabwo byaba indi ngingo cyangwa ngo tuvuge ko harimo ibicumbi bibiri.

Ibicumbi -to kisubiyemo inshuro eshatu, hamwe kiba -toya, ahandi kiba -toto, ahandi na ho kiba -to-to. Nubwo cyagaragajwemo ibicumbi bine ariko, byose twabigabanya mu ngingo ebyiri z’ingenzi. Muto, mutoya na mutomuto byose bivuga ingano igaragazwa n’imiterere, ku buryo kuvuga mutomuto ati ubushake bw’uvuga. Ibicumbi -toto cyo gifite inshoza itandukanye n’iy’ingano y’ikintu, kuko nticyakoreshwa ku muntu ngo bigire inyito ifututse. Umuntu mutoto ntabwo yabaho, kuko nta muntu utôoha. Iki gicumbi gikoreshwa ku mazina avuga ibimera, nk’ibiti, ibihingwa cyangwa ibyatsi.

Bityo rero ibicumbi bigaragazwa na Kabayiza V et al (2010) bikaba byakubirwa muri cumi n'ikenda (19) sisanzwe hakiyongeraho ikindi kidasanzwe (-ni) bikaba makumyabiri (20) ari na byo Bizimana Simoni (1998) yagaragaje, ndetse bikaba ari na byo bigaragazwa na Nsanzabiga Eugene afatanyije na Twilingiyimana Chrizogone (2015:25).

Ibi bicumbi kandi byongera kugaragazwa mu gitabo mfashanyigisho cyateguriwe umwaka wa gatanu (5) w'amashuri abanza (2017:104-105). Ibigaragazwamo byo ni nk'uko byagaragajwe haruguru, ariko ku mubare wabyo ho harimo itandukaniro, kuko muri iki cyo hagaragaramo ibicumbi cumi n'ikenda (19) gusa. Impamvu ni uko igicumbi **-to** na **-toto** byombi byashyizwe mu gicumbi kimwe, bakavuga ko ati igicumbi **-to** gishobora kugira impindurantego ya **-toto**.

Mu gitabo mfashanyigisho cyateguriwe umwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye (2017:92) ho bagaragaza ibicumbi bya ntera makumyabiri na kimwe (21), ariko kimwe kirengaho gituruka ku kuba kuriya kwisubiramo kw'igicumbi **-to** kikaba **-to-to** babigize igicumbi ukwacyo. Ahandi ni kimwe n'ibyatanzwe haruguru.

Mu gitabo mfashanyigisho cyateguriwe umwaka wa kane w'amashuri yisumbuye amashami y'indimi (2017:55-56) ho bagaragaza ibicumbi cumi n'ikenda (19) gusa, mu buryo bukurikira:

-bi: Umuntu mubi

-bisi: Igitu kibisi

-gari : Inzu ngari

-gufi : Umugore mugufi

-hire : Urugendo ruhire
-nini : Umurima munini
-niya : kazu kaniya
-nuya : Akazu kanuya
-re : Akantu kure
-sa: Umwana musa
-inshi: Inka nyinshi
-shya: Umwenda mushya
-iza: Inzu nziza
-tagatifu: Umuntu mutagatifu
-ke : Abantu bake
-tindi : Umutego mutindi
-kuru: Umwana mukuru
-to: Umuntu muto
-zima: Umugabo muzima

Muri iki gitabo, bigaragara ko hari ibicumbi bya ntera batanze mu buryo butari bwo byacitse cyangwa se bitabaho mu Kinyarwanda. icyo gicumbi ni **-re**, mu rugero bagitanzeho, nta sanisha riri hagati ya ntera n'izina igaragiye. Ikindi ni uko Bizimana S (1998:179) we avuga ko buri gihe kivugwa gisubiwemo kandi buri gice kikagira inyibutsanteko.

Ikindi gicumbi bavuze cyane ni **-ni**, aho bavuze ko ari igicumbi ukwacyo ndeyse na **-nuya** na yo ikaba igicumbi ukwacyo kandi abandi babigira igicumbi kimwe. Kuba rero babonye ibicumbi 19 kandi harimo kimwe bashyizemo kabiri, bisobanura ko hari ibicumbi batavuze ari byo: **-taraga** ndetse na **-toto**.

Mu gitabo mfashanyigisho cyateguriwe umwaka wa kane w'amashuri yisumbuye mu mashami atari ay'indimi (2017:44) ho bagaragaza ibicumbi makumyabiri na kimwe (21). Ibicumbi -to ndetse na -toto na bo babikubira mu gicumbi kimwe, ariko **-nzinya** ikaba igicumbi ukwacyo ifite n'impindurantego **-nzunyu**, **-niya** na **-niniya**, **-nzuzunya** na yo ikaba igicumbi kindi gifite impindurantego **-nunuya** na **-niniriya**, naho **-nziginya** ikaba ikindi gicumbi gifite impindurantego **-nzugurunyu**.

Ibi byose bimaze kuvugwa haruguru bituma umunyeshuri atabasha kumenya neza ibicumbi bya ntera, dore ko baba baramubwiye ko bizwi, agakomeza kwibaza impinduka zirimo uko zizamo ndetse n'uzishyiramo.

2.3.2.2. Ibicumbi nkomoka

Ibi ni ibicumbi byagaragajwe na Bizimana Simoni (1998) gusa, nta handi hantu wabibona mu gitabo mfashanyigisho, ndetse no mu bindi bitabo by'ubushakashatsi. Bivuga ko byo bitigeze birebwaho nk'ibicumbi bya ntera, ibyitaweho ni ibicumbi buhangwa gusa. Byisanisha n'izina bigaragiye, uretse ko bikoreshwa ku magambo make gusa, naho ubundi byitwara nk'ibindi bicumbi bya ntera bisanzwe. Ibyo bicumbi ni ibi bikurikira nk'uko yabigaragaje (Op Cit: 176-177)

-angu kigira impindurantego **-ango** (Kudakora icyo ugenewe): **Inda nyangu, inshuro nyangu**

-genzi (Urujyano ruvutse rukoreshwa mu kuragura): **Ikiranga kigenzi**

-hanya (gifite ubusame) kijyana n'izina umuhoro: (Mu mugani) **Umuhoro muhanya** utema ibizarara.

-itumo (Kwiyemeza gukora ikintu): **umurimo mwitumo**.

-kurambere (Urujyano ruvutse rukoreshwa mu kuragura): **Ikiranga gikurambere** (Cya kera).

-oro (Kudatunga): **Inyoni nyoro** ntitora mu ruhuri. (Umugani)

-rizi (Ukunda kurira): **Umwana murizi** ntakurwa urutozi. (Umugani)

-rinzi (kurinda) **Umumarayika murinzi/ marayika murinzi.**

-umû: Inkungu nyumû (Inyota ikaze).

Hari abandi bashakashatsi bagiye bagenera agace gato ntera mu bitabo byabo, cyangwa mu nyandiko ngufi yihariye. Muri rusange na bo bagiye bagaragaza ko inshoza ya ntera ituzuye neza kandi ko ari ubwoko bw'ijambo ritihagije. Muri urwo rwego nka Eugène Shimamungu (1998), ashyira ntera mu byo yise mu gifaransa, "les nominaux dépendants". Nubwo asubira muri bya bicumbi bya ntera nk'uko byabonywe na Coupez, ariko usanga yemeza ko ntera ifitanye isano rya hafi n'izina, ku buryo yenda kuvuga ko nta kirango kihariye cya ntera cyayihesha umwanya w'ubwoko bwihariye nk'uko abyivugira nyuma yo gusubiramo ibicumbi bya ntera, nk'uko byagaragajwe na Coupez : "Izo ntera zifite ubushobozi bwo guhindurwa amazina hifashishijwe indomo⁸, igikorwa kiba gikozwe aho ntabwo ari icyo kugaragaza umwimerere ahubwo ni icyo gukomora izina kuri ntera⁹". (SHIMAMUNGU, E. 1998 : 42)

Jean Baka (1988 :44), nyuma yo kugaragaza ingingo eshatu zishingirwaho kugira ngo ubwoko bw'ijambo bwitwe ntera, agaragaza ko yemera ibya

⁸ Ces adjectifs sont susceptibles d'être substantivés par adjonction d'augment (...).

⁹ L'opération ainsi produite n'est pas celle de particularisation, mais celle de passage de la catégorie de l'adjectif à celle de substantif.

Stappers agira ati: "*Ingingo imenyerewe cyane mu ndimi Bantu ni uko ntera ituruka ku izina, ikagengwa na ryo iryisanishaho*¹⁰". Ibyo bigatuma afata umwanzuro ko ntera atari ubwoko bw'ijambo ubwaryo, bwihariye, ahubwo ko ituruka ku izina.

2.4. Uko wamenya ntera

Ntera ni ijambo rirangwa n'igicumbi cyaryo. Kugeza magingo aya, nta kandi karango kakwereka ntera keretse igicumbi cyayo. Ibi bivugwa cyane na Bizimana S (1998 :175) aho avuga ati : "*Ibicumbi bya ntera birabaze..., izina risanisha interuro ntera igasanishwa*". Kabayiza V et al (2010 :64) ho bavugaga ko ntera igaragaza indangasano y'izina igaragiye. Ibi bisobanura ko uramutse utazi ibicumbi bya ntera utamenya ntera, kuko ugendeye ku nshoza wasanga hari n'andi magambo akora ibyo iyo nshoza ivuga ariko atari ntera. Ibicumbi byavuzwe na Bizimana Simoni bitashyizwe mu bindi bicumbi, wabibwirwa no kuba umaze gukeneka inshoza ya ntera, kuko na byo bigaragaza imimerere gusa (ntabwo bigaragaza imiterere).

2.5. Ubundi buryo ntera yakwigaragazamo

Hari andi magambo agaragira izina akavuka ku gicumbi cy'ayo mazina agaragiwe kugira ngo yumvikanishe bikomeye ingingo zibumbatiwe biganisha ko ari umwimerere koko. Indangasano yayo ikunze kuboneka mu nteko ya 14. Aya magambo na yo yitwara cyane nka ntera.

Isuka **busuka**

Inka **buka**

Amazi **buzi**

Imbwa **bubwa**

¹⁰ le cas le plus courant dans les langues bantu est que l'adjectif est une forme nominale, dépendante du substantif avec lequel il s'accorde en classe

2.6. Umumaro wa ntera

Mu Kinyarwanda ntera ishobora kuzuza imimaro ibiri itandukanye itandukanira ahanini ku bwoko bw'ijambo iba iherekeje. Iyo iherekeje inshinga iba ruhamya. Naho iyo iherekeje izina iba imbonerazina.

Ntera igira umumaro wo kuba icyuzuzo ruhamya iyo iherekeje cyangwa yerekana ikintu ku nshinga. Igaragara cyane cyane nyuma y'inshinga kuba (ni, si, ri).

Uyu mukobwa ni **mwiza**

Aba bakobwa ni **beza**

Iki kijumba si **kinini**

Azaba **munini** namara gukura.

Uri **mwiza** mukunzi wange

Mu gitabo cya Kabayiza V et al (2010: 68) bavuga ko ntera igira umumaro w'imfutuzi y'izina igaragiye. Hari n'andi magambo abera izina agaragiye imfutuzi, atari ntera. Ibi bigatuma tutavugaga ko twashingira ku mumaro ngo twemeze ko ijambo ari ntera. Bizimana S (1998 :175) avugaga ko izina risanisha interuro, naho ntera igasanishwa. Ibi na byo bisobanura ko ntera idashingirwaho isanisha mu nteruro, ko ahubwo isanisha ryayo rishingira ku izina, bityo iyo yasimbuye izina igashingirwaho isanisha, iba yabaye izina ntiba ikiri ntera.

Ikindi ni uko iyo igaragaye mu nteruro yonyine, aho Bizimana Simoni avugaga ati “*Ishobora guherekeza ijambo cyangwa kurisimbura*”, isanisha riba rituzuye, icyo gihe uba usabwa gushaka izina iyo ntera yari igaragiye ukarigarura mu nteruro kugira ngo isanisha ryuzure.

Undi mumaro wa ntera ni uwo kugaragaza indanganteko y'amazina afite indanganteko yihishe. Akenshi ayo mazina akunze kuboneka mu nteko ya gatanu (5) n'iya kenda (9). Ishyamba **rinini**, itabi **risa**, inama **nziza**, imambo **mbi**.

Usibye kuba ntera ifite umumaro wo kugira icyo yerekana ku izina igaragiye, ntera ifite n'isumbwe ryo kuba iryoshya imvugo aho izanamo isubiramo, isubirajwi ndetse rimwe na rimwe n'isubirajambo. Iryoshyamvugo rero, ari ryo ryabyaye ikeshamvugo, birumvikana ko rifite umumaro wo kuba ari uburyo bukoreshwa mu bugeni bugamije kuvuga neza, nk'uko Nkejabahizi abyemeza. Uyu muhanga w'Umunyarwanda mu isenguranyandiko n'ijoranganzo ryazo, asubiramo ibya Descartes yerekana ko uzi kuryoshya imvugo abasha kumvikanisha neza kandi vuba ibyo avuga. Asubira mu magambo ya Descartes avugitse atya: *“Abafite imitekerereze icinyiye kandi buza neza ibitekerezo bya bo bagamije gutuma byumvikana vuba kandi neza, ari na bo bashobora gutuma ibyo bavuga byemerwa nubwo baba bavuga ururimi rw'Akarere kandi batarigeze biga kuryoshya imvugo”*. NKEJABAHIZI J C (2018: 33).

2.7. Isanisha rya Ntera mu Kinyarwanda

Isanisha rireba akenshi igitsina, kimwe n'ubumwe n'ubwinshi. Kuri za ntera rero twabonye mbere, (bya bicumbi bya ntera uko ari 23) ni ihame, ntera yisanisha n'izina biri kumwe igafata indanganteko yaryo ho indangasano. Ingero: **Umusore munini** kandi **mugufi**, **Abasore banini** kandi **bagufi**.

Ndetse, mu nteruro, ntera yisanisha n'izina igaragiye, ikinjira mu nteko y'amasano izina igaragiye ririmo, bityo ntera ikaba ari ijambo rishobora kwinjira mu nteko zose z'amasano.

Umukobwa **mugufi** (nt1)

Abakobwa **bagufi** (nt2)

Imyenda **migufi** (nt4)

Ntera iyo ifashe indomo ihinduka izina.

Umuto niwe waje

Abarebare bajye inyuma

2.8. Imbusane mu bicumbi bya ntera

Mu bicumbi bya ntera twabonye, hagaragaramo ibibusanya n'ibindi, ibi bikaba bituma umuntu yavuga ko ibyo bicumbi kuva bishyamirana umuntu atabigira igicumbi kimwe, nk'uko usanga mu rurimi rw'Igiswayire hari ubwo bafata inteko z'amazina¹¹ z'ubumwe n'ubwinshi bakazishyira mu nteko imwe. (NTAWIGAYA S, et al 2016)

-gufi ≠ -re-re

-to ≠ -kuru

-to ≠ -nini

-iza ≠ -bi

-inshi ≠ -nzinya

2.9. Amahange y'ubu bushakashatsi

Ubu bushakashatsi bwagendeye mu muyoboro w'amahange abiri: Hari **ihange nyamujora** (Critical Theory) n'ihange nyamiterere (Structuralism). Stephen, D. B. (2009), mu gitabo ke yise "The Power of Critical Theory: Liberating Adult Learning and Teaching", tugenekereje twavuga ko ari imbaraga z'ihange nyamujora: kubohora abantu bakuze, bakiga ndetse bakigisha, yavuze ko ihange nyamujora ari uburyo bwo kwitegereza, gutekereza ku byakozwe, kubisesengura byimbitse, ukagira ibyo ushima n'ibyo unenga. Iri hange rero ryadufashije gutekereza cyane ku byo abashakashatsi ba mbere bise ntera ziba mu rurimi rw'Ikinyarwanda,

¹¹ Ngeli za majina

turazisesengura tubona hari ibidahwitse birimo kandi byigwa mu mashuri yo mu Rwanda.

Ihange nyamiterere ryo ni ihange risobanura ko mu kwiga no kumenya ibigize ikintu runaka, ugomba kwita ku miterere yacyo uhereye ku ngirangingo yacyo nto. Mu iyigandimi, ihange nyamiterere rivuga ko umunyandimi asesengura imiterere y'ururimi ahereye ku miterere y'amajwi yarwo, y'amagambo n'intego zayo, interoro n'ibindi. Iri hange nyamiterere ryatubereye umuyoboro ukomeye muri ubu bushakashatsi kuko ryadufashije gushaka imiterere ya ntera hagamijwe kumenya izuzuje ibyangombwa byo kwitwa ntera no gutahura ibidahwitse.

Andi mahange, twasanze atarebana n'icyerekezo twahisemo cy'ubushakashatsi bwacu, bityo ntibyabaye ngombwa kongera kuyandukura uko yakabaye.

Umusozo

Ubushakashatsi bwakozwe kuri ntera bwagaragaje umubare w'ibicumbi utandukanye, ndetse hari n'ibicumbi bitavuzweho cyane cyangwa bitacukumbuwe. Ibinyo bitacukumbuwe kandi ntibyashyizwe mu bitabo mfashanyigisho, bisobanura ko ibyonyo bicumbi bigaragazwa nk'ibitabaho.

Ubushakashatsi kandi bwavuze ko ntera yisanisha mu nteko zose, aho kuvuga ko ibicumbi bya ntera ari byo byisanisha mu nteko zose. Kuvuga ko bishobora kwisanisha mu nteko zose na byo bifite uburyo biteza ingorane, kuko atari ibicumbi byose bya ntera bishobora kwisanisha mu nteko zose. Ikindi ni uko n'ibyonyo byakwisaniye mu nteko zose, hari aho wajy ausanga urukurikirane rw'ayo magambo (izina na ntera) ruvuga imvugo idakoreshwa mu Kinyarwanda, twakwita imvugo ikocamye.

Uturango twa ntera n'umumaro byerekana ko ntera zavuzwe atari zo zonyine zikwiye kubarirwa mu bwoko bwa ntera, ahubwo hakwiye

kwiyongeramo izindi. Umubare wa ntera ukwiye kwiyongera kuko usanga hari ntera zibagiranye. Ikindi ni uko ubwoko bwa ntera butagomba kuba ubwoko bufunze (aho bavuga ngo ibicumbi bya ntera birazwi), ndetse no mu gutanga ingero hakajya hagaragazwa inteko buri gicumbi gishobora kwisanishamo, kuko twabonye ko ibicumbi byose bitisanisha mu nteko zose.

UMUTWE WA GATATU: UBURYO UBU BUSHAKASHATSI BWAKOZWEMO.

3.1. Intangiriro

Kugira ngo ubushakashatsi bugere ku ntego zabwo bugomba gukurikiza iyoboramikorere rifututse. Ubushakashatsi kandi ni igikoresho kifashishwa mu kugera ku kerekezo kiza. Ni na yo mpamvu iyo bukozwe nabi budindiza byinshi¹². (Prabhat P& Meenu Mishra P 2015). Uyu mutwe uragaragaza iyoboranzira tuzakurikiza (research approach), ubwoko bw'amakuru tuzakusanya, uburyo ayo makuru azakusanywa ndetse n'uburyo tuzayasesengura.

Uzagaragaza kandi itsinda nkeshwamakuru (sample) rivuye mu itsinda nshingirwaho (target population), ndetse n'imikiko (sampling techniques) yakoreshejwe kugira ngo tugere ku itsinda nkeshwamakuru.

Ntitugomba kugarukira ku kuvuga uburyo bukoreshwa gusa, tugomba no kugaragaza ikihishe inyuma y'ubwo buryo twakoresheje, tukanasobanura impamvu twahisemo cyangwa tutashoboye gukoresha ubwo tutakoresheje, bityo ubushakashatsi bube bwazuzumwa natwe cyangwa n'undi¹³. (C.R Kothari 2004).

Mu bigaragazwa muri uyu mutwe kandi, harimo uko ikusanyamakuru (data collection) ryakozwe, ibikoresho byifashishijwe (data collection

¹² Without systematic research, there would have been very little progress.

¹³ when we talk of research methodology we not only talk of the research methods but also consider the logic behind the methods we use in the context of our research study and explain why we are using a particular method or technique and why we are not using others so that research results are capable of being evaluated either by the researcher himself or by others.

instruments), n'uko twagaragaje amakuru twakusanyije (data coding and presentation), ntitwagarukiye aho gusa, ahubwo twanagaragaje uko amakuru twakusanyije yasesenguwe (data discussion/analysis) ndetse tunarangiza dutanga umusozo w'umutwe.

3.2. Imiterere y'ubushakashatsi

Igikorwa gikurikira gusobanura imiterere y'ikibazo cy'ubushakashatsi ni ugutegura igenamigambi cyangwa se uko ubushakashatsi buzakorwa (research design). Ibi biba bigamije gushyira kuri gahunda uburyo bw'ikusanyamakuru n'isesenguramakuru. Iki gihe, umushakashatsi aba afite intego yo guhuza iby'ingenzi bituma intumbero y'ubushakashatsi bwe igerwaho.

Muri iri genamigambi, tugaragaza icyo ubushakashatsi bushingiyeho, impamvu y'ubu bushakashatsi, aho ubushakashatsi buzakorerwa, ubwoko bw'amakuru dukeneye, aho tuzakura amakuru, uko amakuru azaboneka, igihe amakuru azabonekamo (igihe tuzamara dukusanya amakuru), uburyo buzakoreshwa mu guhitamo itsinda nkeshwamakuru, uburyo tuzakoresha dukusanya amakuru, ndetse n'uburyo tuzasesengura amakuru twabonye hiyongeyeho n'uburyo tuzatanga raporo.

3.3. Imbago z'ubu bushakashatsi

Ntera ni ubwoko bw'ijambo bwavuzweho n'abashakashatsi banyuranye kandi abenshi bagendeye ku ndimi z'amahanga. Inshoza yatanzwe kuri ntera kugeza ubu igaragaza ko ibicumbi bya ntera byisanisha mu nteko zose, ariko nta rugero rwigeze rutangwa rugaragaza uburyo ibicumbi bya ntera byose bishobora kwisanisha mu nteko zose. Aha ni na ho ubushakashatsi bwashingiye, bushaka gucukumbura ndetse no kuva imuzi ibicumbi bya ntera, no kureba koko niba byose byakwisanisha mu nteko

zose, bityo iyi nshoza ikaba isobanutse koko. Ikindi ni uko hari ibindi bicumbi byagaragajwe n’umushakashatsi mu kibonezamvugo k’Ikinyarwanda (Bizimana Simoni 1998), ariko bikaba bidashyirwa mu bicumbi bya ntera, kandi ubushakashatsi bwe bugaragaza ko ari ibicumbi bya ntera, bishobora kwisanisha mu nteko zimwe na zimwe, nk’uko ibindi bicumbi bisanzwe bigaragazwa mu bicumbi bya ntera bibigenza.

Ni muri urwo rwego ubu bushakashatsi buzibanda ku kugaragaza uburyo ibitabo mfashanyigisho ndetse n’iby’ubushakashatsi bigaragaza ntera, inshoza biyitangaho ndetse n’ingero, tunabaze abanyeshuri ndetse n’abarimu ibibazo bituma tumenya uko bumva inshoza ya ntera. Mu gutoranya itsinda nkeshwamakuru tuzifashisha uburyo bwa tombora (probability sampling) kubera ko ibizava mu bushakashatsi bizitirirwa itsinda ryose (abanyeshuri biga Ikinyarwanda ndetse n’abarimu bakigisha). Tuzifashisha kandi itsinda nkeshwamakuru rishingiye ku mpamvu, kubera ko hari abo twizeye baduha amakuru kurusha abandi.

3.4. Itsinda nshingirwaho (population)

Abashakashatsi banyuranye harimo Prabhat P na Meenu Mishra P (2015) bavuga ko itsinda nshingirwaho ari uturango tw’itsinda runaka¹⁴, naho C.R Kothari (2004) we akavuga ko itsinda nshingirwaho ritoranywa hagamijwe kwiga ku turango runaka tw’itsinda¹⁵. Ni muri urwo rwego natwe twahisemo kwiga ku buryo abanyeshuri n’abarimu babona inshoza ya ntera.

¹⁴ Characteristics of a specific group.

¹⁵ This population is selected according to some rule for studying some characteristic of the population.

Ubu bushakashatsi bwibanze ku barimu bigisha Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye, ibyiciro byombi (ikiciro rusange ndetse n'ikiciro cya kabiri), ndetse bunibanda no ku banyeshuri biga Ikinyarwanda nk'isomo ry'ikiciro mu kiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye, mu mashami nka LKK, LFK, EKK. Muri aya mashami, ni ho abanyeshuri biga Ikinyarwanda umwanya munini (amasaha 7 mu cyumweru) ndetse ni na bo bemererwa kwiga Ikinyarwanda muri kaminuza, bivuga ko ari bo bafite amakuru yizewe ku nshoza ya ntera.

Twibanze ku myaka yo hejuru (umwaka wa Gatanu n'uwa Gatandatu) muri ibyo byiciro, kubera ko twasanze ari bo bafite amakuru ku bushakashatsi bwacu, dore ko ari bo bize inshoza ya ntera inshuro nyinshi (kuva mu mashuri abanza kugeza mu mashuri yisumbuye). Kuba rero barabashije kwiga inshoza ya ntera inshuro eshatu (mu wa kane w'amashuri abanza, mu wa mbere no mu wa kane w'amashuri yisumbuye), kandi bakaba baniga Ikinyarwanda nk'isomo ry'ikiciro (core subject), byumvikana ko ari bo bafite amakuru y'umwimerere.

3.5. Uburyo bwakoreshejwe mu ikusanyamakuru

Mu gukusanya amakuru, twifashishije impapuro z'ibibazo zitandukanye bitewe n'uko twabonaga twagera ku baduhaye amakuru. Aya ni amakuru y'ibanze. Twakoze urutonde rw'ibibazo rutangwa n'urutonde rw'ibibazo rwoherezwa. Mu gukusanya amakuru y'inyongera twifashishije ibitabo mfashanyigisho byateguriwe amashuri abanza n'ayisumbuye, ndetse twifashisha n'ibindi bitabo by'ubushakashatsi.

3.5.1. Urutonde rw'ibibazo rutangwa

Uru ni urupapuro rw'ibibazo rugaragara (hard copy), rwahawe abanyeshuri biga ku bigo bitatu, mu kiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye, mu

mashami y'indimi. Rwadufashije kubaza ibibazo bimwe, ku buryo bumwe kandi kuri bose. (C.R Kothari 2004). Nyuma yo kwakira ibisubizo, twabitse neza dutegereza igihe cyo gusesengura.

3.5.2. Urutonde rw'ibibazo rwoherezwa

Uru ni urutonde rw'ibibazo byanditse kuri murandasi (soft copy) rwoherezwa hakoreshejwe ihuzanzira (internet). Buri mukeshwamakuru yohererejwe imbumbabutumwa (link) maze yayifungura agahita abona ibibazo akabisubiza, nyuma akongera akatwoherereza maze tukabona ibisubizo mu buryo bw'ikoranabuhanga.

Ibibazo bitanzwe muri ubu buryo bifasha abakeshwamakuru cyane kuko baba bashobora gusubiza igihe bashakiye kandi mu buryo buboroheye, bapfa kuba bafite ihuzanzira gusa. Hashobora kubisubiza igihe baboneye umwanya, bitabasabye kwicara ahantu hamwe ngo basubize kuko nta gihe baba bahawe cyo kuba basubije. Ibi kandi ntabwo byadusabye amikoro menshi kuko tutafashe umwanya ngo tuge gushaka buri mukeshwamakuru, dore ko abarimu baba batari ahantu hamwe ngo tubabonere icyarimwe. (C.R Kothari 2004).

3.6. Ubwoko bw'amakuru

Muri ubu bushakashatsi twifashishije ubwoko bubiri bw'amakuru nk'uko bivugwa na Mukama E & Nkusi L 2019: 103-115. Amakuru shingiro (primary data) ndetse n'amakuru y'inyongera (secondary data). Amakuru shingiro ni ayakuwe mu bitabo mfashanyigisho ndetse n'ibitabo by'ubushakashatsi, akaba yarasesenguriwe mu mitwe yabanje (umutwe wa mbere n'uwa kabiri).

Amakuru y'inyongera twayakuye mu banyeshuri ndetse n'abarimu twabajije ibibazo, bamwe tubiboherereje (abarimu) abandi tubibahaye imbonankubone (abanyeshuri). Aya makuru agaragaza uko inshoza ya ntera yumvikana mu banyeshuri ndetse no mu barimu, akaba asesengurirwa mu mutwe ukurikira uyu ari wow a kane.

3.7. Uruhare rw'umushakashatsi mu gukusanya amakuru

Mu gihe cyo gukusanya amakuru, twasabwe gusobanurira abakeshwamakuru imvamu y'ubushakashatsi bwacu, gusubiza ibibazo bibazaho ndetse no gutanga umurongo ugaragaza uburyo amakuru bagiye kuduha nta nkurikizi azabazanira. Abakeshwamakuru bamaze gusobanurirwa ndetse no kwemera kuduha amakuru nta gahato, twabasabye kuzuzura urupapuro, barangije baradusubiza. Ibi byakuyeho urujijo ndetse n'ubwoba bari bafitiye ubushakashatsi bwacu, ikindi kandi bibafasha gusobanukirwa icyo ubushakashatsi bwacu buzabamarira.

Abarimu bo bohererejwe ibibazo mu buryo bw'ikoranabuhanga. Ni na yo mpamvu tutabarebaga ngo na bo tubaganirize nk'uko twaganirije abanyeshuri, ariko na bo basobanuriwe mu buryo bw'ikoranabuhanga. Batubajije ibibazo bigendanye n'ubushakashatsi tutrabasubiza, hanyuma batwemerera gutanga amakuru, gusa ibyo babajije ntabwo byari byinshi nk'iby'abanyeshuri, kuko bo basobanukiwe n'akamaro k'ubushakashatsi bukozwe ku isomo bigisha.

3.8. Uburyo amakuru yasesenguwe

Mu isesengura ry'amakuru y'inyongera twakuye mu bakeshwamakuru, twifashishije amatsinda abiri, kuko amakuru na yo yari mu matsinda abiri. Hari amakuru twahawe n'abanyeshuri, hakaba n'ayo twahawe n'abarimu. Ikiyongera kuri ibi ni uko n'uburyo twayahawemo bwari butandukanye.

Abanyeshuri basubirije mu mpapuro zigaragara (hard copy) bifashishije amakaramu, ariko abarimu basubirije ku mpapuro zidafatika (soft copy) zinyujijwe mu ikoranabuhanga.

Amakuru amaze gushyirwa mu byiciro, twagiye duhuza amakuru asa bitewe n'ikiciro. Ntitwashoboye guhuriza hamwe ibyiciro byombi kuko amakuru yavuyemo atari amwe, kandi n'intekerezo z'abasubirije muri ibyo byiciro ntizari zimwe.

Mu gusesengura ikiciro cy'amakuru yatanzwe n'abanyeshuri twifashishije inkoranabuhanga izobereye mu gusesengura amakuru nyamubano na nyamubaro (SPSS), naho mu gusesengura ayavuye mu barimu twifashishije uburyo ayo makuru yagaragajwe kuri murandasi, hagenda hagaragazwa amashusho y'ibkubirahamwe z'ibisubizo byatanzwe (kuko uburyo twakoresheje).

Umusozo

Mu gukusanya amakuru, umushakashatsi aba yumva yavugana n'abakeshwamakuru bose, ariko bikaba ngombwa ko ahitamo itsinda nkeshwamakuru, kuko akenshi biba bigoye kugera kuri bose. Ni na yo mpamvu natwe twahisemo itsinda nkeshwamakuru tugendeye ku bushobozi bwacu ndetse n'igihe twari dufite.

Ibikoresho twifashishije dukusanya amakuru na byo byagendeye ku gihe twari dufite ndetse n'ubushobozi, ku buryo tutashoboye kwifashisha ibikoresho byose byari ngombwa. Amashami yiga Ikinyarwanda nk'isomo shingiro ni yo yagombaga kuduha amakuru yimbitse, kuko abanyeshuri baryigamo baba bazobereye cyangwa barakenetse Ikinyarwanda, kandi

bagifata nk'isomo rizatuma babona impamyabumenyi, ndetse bakaba banaryiga muri kaminuza, iki gihe baba bararyitayeho cyane rero.

Itsinda ry'abarimu twafashe ni iry'abari bashoboye gukoresha ikoranabuhanga, kuko si bose bafite ubumenyi ku mbumbamakuru (links), kuzifungura ndetse no gusubiza ibibazo babazwa bifashishije ikoranabuhanga. Ibi bisobanura ko abo twazihaye twari tuzi neza ko bazabishobora ndetse banabyemeye.

Twahisemo ibigo bitatu (mu karere kamwe) gusa, kuko ari byo twabashije kugeraho, abarimu na bo twahisemo abo twabashije kubona (convenience sampling). Ibikoresho byifashishijwe mu gusesengura amakuru bigaragara mu mutwe wa kane, ari wo ukurikiraho.

UMUTWE WA KANE: ISESENGURA RY’AMAKURU YAKUSANYIJWE

4.1. Intangiriro

Muri uyu mutwe tugamije gusesengura amakuru y’inyongera (secondary data) yakusanyijwe. Nyuma yo gusesengura itsinda nkeshwamakuru mu buryo burambuye turagaragaza uko amakuru yatanzwe asobanura inshoza ya ntera. Itsinda ry’abanyeshuri ryatanze amakuru mu buryo butandukanye n’ubw’itsinda ry’abarimu. Ikiciro cya mbere kigaragaza uko abanyeshuri basubije, naho ikiciro cya kabiri kikagaragaza uko abarimu basubije. Turibukiranya kandi ko muri iki gice tugendera ku ihange nyamujora, aho dushima cyangwa tukanenga ibitameze neza birebana na ntera zo mu rurimi rw’Ikinyarwanda. Ihange nyamiterere ryo ni umuyoboro tugenderamo mu karagaza intego cyangwa se uturemajambo twa ntera, twerekana ibitanoze, hagamijwe kwerekana uko byagombye kugenda.

4.2. Uko abanyeshuri basubije

4.2.1. Itsinda nkeshwamakuru

Itsinda nkeshwamakuru rigizwe n’abanyeshuri mirongo inani na batanu (85), baturuka mu bigo bitatu ari byo: **GS CYINAMA** iherereye mu murenge wa Mubuga, Akagari ka Murangara umudugudu wa Rwakamuri, **ES GASENYI** iherereye mu murenge wa Mutuntu, Akagari ka Byogo umudugudu wa Gasenyi, ndetse na **ES BISESERO** iherereye mu murenge wa Gishyita akagari ka Cyanya umudugudu wa Gitovu, biga mu kiciro cya kabiri cy’amashuri yisumbuye, umwaka wa gatanu (S5) n’uwa Gatandatu (S6), mu mashami abiri ari yo LFK na LKK. Ibi bigo by’amashuri byose biherereye mu karere ka Karongi, intara y’Uburengerazuba. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza umubare w’abanyeshuri ba buri kigo.

Imb 1: Ibyiciro, imyaka n'ibigo abanyeshuri babajijwe bigamo

| Ishami/Umwaka | | | Ishuri | | | Igiteranyo |
|---------------|------------|---|---------------|---------------|----------------|------------|
| | | | Gs Cyinama | Es Gasenyi | Es Bisesero | |
| LFK | C | S | | 19 | 15 | 34 |
| | la | 5 | | | | |
| | ss | S | | 7 | 17 | 24 |
| | | 6 | | | | |
| | Total | | | 26 | 32 | 58 |
| LKK | C | S | 27 | | | 27 |
| | la | 6 | | | | |
| | ss | | | | | |
| | Total | | 27 | | | 27 |
| Igi | C | S | 0 | 19 | 15 | 34 |
| | la | 5 | | | | |
| | ss | S | 27 | 7 | 17 | 51 |
| | | 6 | | | | |
| yo | Igiteranyo | | 27 | 26 | 32 | 85 |

Nk'uko bigaragara ku mbonerahamwe iri hejuru, abanyeshuri 27 nibo twasanze muri GS CYINAMA kandi bose twarababajije bihwaye na 100%, mu Kigo cya ES GASENYI twahasanze abanyeshuri 26 kandi bose twarababajije bihwaye na 100% naho mu Kigo cya ES Bisesero twahasanze abanyeshuri 32 kandi twababajije bose bihwaye na 100%. Bose hamwe ni 85/85 bihwaye na 100%.

4.2.2. Ibibazo abanyeshuri babajijwe

Abanyeshuri babajijwe ibibazo bishingiye ku ngingo eshatu ari zo: kuvuga ubwoko bw'amagambo bahawe, kuvuga inshoza ya ntera ndetse no gutanga ingero za ntera banasobanura icyo iyo ntera yaba ishatse kuvuga mu magambo make. Ibi bibazo byose ariko bishingiye ku kumenya niba abanyeshuri barakenetse inshoza ya ntera muri rusange.

4.2.2.1. Uko abanyeshuri bagaragaza inshoza ya ntera

Mu bitabo mfashanyigisho ndetse no mu bitabo by'ubushakashatsi bagaragaza inshoza ya ntera irimo ingingo zitandukanye, ari zo kuba ntera igaragira izina, ikisanisha na ryo, ikarigaragazaho imimerere, imiterere cyangwa ingano, kuba ntera ifata indanganteko y'izina igaragiye ho indangasano yayo, ndetse no kuba ibicumbi bya ntera byisanisha mu nteko zose (aha ariko bavugaga ko ntera yisanisha mu nteko zose). Izi ngingo zose zagaragaye mu nshoza zatanze n'abanyeshuri nk'uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe.

Imb 2: Uko abanyeshuri bagaragaje inshoza ya ntera

| | Ingan o | Ijanis ha | Ijanis ha rimw e | Igit anyo |
|--|------------|--------------|---------------------------|--------------|
| ni akajambo kagaragira izina kerekana imimerere n'imiterere yiryo jambo kagaragiye | 6 | 7. | 7.1 | 7. |
| Ni ijambo rigaragira izina rikerekana imimerere yaryo rigafata indanganteko yaryo ho indangasano | 4 | 4. 8 | 4.8 | 11 .8 |

| | | | |
|---|---|------|------|
| ni ijambo igaragira izina rikisanisha na ryo rikerekana imimerere cyangwa imiterere | 3 | 3.6 | 15.3 |
| ni ijambo rigaragira izina rikarisobanura, ryerekana ingano, imimerere n'imiterere yaryo | 6 | 7.2 | 22.4 |
| ni ijambo rigaragira izina rikerekana imimerere, ingano n'imiterere. Yisanisha n'izina biri kumwe igafata indanganteko yaryo ho indangasano | 6 | 7.2 | 29.4 |
| ni ijambo rigaragira izina rikisanisha na ryo rigafata indanganteko yaryo ho indangasano | 1 | 13 | 42.4 |
| ni ijambo rigaragira izina rikisanisha na ryo rikaryerekanaho imimerere cyangwa imiterere kandi ikora mu nteko zose | 6 | 7.1 | 49.4 |
| ni ijambo rigaragira izina rikisanisha na ryo rigafata indanganteko yaryo ho indangasano kandi ikora mu nteko zose | 2 | 34.3 | 84.7 |
| ni karemajambo kagaragiye izina kagira uturemajambo tubiri, kagaragaza imiterere n'imimerere yaryo | 1 | 12 | 96.5 |
| | 0 | | |

| | | | | |
|---|---|----|-------|----|
| nta gisubizo | 2 | 2. | 2.4 | 98 |
| | | 4 | | .8 |
| ntera igaragira izina ikisanisha na ryo, igafata indanganteko yaryo ho | 1 | 1. | 1.2 | 10 |
| indangasano | | 2 | | 0. |
| | | | | 0 |
| Igiteranyo | 8 | 10 | 100.0 | |
| | 5 | 0. | | |
| | | 0 | | |

Izi nshoza zatanzwe zose zihuriza ku ngingo twagaragaje haruguru zerekana uko inshoza ya ntera ivugwa mu bitabo mfashanyigisho ndetse n'ibitabo by'ubushakashatsi. Bisobanura ko abanyeshuri basobanukiwe neza inshoza ya ntera, nk'uko bayigishijwe cyangwa uko bayisoma mu bitabo binyuranye, kuko nubwo bagaragaje inshoza zitandukanye, ariko zose zihuriza ku ngingo zimwe, utavuze ingingo runaka undi yarayigaragaje. Izi nshoza zatanzwe ni zo zagaragaje ko abanyeshuri bashobora gutandukanya ntera n'ayandi moko y'amagambo. Abenshi 29 bahwanye na 34.3% bahuriye ko ntera ari ijamba rigaragira izina rikisanisha na ryo rigafata indanganteko yaryo ho indangasano kandi ikora mu nteko zose.

4.2.2.2. Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'amagambo

Abanyeshuri babajijwe kugaragaza ubwoko bw'amagambo yaciweho akarongo. Ayo magambo uko yari yatanzwe, hari harimo ntera zifite ibicumbi bimenyerewe (bigaragazwa mu bitabo abanyeshuri bifashisha) ndetse na ntera zifite ibicumbi bitavugwa mu bitabo byifashishwa, ariko bigaragara mu gitabo kimwe cya Bizimana Simoni (1998).

a) Nabonye umwana **mwiza** mu kibuga **kinini** kiri yafi y'imbuga **ngari** twanikaho amasaka.

Ibicumbi bya ntera bigaragara muri iyi nteruro byose birasanzwe (ku banyeshuri kuko bigaragazwa mu bitabo bakoresha). Uko bagaragaje ubwoko bw'amagambo bigaragara mu mbonerahamwe zikurikira.

Imb 3: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “mwiza”

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajanja |
|--------------|--------|----------|----------------|------------------------|
| Ntera | 84 | 98.8 | 98.8 | 98.8 |
| ubundi bwoko | 1 | 1.2 | 1.2 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Imb 4: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “kinini”

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajanja |
|--------------|--------|----------|----------------|------------------------|
| Ntera | 82 | 96.5 | 96.5 | 96.5 |
| Igisanter a | 2 | 2.4 | 2.4 | 98.8 |
| ubundi bwoko | 1 | 1.2 | 1.2 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Imb 5: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “ngari”

| | Inganano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajanja |
|--------------|----------|----------|----------------|------------------------|
| ntera | 82 | 96.5 | 96.5 | 96.5 |
| igisantera | 1 | 1.2 | 1.2 | 97.6 |
| ubundi bwoko | 2 | 2.4 | 2.4 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Mu mbonerahamwe ya 3, 4 n'ya 5 Bigaragara ko abanyeshuri basaga **86.5%** babashije gutahura ko ariya magambo bahawe ari ntera, kandi banagendeye ku nshoza ya ntera, kuko ariya magambo agaragiye izina, yisanisha na ryo, agaragaza imimerere cyangwa imiterere, kandi ibicumbi byayo bibarirwa mu bicumbi bya ntera.

b) Umuko **mutoto** uba ufite ibara **ribi** kuko ugaragaza amababi **maremare** kandi atoshye.

Amagambo yabajijwe muri iyi nteruro na yo afite ibicumbi bisanzwe kandi ni ntera. Uko abanyeshuri batanzwe ubwoko bwayo bigaragazwa n'imbonerahamwe zikurikira.

Imb 6: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “mutoto”

| | Inganano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajanja |
|------------|----------|----------|----------------|------------------------|
| ntera | 82 | 96.5 | 96.5 | 96.5 |
| igisantera | 2 | 2.4 | 2.4 | 98.8 |
| bundi woko | 1 | 1.2 | 1.2 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Imb 7: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “ ribi”

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajanja |
|------------|--------|----------|----------------|------------------------|
| ntera | 82 | 96.5 | 96.5 | 96.5 |
| igisantera | 1 | 1.2 | 1.2 | 97.6 |
| ubundi | 2 | 2.4 | 2.4 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Imb 8: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “maremare”

| | Inga no | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajanja |
|------------|---------|----------|----------------|------------------------|
| ntera | 83 | 97.6 | 97.6 | 97.6 |
| igisantera | 1 | 1.2 | 1.2 | 98.8 |
| ubundi | 1 | 1.2 | 1.2 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Turebye imbonerahamwe 6,7 na 8, dusanga Abanyeshuri basaga **96.5%** babashije kubona ko amagambo babajijwe ari ntera. Bigaragara ko imiterere y'aya magambo mu nteruro ihuye neza n'uko bize ntera, cyangwa se uko bayisomye mu bitabo binyuranye. Byashoboka ko bake bayise ibisantera bayitiranyije kubera kwibagirwa umwihariko w'ibiranga igisantera.

- c) Abantu **batagatifu** baba ahantu hake ku isi kandi bagira ibikorwa **byinshi** mu gihe **gito**.

Ibicumbi bya ntera byahawe abanyeshuri muri iyi nteruro na byo ni ibimenyerewe, bigaragazwa mu bitabo byifashishwa n’abanyeshuri ndetse n’abarimu. Uko ubwoko bw’aya magambo bwagaragajwe bigaragara muri iyzi mbonerahamwe.

Imb 9: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw’ijambo “batagatifu”

| | Inga no | Ijanish a | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy’amajanisha |
|-----------------|------------|--------------|-------------------|-----------------------------|
| ntera | 77 | 90.6 | 90.6 | 90.6 |
| igisantera | 6 | 7.1 | 7.1 | 97.6 |
| ubundi bwoko | 2 | 2.4 | 2.4 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Imb 10: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw’ijambo “byinshi”

| | Ingan o | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy’amajanisha |
|--------------|------------|----------|-------------------|-----------------------------|
| Ntera | 82 | 96.5 | 96.5 | 96.5 |
| Igisantero | 2 | 2.4 | 2.4 | 98.8 |
| ubundi ko | 1 | 1.2 | 1.2 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Imb 11:Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “gito”

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajanja |
|--------------|--------|----------|----------------|------------------------|
| Ntera | 82 | 96.5 | 96.5 | 96.5 |
| Igisanterana | 1 | 1.2 | 1.2 | 97.6 |
| ubundi bwoko | 2 | 2.4 | 2.4 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Muri ntera zabajijwe nk'uko zigaragazwa n'ibicumbi bitatu byatanzwe mu imb 9,10,11, igicumbi “-tagatifu” cyagaragaye ko kitamenyerewe n'ubwo kibarizwa mu bicumbi bya ntera, kuko abanyeshuri batandatu (6) bahwanye na **7.1%** bose bavuze ko jambo rifite iki gicumbi kandi ryujuje ibindi uturango twose twa ntera ari “igisantera”. Ku ijanisha, bigaragara ko abasaga **94%** bavuze ko aya magambo uko ari 3 ari ntera, umubare ukaba waragabanyutse cyane kubera igicumbi “-tagatifu”.

- d) Umwana **murizi** ntakurwa urutozi, kandi umuhoro **muhanya** utema ahazashibuka.

Ibicumbi byatanzwe muri iyi nteruro, ntibigaragara mu bicumbi bya ntera biri mu bitabo mfashanyigisho, ahubwo bigaragazwa mu gitabo cya Bizimana Simoni (1998), ariko na we avuga ko ari ibicumbi “nkomoka” bya ntera. Ibi rero ntabwo byigishwa nk'ibicumbi bikora ntera. Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'aya magambo bigaragara mu mbonerahamwe zikurikira.

Imb 12: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “murizi”

| | Inga no | Ijan isha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajanisha |
|-----------------|------------|--------------|-------------------|-----------------------------|
| Ntera | 31 | 36. 5 | 36.5 | 36.5 |
| Igisanter a | 53 | 62. 4 | 62.4 | 98.8 |
| ubundi bwoko | 1 | 1.2 | 1.2 | 100.0 |
| Igiteran yo | 85 | 100 .0 | 100.0 | |

Imb 13: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “muhanya”

| | Inga no | Ijan isha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajanisha |
|-----------------|------------|--------------|-------------------|-----------------------------|
| Ntera | 30 | 35. 3 | 35.3 | 35.3 |
| Igisanter a | 54 | 63. 5 | 63.5 | 98.8 |
| ubundi bwoko | 1 | 1.2 | 1.2 | 100.0 |
| Igiteran yo | 85 | 100 .0 | 100.0 | |

Turebye ibisubizo byatanze n'abanyeshuri ku magambo yabajijwe mu mbonerahamwe 12 na 13, bigaragara ko abanyeshuri basaga **63.5%**

batayazi nka ntera, ahubwo bayazi nk'ibisantera. Ibi bigaragaza ko inshoza ya ntera igenda itatirwa ho gato, kuko aya magambo yisanishije n'amazina agaragiye, akagaragaza imiterere n'imimerere yayo (nk'uko ntera ibigenza), ariko ibicumbi byayo ntibibarirwa mu bicumbi bya ntera (turebye mu bitabo mfashanyigisho). Ni cyo cyatumye abasaga **35.5%** ari bo bonyine bavuga ko **ari ntera**, kuko ushobora gusanga bararebye bakabona amagambo babajijwe mbere ahuje uturango n'aya, naho **abasaga 62%** bakaba baravuze ko ari ibisantera, kuko bagendeye ku bitabo mfashanyigisho bigiyemo bagasanga ibi bicumbi bitagaragara mu bicumbi bya ntera.

e) Inyoni **nyoro** ntitora mu ruhuri.

Ijambo ryabajijwe muri iyi nteruro na ryo rifite igicumbi kitamenyerewe mu bicumbi bya ntera. Nk'uko byagaragajwe mu nteruro yayibanjirije, abanyeshuri bavuze ubwoko bw'iri jambo uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe.

Imb 14: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “nyoro”

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajanja |
|--------------|--------|----------|----------------|------------------------|
| Ntera | 23 | 27.1 | 27.1 | 27.1 |
| igisantera | 61 | 71.8 | 71.8 | 98.8 |
| ubundi bwoko | 1 | 1.2 | 1.2 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Turebye iyi mbonerahamwe ya 14, abanyeshuri **23** gusa bahwanye na **27.1%** ni bo bavuze ko **nyoro** ari ntera, naho 61 bahwanye na **71.8%** bose bavuga ko ari igisantera. Ibi bivuga ko iki gicumbi kitabarirwa mu bicumbi

bya ntera, abarigize ntera bakaba bagendeye ku kuba bumvaga amagambo yose bari kubazwa ari ntera, cyangwa bakaba barashoboye gusoma igitabo cya Bizimana Simoni (1998) kuko ni mo iki gicumbi kigaragazwa nk'igicumbi “nkomoka” cya ntera.

- f) Imana yohereje umumarayika **murinzi** kugira ngo abantu **bazima** bakomeze kugira ubugingo.

Mu magambo yabajijwe muri iyi nteruro, harimo irifite igicumbi cya ntera kimenyerewe “igicumbi buhangwa cya ntera” ari cyo “-zima”, ndetse n'irindi rifite “igicumbi nkomoka cya ntera” ari cyo “-rinzi” nk'uko bivugwa na Bizimana Simoni (1998:175-176). Abanyeshuri basubije mu buryo bugaragazwa n'imbonerahamwe zikurikira.

Imb 15: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “murinzi”

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajanja |
|--------------|--------|----------|----------------|------------------------|
| Ntera | 29 | 34.1 | 34.1 | 34.1 |
| igisantera | 55 | 64.7 | 64.7 | 98.8 |
| ubundi bwoko | 1 | 1.2 | 1.2 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Imb 16: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “bazima”

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajanja |
|--------------|--------|----------|----------------|------------------------|
| Ntera | 55 | 64.7 | 64.7 | 64.7 |
| Igisantero | 29 | 34.1 | 34.1 | 98.8 |
| ubundi bwoko | 1 | 1.2 | 1.2 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Turebye imb 15 na 16, Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'amagambo yatanzwe, biragaragara ko igicumbi “-rinzi” kitamenyerewe mu bicumbi bya ntera, kuko 29 bonyine bahwanye na **34.1%** ari bo bashoboye kuvuga ko ari ntera, bivuze ko bashobora kuba na bwo baraketse ko amagambo bari kubazwa yose ari ntera cyangwa barasomye igitabo ubu bwoko bw'ibicumbi bugaragaramo, 55 bahwanye na **64.7%** bavuze ko ari igisantera, bashaka kugaragaza ko iki gicumbi kitagaragara mu bicumbi bya ntera.

Ku rundi ruhande, ikindi gicumbi kimenyerewe “bazima”, 55 bahwanye na **64.7%** bavuze ko ari ntera, kuko basanzwe babona kandi bazi iki gicumbi mu bicumbi bya ntera, ariko 29 bahwanye na **34.1%** bavuze ko ari igisantera, bishatse kuvuga ko nubwo iki gicumbi bakizi mu bicumbi bya ntera, ariko uburyo cyakoreshejwe mu nteruro butagaragaza ko ari ntera.

g) Buri gihe tuzi ko umutege mutindi ushibukana nyirawo.

Iki gicumbi kimenyerewe mu bicumbi bya ntera. Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'iri jambo bigaragazwa n'imbonerahamwe ikurikira.

Imb 17: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo “mutindi”

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajanisha |
|--------------|--------|----------|----------------|--------------------------|
| ntera | 61 | 71.8 | 71.8 | 71.8 |
| igisantera | 23 | 27.1 | 27.1 | 98.8 |
| ubundi bwoko | 1 | 1.2 | 1.2 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Bigaragara ko abanyeshuri basobanukiwe ko “-tindi” ari igicumbi cya ntera, kuko 61 bihwanye na **71.8%** bavuze ko iri jambo ari ntera. Ariko **23** bahwanye na **27.1%** bavuze ko ari igisantera, bishatse kuvuga ko imikoreshereze y’iki gicumbi isa n’igikura mu bicumbi bya ntera bimenyerewe, cyangwa se mu ngero bahawe biga kikaba kitagararamo cyane, cyangwa bakaba babona imikoreshereze yacyo gake.

- h) Akunda gukora imirimo **myitumo** kandi neza, ibi bituma agira igihe gito cyo kuruhuka.

Iri jambo ryabajijwe rifite igicumbi kitamenyerewe (igicumbi nkomoka). Abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw’ijambo bahawe uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe.

Imb 18: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw’ijambo “myitumo”

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy’amajanja |
|--------------|--------|----------|----------------|------------------------|
| ntera | 28 | 32.9 | 32.9 | 32.9 |
| igisantera | 55 | 64.7 | 64.7 | 97.6 |
| izina ntera | 1 | 1.2 | 1.2 | 98.8 |
| ubundi bwoko | 1 | 1.2 | 1.2 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Ijambo “myitumo” rifite igicumbi kitagaragazwa mu bicumbi bya ntera bigaragazwa mu bitabo mfashanyigisho. Ibi bigaragazwa cyane mu bisubizo by’abanyeshuri, kuko 55 bese bahwanye na **64.7%** bavuze ko ari igisantera (bagendeye ku kuba iki gicumbi batakizi mu bicumbi bya ntera), ariko 28 bahwanye na **32.9%** bakavuga ko ari ntera, bishoboka ko bagendeye ku kuba bari bazi neza ko bari kubazwa ntera gusa, cyangwa bakaba barabisomye mu kindi gitabo.

- i) Amazi **makeya**, udushaza **tunzinya** ndetse n’akuko **kanzugurunya** ni byo afite mu gikoni ke.

Amagambo yose yabajijwe muri iyi nteruro afite ibicumbi bya ntera bimenyerewe, ibisubizo by’abanyeshuri bigaragara mu mbonerahamwe zikurikira.

Imb 19: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw’ijambo “makeya”

| | In ga no | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy’amajanja |
|-----------------|----------------|----------|-------------------|---------------------------|
| ntera | 78 | 91.8 | 91.8 | 91.8 |
| igisantera | 5 | 5.9 | 5.9 | 97.6 |
| ubundi bwoko | 2 | 2.4 | 2.4 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Imb 20: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo "tunzinya"

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajaniha |
|--------------|--------|----------|----------------|-------------------------|
| ntera | 70 | 82.4 | 82.4 | 82.4 |
| igisantera | 14 | 16.5 | 16.5 | 98.8 |
| ubundi bwoko | 1 | 1.2 | 1.2 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Imb 21: Uko abanyeshuri bagaragaje ubwoko bw'ijambo "kanzuguronyu"

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajaniha |
|--------------|--------|----------|----------------|-------------------------|
| ntera | 66 | 77.6 | 77.6 | 77.6 |
| igisantera | 18 | 21.2 | 21.2 | 98.8 |
| ubundi bwoko | 1 | 1.2 | 1.2 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Dushingiye ku bisubizo byatanzwe mu mbonerahamwe 19,20,21, bigaragara ko ibi bicumbi nubwo bigaragazwa mu bya ntera (buhangwa) ariko ntibimenyerewe, cyangwa se iyo abarimu bigisha ntera ntabwo babitangaho ingero nyinshi nk'ibyabanje mu nteruro eshatu zabanje. Ibi bigaragazwa n'uko ijanisha mu kuvuga ko ari ntera ryagabanyutse cyane, aho rigeze kuri **77.6%**. Ibi byerekana ko abanyeshuri bigishijwe ndetse bagasoma ibicumbi bya ntera, ariko ntibabyumve neza ku rwego rumwe, bivuga ko hari ibicumbi bimenyerewe n'ibitamenyereye mu bicumbi byose bya ntera.

Si ubwoko bw'amagambo abanyeshuri babajijwe gusa, ahubwo banabajijwe no gutanga ingero za ntera.

4.2.2.3. Uko abanyeshuri bagaragaje ingero za ntera

Ibibazo byasabaga abanyeshuri gutanga ingero za ntera ni bibiri. Kimwe cyari kigendeye ku gicumbi bahawe ndetse n'inteko, icyo gihe bagatanga ntera imeze gutyo, ikindi cyari kigamije kumenya koko niba ibicumbi bya ntera byisanisha mu nteko zose, aho abanyeshuri basabwe gusobanura mu magambo make icyo ntera yisanishije mu gicumbi bahawe yaba isobanura. Aha bari bahawe n'urugero mu buryo bukurikira.

Ibibazo byabazaga gutya:

- A) Andika urugero rwa ntera ugendeye ku gicumbi wahawe ndetse n'inteko wahawe.

Urugero: Igicumbi **-inshi** mu nteko ya 2: Abana **benshi**.

- B) Sobanura ibicumbi wahawe mu magambo yawe bwite ukurikije icyo byaba bisobanura mu Kinyarwanda, nk'uko byakoreshejwe mu nteruro wahawe.

a) Igicumbi **-sa** mu nteko ya 1

Ubusanzwe inteko ya mbere y'amazina ibonekamo amazina y'abantu cyangwa ibindi bifite ubwenge. (BIZIMANA S 1999 :150). Uko abanyeshuri bagaragaje ingero kuri iki gicumbi biragaragara mu mbonerahamwe ikurikira :

Imb 22: Uko abanyeshuri batanze ingero ku gicumbi “-Sa, nt1.”

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajanja |
|--------------|--------|----------|----------------|------------------------|
| abana basa | 1 | 1.2 | 1.2 | 1.2 |
| amaboko | 1 | 1.2 | 1.2 | 2.4 |
| masa | | | | |
| amahirwe | 1 | 1.2 | 1.2 | 3.5 |
| masa | | | | |
| amahoro | 1 | 1.2 | 1.2 | 4.7 |
| masa | | | | |
| amatama | 3 | 3.5 | 3.5 | 8.2 |
| masa | | | | |
| musa | 1 | 1.2 | 1.2 | 9.4 |
| nawe musa | 3 | 3.5 | 3.5 | 12.9 |
| nta gisubizo | 7 | 8.2 | 8.2 | 21.2 |
| umugabo | 16 | 18.8 | 18.8 | 40.0 |
| masa | | | | |
| umuhungu | 7 | 8.3 | 8.3 | 48.2 |
| masa | | | | |

| | | | | |
|---------------------|----|-------|-------|-------|
| umukobwa musa | 2 | 2.4 | 2.4 | 50.6 |
| umuntu musa | 20 | 23.6 | 23.6 | 74.1 |
| umusaza musa | 1 | 1.2 | 1.2 | 75.3 |
| umutima wose | 1 | 1.2 | 1.2 | 76.5 |
| umwana asa na se | 1 | 1.2 | 1.2 | 77.6 |
| umwana musa | 18 | 21.2 | 21.2 | 98.8 |
| yaje musa | 1 | 1.2 | 1.2 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Muri iki kibazo, abanyeshuri 6 bagaragaje inteko itandukanye n’iyo babajijwe. Ntabwo ari uko batari bazi inteko ya mbere, ahubwo bagenekereje bakurikije urugero bahawe mu bitabo mfashanyigisho rugaragara mu mugani “Amatama masa ntasabira inka igisigati”. Abanyeshuri 19 bavuze “umuntu musa”, abandi 18 bavuga “umwana musa”, 15 bavuga “umugabo musa” naho 6 bavuga “umugore musa”, bangana na 68% by’abasubije. Bigaragaza ko iki gicumbi kitamenyerewe mu nteko ya mbere.

Mu kuvuga icyo ntera ifite iki gicumbi yaba isobanura, abanyeshuri bahawe interuro ivuga iti: “Iyi nzoga ni amazi **masa**”, maze bagaragaza igisobanuro uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe.

Imb 23: Uko abanyeshuri basobanuye ijamba “masa”

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajanja |
|---------------------|--------|----------|----------------|------------------------|
| atagize icyo | 5 | 5.9 | 5.9 | 5.9 |
| avanzemo | | | | |
| Bakuze | 1 | 1.2 | 1.2 | 7.1 |
| byinshi cyane | 1 | 1.2 | 1.2 | 8.2 |
| gisa nacyo | 1 | 1.2 | 1.2 | 9.4 |
| Gusa | 26 | 30.6 | 30.6 | 41.2 |
| ifunguye cyane | 2 | 2.4 | 2.4 | 43.6 |
| itarimo ifu ihagije | 1 | 1.2 | 1.2 | 44.8 |
| Ibishye cyane | 7 | 8.4 | 8.4 | 53.2 |
| Itavangiye | 2 | 2.4 | 2.4 | 54.1 |
| Kiganje | 1 | 1.2 | 1.2 | 55.3 |
| kiri cyonyine | 1 | 1.2 | 1.2 | 56.5 |
| Kitavangiye | 12 | 14.1 | 14.1 | 70.6 |
| menshi | 1 | 1.2 | 1.2 | 71.8 |
| nta gisubizo | 21 | 24.7 | 24.7 | 96.5 |
| nta kindi | 1 | 1.2 | 1.2 | 97.6 |
| kivanzemo | | | | |
| yonyine | 2 | 2.4 | 2.4 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Ibisubizo byiganje ni “gusa” na “kitavangiye”, byatanzwe n’abanyeshuri 69 byombi byihariye 81.1% kandi byose biganisha ku kugaragaza ko iki

gicumbi gisobanura ikivugwa kitavangiye, cyangwa se ari cyo kiganje cyane kuruta ibindi byari bikwiye kuba bivanze na cyo.

Ibi bituma wakwibaza uti “ese umuntu musa/ abantu basa” byaba bivuze iki? Ese umuntu yavangwa n’iki ku buryo ari we wagaragara gusa? Ibi bigaragaza ko iki gicumbi kitajya kisanisha muri izi nteko.

b) Igitumbi **-bisi** mu nteko ya 1, 2 n’iya 16

Ubusanzwe iki gicumbi gikoreshwa ku bimera, ibiribwa bidatetse cyangwa ibindi bintu bishobora kwivanga n’amazi noneho bikaba bitose, ariko kijya kinakoreshwa ku izina rivuga ibara (icyatsi kibisi). Inteko ya mbere n’iya kabiri zivuga abantu cyangwa ibifite ubwenge, naho iya 16 igira izina “ahantu”.

Imb 24: Uko abanyeshuri batanze ingero ku gicumbi -bisi, nt2

| | Ingano | Ijanisha ha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy’amajanja |
|----------------|--------|----------------|-------------------|---------------------------|
| abagabo babisi | 1 | 1.2 | 1.2 | 1.2 |
| abagabo babisi | 3 | 3.5 | 3.5 | 4.7 |
| abagore babisi | 1 | 1.2 | 1.2 | 5.9 |
| ibiti bibisi | 1 | 1.2 | 1.2 | 7.1 |
| mukunda | 1 | 1.2 | 1.2 | 8.3 |
| umubisi | | | | |
| nta gisubizo | 10 | 11.8 | 11.8 | 20.0 |
| umugabo | 14 | 16.5 | 16.5 | 36.5 |
| mubisi | | | | |

| | | | | |
|--------------------|----|-------|-------|-------|
| umugore mubisi | 3 | 3.5 | 3.5 | 40.0 |
| umugozi mubisi | 4 | 4.7 | 4.7 | 44.7 |
| umuhungu mubisi | 2 | 2.4 | 2.4 | 47.1 |
| umukobwa mubisi | 2 | 2.4 | 2.4 | 49.4 |
| umuntu mubisi | 24 | 28.3 | 28.3 | 77.6 |
| umuti mubisi | 4 | 4.8 | 4.8 | 82.4 |
| umwana mubisi | 15 | 17.6 | 17.6 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Iyi mbonerahamwe igaragaza uko abanyeshuri batanze ingero z'igicumbi “-bisi” mu nteko ya mbere, 14 bihwanye na 16.5% bavuze “umugabo mubisi”, 24 bihwanye na 28.3% bavuze “umuntu mubisi”, 15 bihwanye na 17.6% bavuze “umwana mubisi”, abandi bavuga andi mazina ari mu nteko ya mbere keretse 6 bavuze izindi nteko. Bigaragara ko bagenekereje mu gutanga ingero ariko mu kureba icyo zisobanura, ni ugushyoma nk’uko tuzabisanga mu mbonerahamwe y’ibisobanuro, kuko nta gisobanuro nk’icyo mu bishyimbo bibisi gifite gikoreshejwe ku bantu.

Imb 25: Uko abanyeshuri batanze ingero ku gicumbi -bisi, nt2

| | Inga no | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajanja |
|------------------|------------|----------|-------------------|---------------------------|
| abagabo babisi | 12 | 14.1 | 14.1 | 14.1 |
| abagore babisi | 10 | 11.8 | 11.8 | 25.9 |
| abakecuru babisi | 3 | 3.5 | 3.5 | 29.4 |
| abakinnyi | 1 | 1.2 | 1.2 | 30.6 |
| babahanga | | | | |
| abana babisi | 23 | 27.1 | 27.1 | 57.6 |
| abana batindi | 1 | 1.2 | 1.2 | 58.8 |
| abantu babisi | 12 | 14.1 | 14.1 | 72.9 |
| abasaza babisi | 2 | 2.4 | 2.4 | 75.3 |
| babisi | 3 | 3.5 | 3.5 | 78.8 |
| bagabo babisi | 1 | 1.2 | 1.2 | 80.0 |
| bariye ibibisi | 1 | 1.2 | 1.2 | 81.2 |
| ibibabi bibisi | 1 | 1.2 | 1.2 | 82.4 |
| ibiti bibisi | 3 | 3.5 | 3.5 | 85.9 |
| nta gisubizo | 6 | 7.1 | 7.1 | 92.9 |
| ubukobwa bubisi | 1 | 1.2 | 1.2 | 94.1 |
| umubirizi mubisi | 1 | 1.2 | 1.2 | 95.3 |
| umugabo mubisi | 1 | 1.2 | 1.2 | 96.5 |
| umurima mubisi | 1 | 1.2 | 1.2 | 97.6 |
| umuvure mubisi | 1 | 1.2 | 1.2 | 98.8 |
| umwana mubisi | 1 | 1.2 | 1.2 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Muri iyi mbonerahamwe ya 25 iri hruguru, Abanyeshuri 65 muri 85 bahwanye na 76.4% babajijwe batanze igicumbi cyabajijwe mu nteko ya kabiri. Bigaragara ko abandi 23.6% bagiye ku ruhande.

Imb 26: Uko abanyeshuri batanze ingero ku gicumbi -bisi, nt16

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajisha |
|-------------------|--------|----------|----------------|------------------------|
| abana babisi | 1 | 1.2 | 1.2 | 1.2 |
| abantu babisi | 5 | 5.9 | 5.9 | 7.1 |
| ahantu habisi | 61 | 71.8 | 71.8 | 78.8 |
| habisi | 3 | 3.5 | 3.5 | 82.4 |
| ibishyimbo bibisi | 1 | 1.2 | 1.2 | 83.5 |
| ibiti bibisi | 1 | 1.2 | 1.2 | 84.7 |
| igiti kibisi | 1 | 1.2 | 1.2 | 85.9 |
| nta gisubizo | 10 | 11.8 | 11.8 | 97.6 |
| umugi mubisi | 1 | 1.2 | 1.2 | 98.8 |
| urugendo ruhire | 1 | 1.2 | 1.2 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Muri iyi mbonerahamwe, Mu nteko ya 16, ho bigaragara ko izina ryasanishijwe na ntera cyane ari “ahantu”, aho ryagaragaye inshuro 61 risanishwa bihwanye na 71.8%. Ibi byerekana ko amazina yo muri iyi nteko ari make cyane, ndetse byatumye bamwe bavuga ko nta gisubizo gihari

(11.8%), abandi batanga ibisubizo bihabanye n’inteko babajijwe nk’urugero: “urugendo ruhire”.

Abanyeshuri nanone basabwe kuvuga icyo ntera ifite igicumbi “-bisi” kisanishije n’amazina yo mu nteko ya kabiri yaba isobanura, twibuka ko aya mazina nay o avuga abantu cyangwa ibifite ubwenge. Ibisubizo batanze bigaragazwa muri iyi mbonerahamwe.

Imb 27: Uko abanyeshuri batanze Igisobanuro cy’ijambo “ bisi”

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy’amajanja |
|---------------------------------|--------|----------|----------------|------------------------|
| bafite ibitekerezo nk’iby’abana | 4 | 4.8 | 4.8 | 4.8 |
| bafite imbaraga | 2 | 2.4 | 2.4 | 7.1 |
| bakaduze cyane | 2 | 2.4 | 2.4 | 9.4 |
| Bakonje | 3 | 3.5 | 3.5 | 12.9 |
| Batarasaza | 2 | 2.4 | 2.4 | 17.7 |
| Batamera | 1 | 1.2 | 1.2 | 18.9 |
| Batose | 1 | 1.2 | 1.2 | 20.1 |
| Bakiri batoya | 25 | 29.4 | 29.4 | 49.5 |
| Beza | 2 | 2.4 | 2.4 | 51.9 |
| Boroshye | 1 | 1.2 | 1.2 | 53.1 |
| Kidahinduka | 1 | 1.2 | 1.2 | 54.3 |
| Ibijumba bidahiye | 2 | 2.4 | 2.4 | 56.4 |
| nta gisubizo | 31 | 36.5 | 36.5 | 92.9 |
| nta kintu azi | 1 | 1.2 | 1.2 | 94.1 |
| nta mpuhwe bagira | 3 | 3.6 | 3.6 | 95.3 |
| ugumye aho | 1 | 1.2 | 1.2 | 96.5 |
| umugome | 1 | 1.2 | 1.2 | 97.6 |
| w’umukene cyane | 2 | 2.4 | 2.4 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Abanyeshuri 31 bahwanye **36.5%** ntibatanze igisubizo. Mu bisubizo byatanzwe hagaragaramo 25 bihwanye **29.4%** bavuze abakiri bato, ibi bikaba bigaragaza ko iki gicumbi cyakoreshejwe muri iyi nteko cyabagoye kugisobanura, ariko n'iki gisubizo kiganje kikaba ari ukugenekereza.

c) Igcumbi **-hire** mu nteko ya 10

Ubusanzwe tumenyereye ko iki gicumbi gikoreshwa ku mazina yo mu nteko ya 11, ndetse n'andi yo mu nteko ya 3 avuga ikigereranyo k'igihe. Ariko iyo cyakoreshejwe mu zindi nteko kivuga ibintu bitumvikana neza cyangwa cyakoreshwa mu nteko ya mbere kikavuga umuntu witegura kuba umutagatifu, ariko iki gihe ntabwo aba ari ntera, ahubwo riba ari izina ntera.

Mu kugaragaza urugero kuri iyi nteko, abanyeshuri bagaragaje ingero zigaragazwa n'iyi mbonerahamwe.

Imb 28: Uko abanyeshuri batanze ingero ku gicumbi -hire, nt 10.

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajisha |
|-----------------|--------|----------|----------------|------------------------|
| bizima | 1 | 1.2 | 1.2 | 1.2 |
| ihene zihire | 2 | 2.4 | 2.4 | 3.6 |
| imodoka zihire | 1 | 1.2 | 1.2 | 4.8 |
| impano mpire | 3 | 3.5 | 3.5 | 8.3 |
| indagu mpire | 1 | 1.2 | 1.2 | 9.5 |
| ingamba mpire | 1 | 1.2 | 1.2 | 10.7 |
| ingendo mpire | 3 | 3.5 | 3.5 | 14.2 |
| ingo zihire | 5 | 5.9 | 5.9 | 20.1 |
| inka mpire | 17 | 20.0 | 20.0 | 40.1 |
| inka zibahire | 1 | 1.2 | 1.2 | 41.3 |
| inka zihire | 21 | 24.7 | 24.7 | 66.0 |
| inkoko mpire | 2 | 2.4 | 2.4 | 68.2 |
| intama mpire | 1 | 1.2 | 1.2 | 69.4 |
| inzu zihire | 1 | 1.2 | 1.2 | 70.6 |
| inyoni zihire | 6 | 7.1 | 7.1 | 77.7 |
| inzira zihire | 1 | 1.2 | 1.2 | 78.8 |
| inzu mpire | 2 | 2.4 | 2.4 | 81.2 |
| nta gisubizo | 5 | 5.9 | 5.9 | 87.1 |
| umugezi | 2 | 2.4 | 2.4 | 89.3 |
| muhire | | | | |
| umuntu muhire | 2 | 2.4 | 2.4 | 91.7 |
| umwaka muhire | 1 | 1.2 | 1.2 | 92.9 |
| urugendo ruhire | 6 | 7.1 | 7.1 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Inteko ya 10 ivuga ubwinshi, inka mpire cyangwa inka zihire ni kimwe, uretse ko uburyo bwakoreshejwe butandukanye. Hamwe bagaragaje isanisha nyaryo, ahandi bagaragaza isanisha rikozwe hashingiwe ku turemajambo. Ibi ntacyo bitwaye. Iki gicumbi kiva ku nshinga “gushya”

ariko yiyongeyeho ingereka ngirira “-ir” bigakora intima “guhira” bivuga “kuberwa” cyangwa kwizahirwa n’ikintu, maze ukagaragaza ibyishimo cyangwa ukaba mwiza. Ni ho hava imvugo ngo “muzagire urugo ruhire”, “tubifuriye umwaka mushya muhire” cyangwa “dore umunsi muhire”. Ni na ho hava izina nyarwanda abantu bamwe baha abana babo ryitwa ari ryo “Muhire” igihe ari umuhungu cyangwa “Mukamuhire” igihe ari umukobwa.

Amazina rero yo mu nteko ya 10 iyo afashe iki gicumbi, ahita agaragara nk’aho ari kuvuga imvugo ishyoma, cyangwa idafututse, kuko amazina yo muri iyi nteko yibanda ku nyamaswa. (BIZIMANA, S 1998:151)

Mu kuvuga igisobanuro cya ntera ifite iki gicumbi mu nteko ya 1, abanyeshuri bagaragaje ibisobanuro bitandukanye nk’uko bigaragara muri iyi mbonerahamwe ikurikira.

Imb 29: Uko abanyeshuri batanze Igisobanuro ku ijambo “hire”

| | In ga no | Ija nis ha | Ija nis ha ri | Igi ter an yo cy' am aja nis |
|----------------|----------------|------------------|------------------------|---|
| Mwiza | 1 | 1.2 | 1.2 | 1.2 |
| Amahoro | 1 | 1.2 | 1.2 | 2.4 |
| Imico myiza | 3 | 2.6 | 2.6 | 5.0 |
| Mushya | 2 | 2.4 | 2.4 | 7.4 |
| Mwiza | 32 | 37.6 | 37.6 | 45.0 |
| nta gisubizo | 23 | 27.1 | 27.1 | 72.1 |
| Udakanganye | 1 | 1.2 | 1.2 | 73.3 |
| ufite ineza | 2 | 2.4 | 2.4 | 75.7 |
| ufite | 1 | 1.2 | 1.2 | 76.9 |
| ubugiraneza | | | | |
| ugira neza | 1 | 1.2 | 1.2 | 78.1 |
| uguwe neza | 1 | 1.2 | 1.2 | 79.3 |
| uhiriwe | 5 | 5.9 | 5.9 | 84 |
| usa neza | 1 | 1.2 | 1.2 | 86.2 |
| usobanutse | 1 | 1.2 | 1.2 | 88.8 |
| utagira icyaha | 1 | 1.2 | 1.2 | 90.0 |
| utunganye | 1 | 1.2 | 1.2 | 91.2 |
| w'umugisha | 2 | 2.4 | 2.4 | 93.6 |
| wahiriwe | 3 | 3.5 | 3.5 | 97.6 |
| witonda | 1 | 1.2 | 1.2 | 98.8 |
| yabonye | 1 | 1.2 | 1.2 | 100.0 |
| amahirwe | | | | |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Abanyeshuri bagaragaje ibisobanuro bitandukanye, ariko abenshi babuze igisobanuro. Mu bagerageje kubona igisobanuro bagaragaje ko bisobanura uhiriwe, mwiza, w'umugisha, utunganye, utagira uko asa, wabonye amahirwe, usa neza, usobanutse, wakize, n'ibindi. Ibi bisobanuro byose biganisha ku kuba ari umuntu mwiza, nk'uko bigaragara mu

mbonerahamwe (abanyeshuri 32 babivuze). Muri Kiriziya Gaturika (Eglise catholique Romaine), hari abantu bita “Abahire”, bakaba ari abantu bapfuye ariko bakoze ibikorwa by’indashyikirwa, bakaba bashobora kuzakurwamo “Abatagatifu”. Bisobanura ko kugira ngo umuntu abe umutagatifu agomba kubanza kuba “umuhire”.

d) Igicumbi **-zima** mu nteko ya 3

Iki gicumbi gisobanura “gifite ubuzima, cyangwa kitapfuye”. Ibi bigaragazwa mu rurimi rw’Igishyamba aho babaza umuntu bati: “Wewe Mutoni muzima¹⁶?” na we agasubiza ati: “Mimi Mutoni muzima¹⁷!”. Uko abanyeshuri batanze ingero bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

Imb 30: Uko abanyeshuri batanze ingero ku gicumbi “zima, nt3”

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy’amajanja |
|----------------|--------|----------|----------------|------------------------|
| abagabo babisi | 1 | 1.2 | 1.2 | 1.2 |
| ahantu hazima | 1 | 1.2 | 1.2 | 2.4 |
| imirima muzima | 1 | 1.2 | 1.2 | 3.5 |
| imyenda muzima | 1 | 1.2 | 1.2 | 4.7 |
| nta gisubizo | 5 | 5.9 | 5.9 | 10.6 |
| ubuzima muzima | 1 | 1.2 | 1.2 | 11.8 |
| umubiri muzima | 3 | 3.5 | 3.5 | 15.3 |
| umuce muzima | 1 | 1.2 | 1.2 | 16.5 |
| umucyo muzima | 1 | 1.2 | 1.2 | 17.6 |
| umufuka muzima | 1 | 1.2 | 1.2 | 18.8 |

¹⁶ Wowe Mutoni uri muzima?

¹⁷ Ngewe Mutoni ndi muzima!

| | | | | |
|-----------------|----|-------|-------|-------|
| umugabo muzima | 1 | 1.2 | 1.2 | 20.0 |
| umugezi muzima | 4 | 4.7 | 4.7 | 24.7 |
| umugozi muzima | 2 | 2.4 | 2.4 | 27.1 |
| umuhanda muzima | 3 | 3.5 | 3.5 | 30.6 |
| umuhini muzima | 1 | 1.2 | 1.2 | 31.8 |
| umuhoro muzima | 2 | 2.4 | 2.4 | 34.1 |
| umunsi muzima | 3 | 3.5 | 3.5 | 37.6 |
| umuntu muzima | 6 | 7.1 | 7.1 | 44.7 |
| umurima muzima | 30 | 35.3 | 35.3 | 80.0 |
| umusaza muzima | 1 | 1.2 | 1.2 | 81.2 |
| umusozi muzima | 8 | 9.4 | 9.4 | 90.6 |
| umutima muzima | 2 | 2.4 | 2.4 | 93.0 |
| umwana muzima | 5 | 5.9 | 5.9 | 98.8 |
| umweyo muzima | 1 | 1.2 | 1.2 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Muri izi ngero,urugero rwiganje ni: “umurima muzima” wajemo inshuro 30 bihwaye na 35.3% naho umusozi muzima uzamo inshuro 8 bihwaye na 9.4%. Aya ni yo mazina yo mu nteko ya 3 yajemo inshuro nyinshi kuruta andi, ariko harimo n’andi yo muri iyi nteko yajemo inshuro nkeya ari yo

umweyo, umutima, umuce, umurimo, umunsi, umuhoro, umuhini, umuhanda, umugozi, n’andi.

Iki gicumbi gishobora no kuvuga “ikimeze neza” atari ukugira ubuzima, ahubwo ari ukuzuza ibisabwa. Nk’uko wavuga uti “noneho nabonye umukozi muzima” ushaka kuvuga ko bari barakunaniye, none ukaba wabonye uwujuje ibyo ushaka, cyangwa ukavuga uti “uyu muhanda ni muzima”, bivuga ko wujuje ibyangombwa byose byo kuba umuhanda nyabagendwa.

e) Igcumbi **-tindi** mu nteko ya 2

Ubusanzwe iki gicumbi gikoreshwa ku izina “umutego”, gishaka kuvuga “umutego wateganywe ubugome”, cyangwa urenganya uwawutezwe, ari na ho havuye umugani ngo “Umutego mutindi ushibukana nyirawo”. Uko abanyeshuri bagaragaje urugero bigaragara muri iyi mbonerahamwe ikurikira.

Imb 31: Uko abanyeshuri batanze ingero ku gicumbi –tindi, nt2.

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajanja |
|--------------------|--------|----------|----------------|------------------------|
| abagabo batindi | 13 | 15.3 | .3 | 15.3 |
| abagore b'abatindi | 1 | 1.2 | 1.2 | 16.5 |
| abagore batindi | 8 | 9.4 | 9.4 | 25.9 |
| abahungu batindi | 2 | 2.4 | 2.4 | 28.2 |
| abakobwa batindi | 1 | 1.2 | 1.2 | 29.4 |
| abana batindi | 15 | 17.6 | 17.6 | 47.1 |
| abantu batindi | 20 | 23.5 | 23.5 | 70.6 |
| abarozi batindi | 1 | 1.2 | 1.2 | 71.8 |
| abasore batindi | 4 | 4.7 | 4.7 | 76.5 |
| abatindi batindi | 2 | 2.4 | 2.4 | 78.8 |
| batindi nta | 1 | 1.2 | 1.2 | 80.0 |
| gisubizo | 6 | 7.1 | 7.1 | 87.1 |
| umucuzi mutindi | 1 | 1.2 | 1.2 | 88.3 |
| umugabo mutindi | 3 | 3.5 | 3.5 | 91.8 |
| umugore mutindi | 2 | 2.4 | 2.4 | 94.2 |
| umuntu mutindi | 2 | 2.4 | 2.4 | 96.5 |
| Umutego mutindi | 3 | 3.5 | 3.5 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | 100.0 |

Abagabo, abagore, abasore, abahungu, abakobwa, abana, abantu, abasore, abarozzi ni amazina yo mu nteko ya 2 avuga abantu. Abanyeshuri 68 bahwanye na 80% bashoboye kugaragaza urugero rugendanye n'ikibazo babajijwe, 17 bahwanye na 20% ntibashoboye gutanga ingero ziri mu nteko babajijwe, bivuga ko iki gicumbi kizwi neza mu bicumbi bya ntera. Igisigaye ni ukumenya icyo ntera yavutse kuri iki gicumbi mu nteko ya 1 n'ya 2 iba isobanura, ni byo twababajije mu kibazo kindi maze badusubiza gutya mu mbonerahamwe ikurikira:

Imb 32: Uko abanyeshuri batanze Igisobanuro ku ijambo “tindi”

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajanja |
|---------------------------|--------|----------|----------------|------------------------|
| gipfobya izina kigaragiye | 1 | 1.2 | 1.2 | 1.2 |
| mubi | 13 | 15.3 | 15.3 | 16.5 |
| nta gisubizo | 20 | 23.5 | 23.5 | 40.0 |
| ubyibushye | 1 | 1.2 | 1.2 | 41.2 |
| ufite umutima mubi | 1 | 1.2 | 1.2 | 42.4 |
| ugira ubugome bukabije | 1 | 1.2 | 1.2 | 43.5 |
| ukennye | 10 | 11.8 | 11.8 | 55.3 |
| ukennye cyane | 5 | 5.9 | 5.9 | 61.2 |
| umugome | 4 | 4.7 | 4.7 | 65.9 |
| umukene | 4 | 4.7 | 4.7 | 70.6 |
| umukene cyane | 2 | 2.4 | 2.4 | 72.9 |
| w'umugira nabi | 1 | 1.2 | 1.2 | 74.1 |
| w'umugome | 9 | 10.6 | 10.6 | 84.7 |
| w'umukene | 10 | 11.8 | 11.8 | 96.5 |
| w'umukene cyane | 1 | 1.2 | 1.2 | 97.6 |
| wumukene | 2 | 2.4 | 2.4 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Muri iyi mbonerahamwe, “mubi, ukennye, w’umugome” ni cyo gisubizo kiganje mu byatanzwe ku kigero cya 74%. Ibi bikaba bihuza n’igisobanuro cy’umutego mutindi, aha abanyeshuri bakaba barasubije bagendeye ku gisobanuro k’iyi ntera yakoreshejwe muri uriya mugani “umutego mutindi ushibukana nyirawo”. Ibi bituma twibaza niba iyi mvugo yaba ari gikwira mu Kinyarwanda “Dore umukecuru mutindi”, ushaka kuvuga ngo “Dore umukecuru w’umugome”, mbese ameze nka Zaninka mu ikinamico y’uruhererekane inyura kuri Radiyo Rwanda yitwa “*Museke Weya*”.

f) Igicumbi **-gari** mu nteko ya 1

Ubusanzwe iki gicumbi kivuga “ubugari” bw’igipimo, ni ukuvuga ubutambike bw’umuhanda cyangwa umurima. Abadozi na bo bajya bapima “ubugari” abo bagiye kudodera imyenda, maze batangira kudoda bakadoda ubugari bw’uwo mwenda ariko bagendeye ku bipimo bafashe. Ni gake bashobora kuvuga ngo “uyu muntu ni mugari” bagendeye ku kuba ibipimo bamufashe biruta ibyo bamenyereye. Iki gihe babivuze baba bashyomye. Mu gutanga ingero, abanyeshuri bagaragaje izikurikira.

Imb 33: Uko abanyeshuri batanze ingero ku gicumbi “-Gari, nt1”

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy’amajanja |
|-----------------|--------|----------|----------------|------------------------|
| abana bagari | 2 | 2.4 | 2.4 | 2.4 |
| nta gisubizo | 6 | 7.1 | 7.1 | 9.5 |
| umugabo mugari | 17 | 20.0 | 20.0 | 29.5 |
| umugore mugari | 9 | 10.6 | 10.6 | 40.1 |
| umuhanda mugari | 2 | 2.4 | 2.4 | 42.5 |
| umuntu mugari | 25 | 29.4 | 29.4 | 71.8 |
| umwana mugari | 24 | 28.2 | 28.2 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Ingero ziganje ni umugabo mugari n’umuntu mugari, zihariye **49.4%** ariko harimo n’andi mazina yo mu nteko ya 1 ndetse n’ayo mu nteko ya 3. Rimwe na rimwe iyo uvuze “umuntu mugari”, uwo muri kuganira ahita yumva ko uvuze ko “utaamuhezâ” bisobanura ko udashobora kumenya ibyo atekereza byose. Ntabwo ari mu “kumuhoobera”. Iki gicumbi na cyo kigaragaza ko mu nteko ya 1 n’iya 2 kidakunze gukoreshwamo cyane.

g) Igicumbi **-nzinya** mu nteko ya 2

Iki gicumbi gifite igisobanuro cyuzuzanya (gihuza inyito) n’igicumbi “-ke”, ariko ku mazina amwe n’amwe cyane cyane ku mazina avuga ibintu bisukika. Ntabwo gikunze gukoreshwa ku bantu. Abanyeshuri bakigaragaje muri ubu buryo.

Imb 34: Uko abanyeshuri batanze ingero ku gicumbi “nzinya, nt2”

| | Inga no | Ijan isha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy’amajanja |
|-------------------|---------|-----------|----------------|------------------------|
| abagabo baninya | 1 | 1.2 | 1.2 | 1.2 |
| abagabo banzinya | 7 | 8.2 | 8.2 | 9.4 |
| abagore banzinya | 4 | 4.7 | 4.7 | 14.1 |
| abakobwa banzinya | 4 | 4.7 | 4.7 | 18.8 |
| abana banzinya | 36 | 42.4 | 42.4 | 61.2 |
| abantu banzinya | 14 | 16.5 | 16.5 | 77.6 |
| abantu nanzizinya | 1 | 1.2 | 1.2 | 78.8 |
| Abanzinya | 1 | 1.2 | 1.2 | 80.0 |
| abasore banzinya | 3 | 3.5 | 3.5 | 83.5 |

| | | | | |
|-----------------|----|-------|-------|-------|
| ahantu hanzinya | 1 | 1.2 | 1.2 | 84.7 |
| akantu kanzinya | 1 | 1.2 | 1.2 | 85.9 |
| banzinya | 1 | 1.2 | 1.2 | 87.1 |
| gusa | 1 | 1.2 | 1.2 | 88.2 |
| nta gisubizo | 10 | 11.8 | 11.8 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Abanyeshuri 71 bagaragaje amazina ari mu nteko ya 2, umunani (8) bavuga izindi nteko, ariko 6 bo nta gisubizo batanze. Ntabwo byaba bivututse uramutse uvuze “abana banzinya” ushaka kuvuga ko ari “abana bake”. Iyi mvugo rero ntabwo ibaho mu Kinyarwanda, bityo iki gicumbi kikagaragara nk’ikidakora mu nteko ya 2.

Abanyeshuri kandi babajijwe icyo umuhungu **mutoto** yaba avuze. Mu kuvuga igisobanuro, bagaragaje ibisubizo biboneka muri iyi mbonerahamwe.

Imb 35: Uko abanyeshuri batanze igisobanuro kuri “toto”

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy’amajanja |
|------------|--------|----------|----------------|------------------------|
| cyoroheje | 1 | 1.2 | 1.2 | 1.2 |
| cyoroshye | 1 | 1.2 | 1.2 | 2.4 |
| kikirigito | 1 | 1.2 | 1.2 | 3.5 |
| muto | 12 | 14.1 | 14.1 | 17.6 |
| muto cyane | 7 | 8.2 | 8.2 | 25.9 |
| mutomuto | 4 | 4.7 | 4.7 | 30.6 |
| mutoya | 6 | 7.1 | 7.1 | 37.6 |

| | | | | |
|-----------------------|----|-------|-------|-------|
| mutoya cyane | 1 | 1.2 | 1.2 | 38.8 |
| nta gisubizo | 22 | 25.9 | 25.9 | 64.7 |
| ukiri muto | 14 | 16.5 | 16.5 | 81.2 |
| ukiri muto cyane | 1 | 1.2 | 1.2 | 82.4 |
| ukiri mutoya | 1 | 1.2 | 1.2 | 83.5 |
| ukiri umwana | 1 | 1.2 | 1.2 | 84.7 |
| umwana cyane | 1 | 1.2 | 1.2 | 85.9 |
| unanutse | 3 | 3.5 | 3.5 | 89.4 |
| utabyibushye kandi | 1 | 1.2 | 1.2 | 90.6 |
| atananutse | | | | |
| utarakomera | 1 | 1.2 | 1.2 | 91.8 |
| utarakura | 6 | 8.2 | 8.2 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Ibisubizo byatanzwe bigaragaza ko abanyeshuri babonye umuhungu mutoto ari umuhungu ukiri muto cyangwa utarakura. Ubusanzwe ni cyo gisobanuro k'iki gicumbi, ariko gikunze gukoreshwa cyane cyane ku bimera. Ni bwo uvuga ibigori bitoto, amasaka matoto, amashaza matoto, ibishyimbo bitoto, ndetse n'ibiti bitoto, bikaba bisobanura ko uramutse ubisaruriye aho bigeze waba utondaguye inshinga yitwa "Kwangiza".

Nubwo byumvikana ariko ko igisobanuro ari kimwe, ntabwo iki gicumbi gikoreshwa mu nteko ya 1 n'ya 2, kuko iyi nteko nta zina riyibonekamo rivuga ikimera.

Mu gutanga inshoza ya ntera ndetse no gusubiza ibibazo byose babajijwe kuri ntera, abanyeshuri banasabwe gutanga ingero za ntera bishakiye, bagendeye ku nshoza ya ntera batanze. Muri izo ngero, bagombaga gutanga ntera gusa itagaragiye izina, ibi bikaba byarakozwe kugira ngo turebe niba ibicumbi byose bya ntera bize barabishyiramo. Ingero zatanzwe zigaragara mu mbonerahamwe ikurikira.

Imb 36: icyegeranyo cy'uburyo abanyeshuri batanze ingero ku bicumbi bya ntera

| | Ingano | Ijanisha | Ijanisha rimwe | Igiteranyo cy'amajanja |
|---------------------------|--------|----------|----------------|------------------------|
| | 3 | 3.5 | 3.5 | 3.5 |
| babi, bwiza, nyinshi | 1 | 1.2 | 1.2 | 4.7 |
| bato, mwiza | 1 | 1.2 | 1.2 | 5.9 |
| batoto, munzinya | 1 | 1.2 | 1.2 | 7.1 |
| beza, ndende | 1 | 1.2 | 1.2 | 8.2 |
| bigari, munini, mutomuto | 1 | 1.2 | 1.2 | 9.4 |
| gito, binini, benshi | 1 | 1.2 | 1.2 | 10.6 |
| kibisi | 1 | 1.2 | 1.2 | 11.8 |
| kirekire, munini, mutindi | 71 | 83.5 | 83.5 | 95.3 |
| masa, ruhire, mutagatifu | 4 | 4.7 | 4.7 | 100.0 |
| Igiteranyo | 85 | 100.0 | 100.0 | |

Mu ngero zatanzwe, ibicumbi buhangwa bya ntera, ari na byo byigishwa kuko biboneka mu bitabo mfashanyigisho byitwa ko ari byo bicumbi bya ntera byonyine, byagaragaye cyane, ariko haburamo bibiri.

Ibyabonetsemo ni **bi, bisi, gari, gufi, inshi, iza, ke, nini, re-re, sa, shya, tagatifu, tindi, to, nzinya** na **hire**. Naho ibitagaragaye ni bibiri gusa ari byo **taraga** na **zima**. Ibi bisobanura ko ibi bicumbi bitamenyerewe cyane nubwo bigaragara mu bicumbi bya ntera. Hari ibicumbi bikoreshwa cyane, hakaba n'ibikoreshwa gake, ari na byo akenshi usanga bikoreshwa mu migani gusa. Urugero ni nk'igicumbi “**-tindi**” gikoreshwa mu mugani “*Umutego mutindi ushibukana nyirawo*”, hari n'igicumbi “**-sa**” cyamamaye mu mugani “*Amatama masa ntasabira inka igisigati*”, igicumbi “**-tagatifu**” gikunze gukoreshwa n'abayoboke ba kiriziya Gaturika y'i Roma (kuko ari bo bakomeye ku myemerere y'abatagatifu), kandi kikaba gituruka mu rurimi rw'Igiswayire nk'uko bivugwa na Bizimana Simoni (1998:176).

4.3. Uko abarimu basubije

4.3.1. Itsinda nkeshwamakuru


Itsinda ry'abarimu twabajije rigizwe n'abarimu umunai (8). Aba barimu nibo twasanze mu bigo bitatu twakoreyemo bigisha ikinyarwanda. Aba barimu bahawe imbumbabutumwa (link) maze basubiza ibibazo bifashishije murandasi (internet) kuko ari bwo buryo bahisemo, nyuma yo kuganira na bo bakatubwira ko ari bwo buryo bubanogeye.

Ubu buryo bw'ibibazo byoherezwa kuri murandasi bufasha usubiza gutanga ibisubizo bye yisanzuye, ndetse agasubiza igihe cyose abonye umwanya, bitamusabye kwicara ahantu hamwe, kuko abishatse abikora igihe cyose afite murandasi. Bunafasha kandi umushakashatsi kuko bitamusaba gutegereza ababajijwe kugira ngo bamusubize impapuro yabahaye, ikindi


bimufasha ni ukumugabanyiriza ingendo yagombye gukora ajya gushaka abamufasha gusubiza ibibazo by'ubushakashatsi.

Imbogamizi zirimo ni uko usubiza ashobora kubura murandasi, cyangwa se akaba adashoboye gukoresha ikoranabuhanga. Iki ariko nticyabaye ikibazo, kuko itsinda nkeshwamakuru ryahisemo ubu buryo, bamaze kubona ko bose bashoboye gukoresha ikoranabuhanga.

Abarimu babajijwe ibyiciro bigishamo Ikinyarwanda, maze habonekamo barindwi (7) bangana na 87.5% bigisha mu mashuri yisumbuye ndetse n'umwe (1) ungana na 12.5% wigisha mu mashuri abanza, ariko aha hose biga ntera.



Twababajije kandi n'impamyabumenyi bafite mu Kinyarwanda maze dusanga barindwi bangana na 87.5% bafite impamyabushobozi y'ikiciro cya kabiri (2) cya kaminuza, naho umwe ungana na 12.5% afite impamyabumenyi y'ikiciro cya mbere cya kaminuza.



4.3.2. Ibisubizo by'ibibazo twabajije abarimu

Ibibazo byabajijwe abarimu biri mu byiciro bibiri, harimo ikiciro gisaba kuvuga ubwoko bw'amagambo bahawe, ndetse n'ikindi kiciro kirimo gutanga ibisobanuro by'inshoza ya ntera.

Twabajijwe kuvuga ubwoko bw'amagambo bari bahawe, maze basubiza mu buryo bukurikira:

- a) Umwana **murizi** ntakurwa urutozi, kandi umuhoro **muhanya** utema ibizarara.

Imb 37: Uko abarimu batanze ubwoko bw'amagambo "murizi" na "muhanya"

| Ijambo | Igisanter a | Ijanish a | Nter a | Ijanish a |
|--------------|----------------|--------------|-----------|--------------|
| Murizi | 4 | 50% | 4 | 50% |
| Muhanya a | 4 | 50% | 4 | 50% |

Kuri aya magambo, ibisubizo birangana. Abarimu bane bavuze ko ari igisantera, abandi bane na bo bavuga ko ari ntera. Ibi byerekana ko abarimu bane bagendeye ku bitabo mfashanyigisho bifashisha mu kwigisa, naho abandi bane bagendera ku gitabo cya Bizimana Simoni (1998), kuko ari we uvuga ko **rizi** na **hanya** ari ibicumbi nkomoka bya ntera, nubwo bitashyizwe mu bitabo mfashanyigisho.

b) Inyoni **nyoro** ntitora mu ruhuri

Kubera ijambo ryari rimwe mu nteruro, nta mbonerahamwe twagaragaje, abasubije batandatu bangana na 75% bavuze ko ari igisantera, naho babiri bangana na 25% bavuga ko ari ntera. Ibi bigaragaza ko kiriya gicumbi kitabarizwa mu bicumbi bya ntera ugendeye ku bitabo mfashanyigisho byateguriwe abanyeshuri.

c) Akunda gukora imirimo **myitumo** kandi neza, ibi bituma agira igihe **gito** cyo kuruhuka

Imb 38: Uko abarimu batanze ubwoko bw'amagambo "myitumo" na "gito"

| Ijambo | Igisante ra | Ijanisha | Ntera | Ijanisha | Ntera idasanishije | Ijanisha |
|---------|----------------|----------|-------|----------|--------------------|----------|
| Myitumo | 6 | 75% | 2 | 25 % | 0 | 0% |
| Gito | 2 | 25% | 4 | 50 % | 2 | 25 % |


Ku ijambo “**myitumo**”, abarimu bavuze ko ari igisantera ku kigero cya 75%, ntera iba 25%. Ibi bisobanura ko kiriya gicumbi kidatuma ijambo gishinze riba ntera nk’uko mu bitabo mfashanyigisho kidashyirwa mu bicumbi bya ntera.

Ku ijambo “**gito**”, hagaragayemo ikindi gisubizo, aho abarimu babiri bavuze ko ari ntera idasanishije. Ntawamenya icyatumye bavuga ko ari ntera idasanishije, kuko igihe na gito birisanisha, keretse niba barasomye bihuta bakagira ngo ni igisantera gikoreshwa cyane mu mugani w’umugenurano bavuga ko umugore atuzuza inshingano ze (umugore **gito** arutwa n’umurozi gica).

d) Ese ibicumbi bya ntera byisanisha mu nteko zose ?

Iki kibazo gishingiye ku ngingo igaragazwa mu nshoza ya ntera, ivuga ko ntera yisanisha mu nteko zose. Abarimu batau bavuze ko yisanisha mu nteko zose, ariko batatu bagaragaza ko ntera itisanisha mu nteko zose.

Ish 1: Uko abarimu bagaragaje ko ibicumbi bya ntera byisanisha mu nteko zose



Kuvuga ko ntera itisanisha mu nteko zose, ni imwe mu myumvire itatira inshoza itangwa mu bitabo mfashanyigisho. Abarimu basubije oya ari na bo bake mu basubije, bashobora kuba baragendeye ku bicumbi bazi, bakabona ko hari bimwe ushyira mu nteko runaka bikavuga ikintu kitaba mu Kinyarwanda cyangwa kitavugwa.

- e) Tanga urugero rw'aho igicumbi wahawe cyakoreshwa mu nteko wahawe, unatange n'igisobanuro cy'urugero watanze mu magambo make.

Kuri iki kibazo, umwarimu yasabwaga gutanga urugero rumwe yarangiza akagerageza gusobanura mu magambo make icyo urugero yatanze rushatse kuvuga. Kubera ko abarimu baba bafite ubumenyi n'ubushishozi burenze ku bwo abanyeshuri bafite, basubije mu buryo bukurikira :

- 1) Igcumbi **-sa** mu nteko ya 1

Twari dukeneye kumenya uko abarimu bashobora gutanga urugero rw'iki gicumbi mu nteko ya mbere. Ibisubizo batanze ni ibi :

Imb 39: Ingero ku gicumbi -sa mu nteko ya 1

| Igisubizo | Umubare w'abagitanze | Ijanisha |
|--|-----------------------------|-----------------|
| Umuntu musa ni we winjira | 1 | 10% |
| Umwami musa | 1 | 10% |
| Umwana musa | 1 | 10% |
| Umuntu musa | 1 | 10% |
| Ni se musa | 1 | 10% |
| Amazi masa/ Mu nteko ya mbere ntibikunda | 2 | 20% |
| Ntaryo | 2 | 20% |
| Umwana umwe musa ntahagije | 1 | 10% |
| Igiteranyo | 10 | 100% |

Turebye ibisubizo byatanzwe dusanga harimo abavuze ko bidakunda, ibi bivuze ko mu bushishozi bwabo basanze iki gicumbi kitajya mu nteko ya mbere ndetse n'iya kabiri ngo bikunde. Abandi na bo batanze ingero, bigaragara ko ari ukugenekereza.

Ibisobanuro byatanzwe kuri izi ngero na byo bigaragaza ko iki gicumbi gikoreshejwe mu nteko ya mbere byaba ari ugushyoma, cyangwa se kugenekereza.

Imb 40: Igisobanuro ku gicumbi -sa mu nteko ya 1

| Igisubizo | Umubare w'abagitanze | Ijanisha |
|---|-----------------------------|-----------------|
| Umuntu wenyine ni we winjira | 1 | 10% |
| Ntabwo iki gicumbi kisanisha mu nteko ya mbere, kuko kuvuga umwami, umwana, umugabo musa n'ayandi magambo yo mu nteko ya mbere ni ugushyoma | 2 | 20% |
| Ntibivugitse neza | 1 | 10% |
| Ntacyo byaba bisobanura | 1 | 10% |
| Ameze nka se | 1 | 10% |
| Mu nteko ya mbere ntibikunda | 1 | 10% |
| Ntacyo | 2 | 20% |
| Umwana umwe mu muryango ntahagije | 1 | 10% |
| Igiteranyo | 10 | 100% |

Iyi mbonerahamwe igaragaza ko abarimu benshi bavuze ko iki gicumbi kitisanisha mu nteko yavuzwe, ndetse ko uramutse ugishyize muri iyo nteko waba ushyoma. Byumvikana ko mu mvugo imenyerewe, iki gicumbi ntikisanisha muri iyi nteko.

2) Igitumbi **-bisi** mu nteko ya 16

Iki gicumbi gisanzwe gikoreshwa kuri ntera igaragiye izina ry'ikimera cyangwa ikintu kidatetse, cyangwa izina "icyatsi". Twabajije iki kibazo tugamije kureba niba abarimu bo bashobora kubona urugero cyakoreshejwemo mu nteko ya 16 ndetse n'icyo byaba bisobanura.

Ingero batanze ngizi :

Imb 41: Ingero ku gicumbi -bisi mu nteko ya 16

| Igisubizo | Umubare | Ijanisha |
|--|----------------|-----------------|
| Ahantu habisi | 4 | 40% |
| Aha hantu ni habisi sinzi ko hazashira | 3 | 30% |
| Bahicaye hakiri habisi hataruma neza | 2 | 20% |
| Umushike mubisi | 1 | 10% |
| Igiteranyo | 10 | 100% |

Ingero zatanzwe zigaragaza ko iki gicumbi cya ntera gifite inshoza ebyiri kibumbye. Imwe ikaba ari iyo kuvuga “ikintu kidahiye “, indi ikaba ari iyo kuvuga “ikintu kitumye” nk’uko byagaragajwe. Uvuze “ikijumba kibisi”, umwe yakumva ko uvuze ikidatetse cyangwa cyo guhekenya, naho undi akumva icyo baronze ariko kitarashiraho amazi.

Ibisobanuro byatanzwe ni ibi bikurikira :

Imb 42: Ibisobanuro ku gicumbi -bisi mu nteko ya 16

| Igisobanuro | Umubare | Ijanisha |
|--|----------------|-----------------|
| Aha hantu haracyari hanini ku buryo kuhahinga bitahita birangira | 1 | 10% |
| Mu nteko ya 16 iki gicumbi ntikisanishamo neza | 2 | 20% |
| Ntibivugitse | 1 | 10% |
| Nta gisobanuro bifite | 2 | 20% |
| Hari hagitose | 1 | 10% |
| Oya ntacyo | 1 | 10% |
| Ntibikunda | 1 | 10% |
| Ni umushike utarigeze uhingwa na rimwe | 1 | 10% |
| Igiteranyo | 10 | 100% |

Mu bisobanuro byatanzwe, harimo ingingo zivuga ko bidakunda, bivuga ko bidashoboka. Ndetse n’aho bishoboka usanga bigaragaza indi ingingo itari ibumbiye mu gicumbi nyirizina, mbese biba bimeze nko kugenekereza, bikaba bitakoreshwa n’ubonetse wese.

3) Igicumbi **-zima** mu nteko ya 3

Iki gicumbi ubusanzwe kivuga umuntu cyangwa ikintu kitapfuye, gifite ubuzima buzima, cyangwa kigishoboye gukoreshwa. Bisobanura ko izina ryose rivuga ikintu kidashobora gukoreshwa cyangwa kidafite ubuzima

ritagaragirwa na ntera ifite iki gicumbi. Hari ingero zatanzwe n’abarimu kuri iyi ngingo.

Imb 43: Ingero ku gicumbi -zima mu nteko ya 3

| Igisubizo | Umubare | Ijanisha |
|--------------------------------------|----------------|-----------------|
| Umurima muzima | 1 | 10% |
| Umuti muzima ni wo uvura | 2 | 20% |
| Umuhovu muzima | 1 | 10% |
| Umwenda muzima | 2 | 20% |
| Umwana muzima | 1 | 10% |
| Muzima | 2 | 20% |
| Umugozi muzima abe ari wo uhambiriza | 1 | 10% |
| Igiteranyo | 10 | 100% |

Ingero zatanzwe zigaragaramo inshoza y’ubuzima, ni ukuvuga kugira ubuzima. Aha ariko wakwibaza niba amazina yo mu nteko ya 3 yose avuga ibintu bifite ubuzima gusa. Ibisobanuro biragaragaza inshoza zitandukanye muri ubu buryo:

Imb 44: Igisobanuro ku gicumbi -zima mu nteko ya 3

| Igisobanuro | Umubare | Ijanisha |
|-------------------------------------|----------------|-----------------|
| Umuti utarangiritse ni wo uvura | 1 | 10% |
| Mu nteko ya 3 ntikisanishamo | 2 | 20% |
| Ntibivugitse neza | 1 | 10% |
| Umuhovu utapfuye | 1 | 10% |
| Umugozi udacitse | 1 | 10% |
| Ntibikunda | 2 | 20% |
| Umurima wuzuye | 1 | 10% |
| Umugozi udashaje, udafite ubusembwa | 1 | 10% |
| Igiteranyo | 10 | 100% |

Mu gusobanura, abarimu bavuga ko mu nteko ya gatatu iki gicumbi kitisanishamo. Ariko abandi bavuga ko kisanishamo, cyane ku magambo avuga ikintu gifite ubuzima bavuga ko kitapfuye, kitangiritse cyangwa cyuzuye.

4) Igcumbi **-hire** mu nteko ya 10

Ubusanzwe iki gicumbi gikoreshwa mu nteko ya 11, mu ya gatatu cyane ku mazina avuga ikigereranyo k'igihe. Twatanze iki kibazo muri iyi nteko tugira ngo turebe niba abarimu babona ingero z'aho cyakoreshejwe muri iyi nteko. Ingero zatanzwe ni izi:

Imb. 45: Ingero ku gicumbi -hire mu nteko ya 10

| Igisubizo | Umubare | Ijanisha |
|--|----------------|-----------------|
| Inka mpire | 2 | 20% |
| Mpire | 2 | 20% |
| Inka mpire zikamwa menshi | 1 | 10% |
| Intebe mpire | 1 | 10% |
| Inkwano mpire | 1 | 10% |
| Umunsi muhire | 2 | 20% |
| Iyo nka yamubereye mpire kuko yamubariye inyana eshanu | 1 | 10% |
| Igiteranyo | 10 | 100% |

Ibisobanuro byatanzwe kuri izi ngero ni ibi bikurikira :

Imb 46: Igisobanuro ku gicumbi -hire mu nteko ya 10

| Igisobanuro | Umubare | Ijanisha |
|---|----------------|-----------------|
| Inka nziza yagukundiye itanga umukamo uhagije | 1 | 10% |
| Ntibivugitse neza | 2 | 20% |
| Ntacyo byaba bisobanura | 2 | 20% |
| Inkwano y'umugisha | 1 | 10% |
| Ntibikunda | 1 | 10% |
| Inzu mpire | 1 | 10% |
| Inzu yejeje | 1 | 10% |
| Iyo nka yaramuhiriye | 1 | 10% |
| Igiteranyo | 10 | 100% |

Ibi bisobanuro byiganjemo amagenekereza kuko nk'uko umwe yabivuze, ntibivugitse neza, ikindi ni uko ku mazina amwe n'amwe bidakunda. Bigaragara ko uko wabivuga kose mu nteko ya 10 bitakumvikana nk'imvugo isanzwe mu Kinyarwanda.

5) Igicumbi **-bisi** mu nteko ya 1 cyangwa iya 2

Iki gicumbi gikoreshwa kuri ntera igaragiye izina ikarivugaho kuba ikivugwa muri iryo zina kidatetse cyangwa kitumye. Mu nteko ya mbere cyangwa iya kabiri zivuga abantu, ntabwo iki gicumbi gikwiye kuba cyumvikanamo, kuko ni amazina avuga ibidatekwa cyangwa ibitanikwa. Ingero zatanzwe n'abarimu ni izi :

Imb 47: Ingero ku gicumbi -bisi mu nteko ya 1 cyangwa iya 2

| Igisubizo | Umubare | Ijanisha |
|---|----------------|-----------------|
| Aba bagabo baracyari babisi, ntibarasinda | 1 | 10% |
| Umugabo mubisi/ abana babisi | 2 | 20% |
| Abagabo babisi | 2 | 20% |
| Umuntu mubisi | 1 | 10% |
| Umugabo we ni mubisi | 1 | 10% |
| Ibijumba bibisi | 1 | 10% |
| Abantu babisi | 1 | 10% |
| Yahuye n'abahanga babisi | 1 | 10% |
| Igiteranyo | 10 | 100% |

Ibisobanuro byatanzwe bigaragaza ko iki gicumbi kidakwiye gukoreshwa muri izi nteko.

Imb 48: Ibisobanuro ku gicumbi -bisi mu nteko ya 1 cyangwa iya 2

| Igisobanuro | Umubare | Ijanisha |
|---|----------------|-----------------|
| Abagabo nubwo banyoye ariko baracyameze neza kuko inzoga zitarabasindisha | 1 | 10% |
| Aya magambo nay o ntiyisanisha mu nteko ya 1 n'ya 2 | 1 | 10% |
| Ntibivugitse neza | 1 | 10% |
| Nta gisobanuro bifite kuko umuntu ntabwo ari ikimera | 2 | 20% |
| Nta kintu azi | 1 | 10% |
| Ntibikunda | 2 | 20% |
| Abantu badafite icyo bazi | 1 | 10% |
| Bazi byose | 1 | 10% |
| Igiteranyo | 10 | 100% |

Ibisobanuro byatanzwe hano bigaragaza kugenekereza cyangwa se gushakisha uburyo wavuga ibintu ariko mu by'ukuri ntabwo ari byo. Nta gisobanuro na kimwe kirimo kigaragaza imvugo imenyerewe mu Kinyarwanda, ni yo mpamvu ari igenekereza.

6) Igcumbi **-tindi** mu nteko ya 2

Iki gicumbi ubusanzwe kivuga kutuzuzwa ibisabwa cyangwa gushyiramo ubugome bwinshi. Ni yo mpamvu gikoreshwa mu mugani akenshi. N'ingero zitangwa ni muri uwo mugani zerekeza. Abarimu batanze izindi ngero muri ubu buryo :

Imb 49: Ingero ku gicumbi -tindi mu nteko ya 2

| Igisubizo | Umubare | Ijanisha |
|--------------------------|----------------|-----------------|
| Abajura batindi bafunzwe | 1 | 10% |
| Abana batindi | 2 | 20% |
| Abagore batindi | 2 | 20% |
| Abantu batindi | 1 | 10% |
| Nta gisubizo | 2 | 20% |
| Umugore mutindi | 1 | 10% |
| Batindi | 1 | 10% |
| Igiteranyo | 10 | 100% |

Ibi bihita biganisha ku bisobanuro batanzeho, kuko urebye izi ngero ntabwo wamenya icyo bari kurenguriraho. Ibisobanuro ni ibi bikurikira :

Imb 50: Ibisobanuro ku gicumbi -tindi mu nteko ya 2

| Igisobanuro | Umubare | Ijanisha |
|-----------------------------------|----------------|-----------------|
| Abajura babi bajyanwe muri gereza | 1 | 10% |
| Ntibivugitse mu nteko ya 2 | 2 | 20% |
| Ntibivugitse neza | 2 | 20% |
| Nta gisobanuro byaba bifite | 1 | 10% |
| Ntibisobanutse neza | 2 | 20% |
| Abantu nadafite na mba | 1 | 10% |
| Batumvira | 1 | 10% |
| Igiteranyo | 10 | 100% |

Muri ibi bisobanuro, hagaragaramo ko iki gicumbi muri iyi nteko kivuga ntera ifite igisobanuro kidasobanutse neza, ikindi gisobanuro kivuga ko bitavugitse muri iyi nteko. Ikindi gisobanuro cyose watanga waba uri kugenekereza, kuko ubusanzwe iki gicumbi ntigikoreshwa muri iyi nteko.

7) Igicumbi **-gari** mu nteko ya 1

Iki gicumbi ubusanzwe kivuga ubugari bw'ikintu, ntabwo umuntu aba mugari ariko agira ubugari. Uramutse ushatse kuvuga ko umuntu ari mugari waba ushyomye. Abarimu bagerageje kubivugaho.

Imb 51: Ingero ku gicumbi -gari mu nteko ya 1

| Igisubizo | Umubare | Ijanisha |
|------------------------------------|----------------|-----------------|
| Umuntu mugari | 2 | 20% |
| Umuntu mugari asigare | 2 | 20% |
| Umwana mugari | 1 | 10% |
| Umwami mugari | 1 | 10% |
| Umuntu ni muremure kandi ni mugari | 1 | 10% |
| Umugongo mugari | 2 | 20% |
| Umuntu ni mugari | 1 | 10% |
| Igiteranyo | 10 | 100% |

Ibisobanuro byatanzwe kuri izi ngero zagaragajwe mu mbonerahamwe iri haruguru ni ibi bikurikira:

Imb 52: Ibisobanuro ku gicumbi -gari mu nteko ya 1

| Igisobanuro | Umubare | Ijanisha |
|--|----------------|-----------------|
| Umuntu ubyibushye asigare | 1 | 10% |
| Ntibivugitse | 2 | 20% |
| Ntibivugitse neza | 2 | 20% |
| Iki gihe ntabwo byaba bivuga ingano y'umubiri, ni mu bitekerezo. Ntabwo bivuga nk'inzu ngari rwose | 1 | 10% |
| Kumenya umuntu biraruhije, yabyaye abana, ntiwapfa kumusobanukirwa kuko abitse byinshi | 1 | 10% |
| Niteye urujijo, unmwana mugari ntibivugwa | 2 | 20% |
| Umuntu munini cyane | 1 | 10% |
| Igiteranyo | 10 | 100% |

Benshi mu barimu basubije bavuga ko bitavugitse. Bityo iki gicumbi ntikigaragira amazina yo mu nteko ya mbere cyangwa iya kabiri.

8) Igcumbi **-nzinya** mu nteko ya 2

Iki gicumbi ubusanzwe gikoreshwa ku mazina avuga ibintu bisukika cyangwa ibishobora guhunikwa nk'umusaruro. Ntabwo gikoreshwa ku bindi bintu. Ariko abarimu bagerageje gutanga ingero.

Imb 53: Ingero ku gicumbi -nzinya mu nteko ya 2

| Igisubizo | Umubare | Ijanisha |
|------------------------|----------------|-----------------|
| Abana banzinya | 2 | 20% |
| Abantu banzinya | 2 | 20% |
| Abagore banzinya | 1 | 10% |
| Abagabo banzinya | 1 | 10% |
| Yabyaye abana banzinya | 2 | 20% |
| Uturyo tunzinya | 2 | 20% |
| Igiteranyo | 10 | 100% |

Ibisobanuro byatanzweho bigaragaza ko iki gicumbi koko kidakoreshwa mu nteko ya mbere n'iya kabiri z'amazina.

Imb. 54: Ibisobanuro ku gicumbi -nzinya mu nteko ya 2

| Igisubizo | Umubare | Ijanisha |
|--------------------------------|----------------|-----------------|
| Abana bato cyane bahabwe amata | 2 | 20% |
| Ntibivugitse | 2 | 20% |
| Ntibivugitse neza | 1 | 10% |
| Ntacyo bisobanura | 1 | 10% |
| Nta gisobanuro bifite | 2 | 20% |
| Duke cyane | 2 | 20% |
| Igiteranyo | 10 | 100% |

Ushaka kuvuga abana bato cyane ukavuga nk'uko byavuzwe, ntibyagukundira kwiyumvisha ko uravuga abana banzinya. Iyi mvugo ntikoreshwa ku bantu, ahubwo yakoreshwa nko ku masaka, utuzi, uburo, n'ibindi, ariko na bwo bisaba kwitonda. Bivuze ko rero iki gicumbi gikoreshwa ku mazina makeya.

9) Igitumbi **-bisi** mu nteko ya 16

Inteko ya 16 igira izina rimwe ari ryo ahantu. Iri zina rishobora gukoreshwaho ibicumbi bya ntera byinshi, ariko nk'iki gicumbi ugiye kuvuga ntera igifite muri iyi nteko abanza kwigengesera, kuko iyo ubivuze uba uvuze ahantu hatose, ariko na bwo bikaba ari igenekerezo.

Imb 55: Ingero ku gicumbi -bisi mu nteko ya 16

| Igisubizo | Umubare | Ijanisha |
|-------------------------|----------------|-----------------|
| Ahantu habisi | 5 | 50% |
| Ahantu hatazashira vuba | 4 | 40% |
| I Kigali habisi | 1 | 10% |
| Igiteranyo | 10 | 100% |

Abarimu batanu (5) bahwanye na 50% bashoboye gutanga urugero rw'igicumbi bahwe mu nteko ya 16, kandi bigaragara ko aya mazina ari make cyane. Abarimu 4 bo bavuze ahantu hatazashira vuba (urugero: igisambu kiracyari kibisi= ntaho kiragera)

Ibisobanuro byatanzwe ni ibi bikurikira:


Imb 56: Igisobanuro ku gicumbi -bisi mu nteko ya 16

| Igisobanuro | Umubare | Ijanisha |
|-----------------------|----------------|-----------------|
| Nta gisobanuro wabona | 5 | 50% |
| Ntihateze gushira | 4 | 40% |
| Hatumye | 1 | 10% |
| Igiteranyo | 10 | 100% |

Ahantu hatumye, hadashobora gushira, ni byo bisobanuro byatanzwe, ariko bigaragara ko ari igenekereza. Igicumbi kimwe ku izina rimwe ntabwo cyasobanura ibintu bitandukanye. Bisobanura ko gikoreshwa muri

iyi nteko bitewe n'icyo uvuga arenguriraho. Birumvikana ko muri iyi nteko iki gicumbi gikoreshwa cyane ari ukugenekereza ibidakunze kuvugwa.

Abarimu kandi babajijwe niba hari ingorane bahura na zo mu kwigisha ntera maze bose bavuga ko bahura na zo.



Ish 2: Kugaragaza niba hari ingorane mu kwigisha inshoza ya ntera

Kuri iki kibazo, nk'uko bigaragazwa n'iyi shusho, abarimo bose uko ari 10 bangana na 100% bavuze ko bahura n'ingorane mu kwigisha ntera.

Abarimu kandi basabwe guhitamo ingorane bahura na zo mu zo bari bahawe, maze izari zatanzwe zose ziravugwa, ariko ebyiri muri zo ni zo zavuzwe na benshi.



Ish 3: Ingorane ziboneka mu kwigisha inshoza ya ntera

Muri rusange, dukurikije ishusho ya 3 iri haruguru, bigaragara ko abarimu bose (100%) bemeje ko bahura n'ingorane mu kwigisha inshoza ya ntera kuko abataravuze ingorane runaka, bavuze izindi, ariko bose bahuriye ko bahura n'ingorane.

Turebye ku bisubizo byagarutse kenshi (25%) ni bavuze ko “**Kugira ngo umenye ntera ugomba kuba uzi ibicumbi byayo kuko utazi ibicumbi bya ntera ukagenda ku nshoza gusa, hari andi magambo wakwita ntera kandi atari zo**”, ndetse abandi 25% bagaragaje ko kuba “**Umubare w'ibicumbi bya ntera ugenda uhindagurika bitewe n'uwateguye imfashanyigisho cyangwa uwanditse igitabo k'ikibonezamvugo**” nabyo ariingorane mu myigishirize.

Abandi 12% bagaragaje indi ngorane y'uko hari andi magambo akora cyangwa yitwara nka ntera ku ijamba agaragiye, bityo bikagora umunyeshuri gusobanukirwa n'inshoza ya ntera. Ibi bigaragaza ko ntera ifite ikibazo mu myigishirize yayo.

Abarimu kandi basabwe gutanga inshoza baha ntera iyo bari kwigisha. Iki kibazo cyabajijwe hagamijwe kureba ingingo zishyirwa mu nshoza ya ntera, kugira ngo harebwe niba harimo izitera urujijo zigatuma abanyeshuri badasobanukirwa neza. Inshoza zatanze ni izi zikurikira :

Imb 57: Inshoza ihabwa ntera mu kwigisha

| Inshoza | Umubare | Ijanisha |
|---|----------------|-----------------|
| Ntera ni ijambo rigaragira izina rikisanisha na ryo, rikagaragaza imimerere cyangwa imiterere, iryo jambo kandi riba rigomba kwisanisha mu nteko zose uko ari 16. | 2 | 20% |
| Ni ijambo riherekeza izina rikarisobanura, rigafata indanganteko yaryo ho indangasano. | 2 | 20% |
| Ni akajambo kagaragira izina kakisanisha na ryo, kakarigaragazaho imimerere cyangwa imiterere, kagafata indanganteko y'iryo zina ho indangasano. | 1 | 10% |
| Ni ijambo ritagira indomo, rigaragira izina rikisanisha na ryo rikagaragaza imimerere cyangwa imiterere. | 1 | 10% |
| Ni ijambo rijyana n'izina rikagaragaza imiterere cyangwa imico yaryo. | 1 | 10% |
| Ni ijambo rigaragira izina rikerekana imimerere n'imiterere. | 1 | 10% |
| Ni ijambo rigaragira izina rikisanisha na ryo, rikarigaragazaho imimerere cyangwa imiterere. | 1 | 10% |
| Ni ijambo rigaragira izina rikisanisha na ryo. | 1 | 10% |
| Igiteranyo | 10 | 100% |

Inshoza zatanzwe n'abarimu basaga 40% zose zihuriza ku kuba ntera igaragira izina, ikisanisha na ryo (bivuga ko indangasano yayo iba isa n'indanganteko y'izina igaragiye), ikagaragaza imimerere cyangwa imiterere. Ingingo zitahuriweho ni uko ntera igaragaza ingano cyangwa imico, ndetse no kuba ntera igomba kwisanisha mu nteko zose uko ari 16. Aha twakwibaza tuti ni iyihe ntera, kuko twamaze kubona ko ntera zose zitisanisha mu nteko zose.

Abarimu kandi babajijwe niba hari icyuho babona mu nshoza ya ntera, ndetse n'icyo babona gikwiye kongerwaho kugira ngo icyo nshoza ibe yuzuye. Mu gusubiza iki kibazo, bamwe bavuze ko nta cyuho gihari, ariko abandi bavuga ko gihari ndetse ko hari igikwiye kongerwamo.

Imb 58: Icyuho kiboneka mu nshoza ya ntera

| Igisubizo | Umubare | Ijanisha |
|--|----------------|-----------------|
| Yego. Hari andi magambo yisanisha n'iryo zina ariko atari ntera kuko ibicumbi byayo bitari mu bicumbi byitwa ibya ntera. Ikindi, bivugwa ko ibicumbi bya ntera byisanisha mu nteko zose, gusa si byo kuko hari aho usanisha ugashyoma. | 2 | 20% |
| Hakongerwaho kuyisobanura neza byimbitse kugira ngo ititiranwa n'andi magambo. | 2 | 20% |
| Inshoza ya ntera ikwiye kuvugururwa hakagira ingingo zikurwamo n'iziyongeramo. Ikindi ntera igomba kuba imwe mu bitabo mfashanyigisho byose. | 2 | 20% |
| Icyuho ni uko bitera urujijo, hari amagambo yitwara nka ntera kandi atari ntera. | 1 | 10% |
| Oya | 1 | 10% |
| Yego. Ni ijamba iryo ari ryo ryose risobanura izina. | 1 | 10% |
| Ibigendanye na ntera ntibisobanutse. | 1 | 10% |
| Igiteranyo | 10 | 100% |

Abarimu bagaragaje ko ntera zigenda zitandukana (ku mubare w'ibicumbi) mu bitabo mfashanyigisho. Ibi bigomba guhinduka. Ikindi ni uko inshoza ya ntera igomba gusobanurwa neza, kugira ngo hadakomeza kubaho kuyitiranya n'andi magambo. Ikindi ni uko kuvuga ko ibicumbi bya ntera byisanisha mu nteko zose atari byo, kuko hari ibyo ushyira mu nteko runaka bikanga. Ni na yo mpamvu inshoza ya ntera igomba kuvugururwa.

Abarimu babajijwe ikindi kibazo kigira kiti :

Niba Ntera ari ijambo rigomba gukomeza kwaguka uko ururimi rutera imbere, vuga amagambo nibura atarenze atatu ubona yujuje ibisabwa byo kuba ntera ariko akaba atari ku rutonde rwa ntera.

Iki kibazo bakibajijwe kureba niba hari andi magambo (ibicumbi bya ntera) yitwara nka ntera, kugira ngo na yo abe yagaragazwa mu ruhando rw'amagambo (ibicumbi) yagaragajwe ko ari ntera. Amagambo yabonetse si menshi, ariko ayatanzwe muri ubu buryo.

Imb 59: Izindi ntera zakwiye kongerwa muzisanzwe

| Igisubizo | Inshuro cyavuzwe |
|--------------------------------------|-------------------------|
| Taraga (mutaraga), ryerye (muryerye) | 5 |
| Umwana murizi | 6 |
| Umuhoro muhanya, inyoni nyoro | 4 |
| Muhanano, mwororo, muhozi | 3 |

Kuri iyi mbonerahamwe, ntabwo twabashije kugaragaza ijanisha, kuko ibyagaragazwaga n'abarimu byagiye bivugwa inshuro runaka, ari na zo zagaragajwe mu mbonerahamwe. Ibicumbi byagaragajwe ni **-ryerye** (muryerye), **-rizi** (umwana murizi), **-hanano** (muhanano), **-oro** (inyoni nyoro) na **-hozi** (muhozi). Ibi bicumbi byatanzwe ntabwo ibyinshi byagaragajwe bigaragiye izina, ni na yo mpamvu tutahita tuvuga ko byose byatanzwe, kuko hari n'ibindi, nk'uko bivugwa na Bizimana S (1998 :176-177).

Umusozo

Ibibazo byabajijwe abanyeshuri n'abarimu byari bigamije gusesengura neza inshoza ihabwa ntera mu bitabo mfashanyigisho ndetse n'ibitabo by'ubushakashatsi. Ikigaragara ni uko iyi nshoza ifite ingingo zidasabanutse, ku buryo kuziha ntera bituma abanyeshuri badasobanukirwa n'icyo ntera ari cyo, cyangwa se zikazanamo urujijo.

Hari ibicumbi bya ntera byagaragajwe ko hari inteko zimwe na zimwe bidakoramo, nubwo habayeho kugenekereza ingero zikaboneka, ariko twasanze ari uko izo ngero zigendeye ku ngingo yo kuvuga ko ntera yisanisha mu nteko zose, ndetse no gukurikiza amabwiriza y'ikibonezamvugo gusa. Hari n'ibicumbi twabonye ko byirengagijwe gushyirwa mu bicumbi bya ntera, ndetse tunabona ko n'ibyashyizwemo bigenda bitandukana, kuko usanga mu gitabo kimwe bavuga umubare uyu n'uyu mu kindi bakavuga utandukanye n'uwavuzwe mbere. Ibi bituma tuvuga ko inshoza ya ntera ikwiye kuvugururwa.

UMUTWE WA GATANU: UMWANZURO N'IBYIFUZO

Inshoza ihabwa ntera mu Kinyarwanda ifite ingingo nyinshi, harimo n'izitanzoze cyangwa se zitera urujijo, ndetse zikanayobya inzira iganisha ku gusobanukirwa neza n'icyo ntera ari cyo.

Nk'uko byagaragajwe n'abanyeshuri, abarimu ndetse n'amakuru yakuwe mu bitabo mfashanyigisho n'iby'ubushakashatsi, inshoza ya ntera igira iti: *“Ntera ni ijambo rigaragira izina rikisanisha na ryo rikarigaragazaho imimerere cyangwa imiterere. Ntera kandi igira uturemajambo tubiri gusa : indangasano n'igicumbi (nta ndomo igira), ibicumbi byayo byisanisha mu nteko zose. Ibicumbi bya ntera birazwi. Ntera yeagerana n'izina igaragiye cyangwa bigahuzwa n'inshinga “kuba”, “ni” cyangwa “si”.*

Iyi nshoza yavugwaho byinshi, kandi ikananononsorwa, kuko igumye gutya yazakomeza gutera urujijo.

Mu nshoza ya ntera hakwiye kugaragaramo ingingo zisobanutse kandi zikanatangirwa ingero kugira ngo inshoza ya ntera yumvikane kurushaho.

Ntera koko ni **ijambo** (ntabwo ari akajambo nk'uko bamwe mu banyeshuri bagaragaje) rigaragira izina, rikisanisha na ryo, rikavuga imimerere cyangwa imiterere yaryo, igira uturemajambo tubiri gusa (indangasano n'igicumbi). Hagati yayo n'izina igaragiye nta rindi jambo rijyamo, ariko hashobora kujyamo inshinga **“kuba”**, cyangwa imvugaruhamwa **“ni”** cyangwa **“si”**. Iyi ngingo yagaragaye mu gitabo mfashanyigisho cyateguriwe abanyeshuri biga mu mwaka wa kane w'amashuri yisumbuye mu mashami atari ay'indimi (2017 :43).

Imb 60: Guhuza ntera n'izina igaragiye

| Izina | Hagati nta jambo rihari | Hagati hari inshinga kuba | Hagati hari imvugaruhamwa ni | Hagati hari imvugaruhamwa si |
|------------------|--------------------------------|------------------------------------|-------------------------------------|-------------------------------------|
| Nt1. Umwana | Umwana mwiza | Umwana yari mwiza | Umwana ni mwiza | Umwana si mwiza |
| Nt2. Abakobwa | Abakobwa benshi | Abakobwa bazaba benshi | Abakobwa ni benshi | Abakobwa si benshi |
| Nt3. Umurima | Umurima mugari | Umurima wari mugari | Umurima ni mugari | Umurima si mugari |
| Nt4. Imyaka | Imyaka mihire | Imyaka izaba mihire | Imyaka ni mihire | Imyaka si mihire |
| Nt5. Ishyamba | Ishyamba rito | Ishyamba ryari rito | Ishyamba ni rito | Ishyamba si rito |
| Nt6. Amazi | Amazi masa | Amazi yari masa (muri ya nzoga) | Amazi ni masa | Amazi si masa |
| Nt7. Igit | Igit gitoto | Igit cyari gitoto | Igit ni gitoto | Igit si gitoto |
| Nt8. Ibyatsi | Ibyatsi bike | Nabonye ibyatsi ari bike | Ibyatsi ni bike | Ibyatsi si bike |
| Nt9. Inka | Inka ndende | Inka yari ndede | Inka ni ndende | Inka si ndende |

| | | | | |
|-------------------|--------------------|---------------------------|-----------------------|--------------------|
| Nt10. Ingurube | Inkoko nini | Inkoko zizaba nini | Inkoko ni nini | Inkoko si nini |
| Nt11. Urugendo | Urugendo ruhire | Urugendo rube ruhire | Urugendo ni ruhire | Urugendo si ruhire |
| Nt12. Akabati | Akabati kanini | Akabati kari kanini | Akabati ni kanini | Akabati si kanini |
| Nt13. Uduti | Uduti tubisi | Uduti tube tubisi | Uduti ni tubisi | Uduti si tubisi |
| Nt14. ubwato | Ubwato bushya | Ubwato bwari bushya | Ubwato ni bushya | Ubwato si bushya |
| Nt15. Ukwezi | Ukwezi kurekure | Ukwezi kuzaba kurekure | Ukwezi ni kurekure | Ukwezi si kurekure |
| Nt16. Ahantu | Ahantu habi | Ahantu hari habi | Ahantu ni habi | Ahantu si habi |

Ibi bikoze gutya byatuma umunyeshuri adakomeza gukeka ko ntera ihita ikurikira izina gusa, kuko yahita abona ko bishoboka ko hagati ya ntera n'izina igaragiye hashobora kujya ubundi bwoko bw'ijambo ariko ntibiyibuze kuba ntera.

5.1. Ibyanozwa mu myigishirize ya ntera

Nk'uko tumaze kubigaragaza haruguru, inshoza ya ntera ikeneye kuvugururwa kuko ubusahakashatsi bugaragaza ko atari ihame ko ikurikira izina igaragiye nk'uko tumaze kubibona.

Ikindi kandi, hagomba kwiyongeraho ko ntera ebyiri cyangwa eshatu zishobora kugaragira izina rimwe zisanisha na ryo.

Ingero : - Kanyana ni umukobwa **mwiza** kandi **mugufi** ndetse **muto** mu bana b'iwabo.

-Yaduhaye uturayi **duto**, **twinshi** kandi **tubisi** ndetse **tubi**.

Ntera igaragaza indanganteko y'izina igaragiye, cyane cyane iyo indanganteko yaryo itagaragara. Ikindi ni uko iyo uri gushaka indanganteko y'izina bigusaba kurisanisha na ntera kugira ngo bikorohere.

Ishyamba **rinini**.

Iriba **rito**.

Isi **ngari**.

Se **mugufi**.

Nyina **munini**. (nt1)

Nyina **nini**. (nt9/10)

Mu nshoza ya ntera itangwa mu bitabo mfashanyigisho byateguriwe abanyeshuri biga mu mwaka wa Gatanu w'Amashuri abanza (2017:103) ; igitabo mfashanyigisho cy'umwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye (2017:90) ; igitabo mfashanyigisho cyateguriwe umwaka wa kane w'amashuri yisumbuye mu mashami y'indimi (2017:54) ndetse n'icyateguriwe umwaka wa kane w'amashuri yisumbuye amashami atari ay'indimi, bavuga ko ntera yinjira mu nteko zose z'amazina.

Mu bisubizo twahawe n'abanyeshuri ndetse n'ibyo twahawe n'abarimu bigaragara ko ibicumbi byose bya ntera bitisanisha mu nteko zose. N'ubwo babivuga ariko, ntabwo batanga n'ingero kuri buri gicumbi ngo nibura bigaragare ko iyi ngingo ari yo, cyangwa se ngo berekane ko hari ibicumbi bifite inteko bitisanishamo. icyo bakoze ni ugufata ingingo yashoboka ku bicumbi bya ntera bimwe na bimwe bakayigira gikwira ku bicumbi byose.

Iyi ngingo yo kwisanisha mu bicumbi byose ikwiye guhinduka, ikavuga ko bimwe mu bicumbi bya ntera byisanisha mu nteko zose, ndetse bakagaragaza n'ibyo ari byo.

Ingingo yo kwisanisha mu nteko zimwe na zimwe yashyirwa mu mbonerahamwe ikurikira:

Imb 61: Isanisha ry'ibicumbi bya ntera mu nteko z'amazina

| NO | Igicumbi bi | Nt1 | Nt2 | Nt3 | Nt4 | Nt5 | Nt6 | Nt7 | Nt8 | Nt9 | Nt10 | Nt11 | Nt12 | Nt13 | Nt14 | Nt15 | Nt16 |
|----|----------------|-----|-----|-----|-----|-----|-----|-----|-----|-----|------|------|------|------|------|------|------|
| 1 | -bi | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V |
| 2 | -bisi | X | X | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | X | X |
| 3 | -gari | X | X | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V |
| 4 | -gufi | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V |
| 5 | -inshi | X | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | X | V |
| 6 | -iza | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V |
| 7 | -ke | X | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | X | V |
| 8 | -nini | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V |
| 9 | -re-re | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V |

| | | | | | | | | | | | | | | | | | |
|--------|-----------|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 0 | -sa | x | V | V | V | V | V | V | V | x | V | V | V | V | V | x | x |
| 1 1 | -shya | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V |
| 1 2 | -tagatifu | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V |
| 1 3 | -taraga | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V |
| 1 4 | -tindi | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | x | x |
| 1 5 | -to | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V |
| 1 6 | -zima | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V |
| 1 7 | -hire | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V |
| 1 8 | -kuru | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V |
| 1 | -sindi | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | x | x |

| | | | | | | | | | | | | | | | | | |
|----|-----------------------------|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 9 | | | | | | | | | | | | | | | | | |
| 20 | -nzinya | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V |
| 21 | -toto | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | x | x |
| 22 | -angu | x | x | x | x | x | x | x | x | V | V | x | x | x | x | x | x |
| 23 | -genzi | x | x | x | x | x | x | V | V | x | x | x | x | x | x | x | x |
| 24 | -hanya | x | x | V | V | x | x | V | V | x | x | V | V | V | | x | x |
| 25 | -itumo | x | x | V | V | x | x | V | V | x | x | V | V | V | V | x | x |
| 26 | - kurambe re | x | x | x | x | x | x | V | V | x | x | x | x | x | x | x | x |

| | | | | | | | | | | | | | | | | | |
|--------|----------------|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 2 7 | -oro | x | x | x | x | x | x | x | x | V | V | x | x | x | x | x | x |
| 2 8 | -rizi | V | V | x | x | x | x | V | V | x | x | V | V | V | V | x | x |
| 2 9 | -umu | x | x | x | x | x | x | x | x | V | V | x | x | x | x | x | x |
| 3 0 | -ryerye | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V | V |

Ibicumbi bya ntera bigaragazwa mu bitabo mfashanyigisho ndetse no mu bitabo by'ubushakashatsi bitandukanira ku mubare. Hari bimwe mu bicumbi byisubiramo, maze ugasanga mu gitabo kimwe babigize ibicumbi bibiri kandi cyakabaye kimwe, bityo umubare wabyo ukiyongera cyangwa ukagabanuka.

Igitabo cyanditswe na Kabayiza V et al (2010:68) kigaragaza ibicumbi bya ntera 24, ariko bakaba basubiyemo igicumbi -toya, -to-to, -shyashya na -sa-sa, kandi ibi bicumbi n'ubundi bisanzwe bifite ibyo biturukaho. Umunyeshuri abonye ibi yagira ngo na biriya ni ibicumbi bifite igisobanuro cyabyo kandi ari bya bindi byisubiyemo.

Bizimana Simoni (1998:176) agaragaza ibicumbi buhangwa 19 gusa, ariko we avuga n'ibindi bicumbi 9 bya ntera yita "nkomoka" ari byo bitigeze bishyirwa mu bicumbi bya ntera. Iki gihe we yaba agaragaje ibicumbi birenze iby'abandi bavuga.

Mu gitabo mfashanyigisho cy'umwaka wa Gatanu w'amashuri abanza (2017:104-105) bavuga ibicumbi 19 ariko hatarimo igicumbi **-sindi** kigaragara mu bicumbi buhangwa bya Bizimana Simoni.

Mu gitabo mfashanyigisho cyateguriwe umwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye (2017:92) ho bagaragaza ibicumbi 21, ariko igicumbi **-to, -toto** na **-to-to** babigira ibicumbi bitandukanye, kandi -to na -to-to bifite inshoza imwe. Mu gitabo mfashanyigisho cy'umwaka wa kane w'indimi (2017:55-56) batanga ibicumbi 19, naho muri uwo mwaka ariko mu mashami atari ay'indimi ho bakagaragaza ibicumbi 21 ariko na bo hari ibyo basubiyemo.

Uyu mubare w'ibicumbi bya ntera rero uko ugenda utandukana ni na ko abanyeshuri bagenda bagira urujijo ku nshoza ya ntera, kuko usomye

ibicumbi runaka, yagera ku kindi gitabo akabona ibitandukanye, bimutera kwibaza byinshi akaguma mu rungabangabo.

Hari kandi ibicumbi bidafatwa nk'aho ari ibicumbi bya ntera kandi byari bikwiye gushyirwa mu bicumbi bya ntera. Ni bimwe mu byo Bizimana S. (1998:176) yita ibicumbi nkomoka. Ibi bicumbi bigaragara nk'ibyisanisha mu nteko nkeya, cyane cyane ku magambo yihariye, kandi byisanisha n'amazina bigaragira. Ibyinshi muri byo bikoreshwa mu migani migufi. Ibyo bicumbi ni nka:

-hanya: Umuhoro **muhanya** utema ibizarara. Imihoro **mihanya** itema ibizarara.

-rizi: Umwana **murizi** ntakurwa urutozi. (Ushyize mu bwinshi wavuga: Abana **barizi** ntibakurwa intozi).

-oro: Inyoni **nyoro** ntitora mu ruhuri. Inyoni **nyoro** ntizitora mu ruhuri.

-itumo: Umurimo **mwitumo** ntunanirana. Imirimo **myitumo** ntinanirana.

-rinzi: Marayika **murinzi** yageze mu Rwanda. Ba marayika **barinzi** bageze mu Rwanda.

-genzi: Ikiranga **kigenzi**. Ibiranga **bigenzi** (Iri jambo rikoreshwa mu kuragura)

-kurambere: Ikiranga **gikurambere**. Ibiranga **bikurambere**. (Iri jambo rikoreshwa mu kuragura)

-angu: Inda **nyangu**. Inshuro **nyangu** (Bivuga zidakora icyo zigenewe)

-umu: Inkungu **nyumu** (Bivuga inyota ikaze)

-ryerye: Umuntu **muryerye**. Abantu **baryerye**. Nasanze ari **muryerye**.
(Ameze neza / Nta kibazo afite)

Impamvu ibi bicumbi bikwiye kongerwa mu bicumbi bya ntera ni uko na byo bikora nk'ibyo ntera ikora, nubwo bidakunze gukoreshwa cyane ariko ntabwo twabyirengagiza, kuko tutabishyizemo, izi ntera zazagera aho zikibagirana. Ikindi kandi nta bundi bwoko bw'ijambo bibarizwamo uretse ntera.

Bityo mu kugaragaza ibicumbi bya ntera tukavuga ko ari:

Imb 62: Umubare w'ibicumbi bya ntera n'ingero

| No | Igicumbi | Ingero |
|----|------------------|---|
| 1 | -bi | Umwana mubi, abana babi, inka mbi, ahantu habi |
| 2 | -bisi | Ibijumba bibisi, ikirayi kibisi, amasaka mabisi, ingano mbisi |
| 3 | -gari | Umuhanda mugari, amazi magari, igishanga kigari, imbuga ngari |
| 4 | -gufi | Umusore mugufi, iriba rigufi, ikiyaga kigufi, urwego rugufi |
| 5 | -inshi | Abantu benshi, amasaka menshi, inka nyinshi, ubwatsi bwinshi |
| 6 | -iza | Amazi meza, umuntu mwiza, urugo rwiza, ahantu heza |
| 7 | -ke | Inka nke, inzoga nke, urwagwa ruke, ibijumba bike |
| 8 | -nini | Umuntu munini, ahantu hanini, inka nini, urugo runini |
| 9 | -sa | Amazi masa, umunyu musa, igikuka gisa, inzoga nsa |
| 10 | -shya | Imodoka nshya, urugo rushya, ibintu bishya, akantu gashya |
| 11 | -tagatifu | Urugendo rutagatifu, amazi matagatifu, ameza matagatifu |
| 12 | -taraga | Umuntu mutaraga, amazi mataraga, umwenda mutaraga |

| | | |
|----|-------------------|---|
| 13 | -tindi | Umutego mutindi, imitego mitindi |
| 14 | -to | Abana bato, inka nto, urugo ruto, igikombe gito |
| 15 | -toto | Umuko mutoto, ibishyimbo bitoto, imiteja mitoto, ikawa ntoto |
| 16 | -zima | Urugo ruzima, inzu nzima, amazi mazima, ubutaka buzima |
| 17 | -kuru | Urugo rukuru, inka nkuru, abakobwa bakuru, ingabo nkuru |
| 18 | -hire | Urugendo ruhire, umwaka muhire, urugo ruhire, umunsi muhire |
| 19 | -re-re | Umukobwa muremure, umuhanda muremure, igiti kirekire |
| 20 | -sindi | Itabi risindi, amazi masindi, igitebo gisindi |
| 21 | -nzinya | Utuzi tunzinya, agasukari kanzinya, ubugari bunzinya |
| 22 | -angu | Inda nyangu, inshuro nyangu |
| 23 | -genzi | Ikiranga kigenzi, ibiranga bigenzi |
| 24 | -hanya | Umuhoro muhanya, imihoro mihanya, umushyo muhanya, imbunda mpanya |
| 25 | -itumo | Umurimo mwitumo, imirimo myitumo, akazi kitumo, igikorwa kitumo |
| 26 | -kurambere | Ikiranga gikurambere, imbehe nkurambere, ikiyiko gikurambere |
| 27 | -oro | Inyoni nyoro, inyama nyoro, inkoko nyoro, igisiga cyoro |
| 28 | -rizi | Umwana murizi, abana barizi, umugore murizi |
| 29 | -umu | Inkungu nyumu (inyota ikaze) |
| 30 | -ryerye | Umwana nta kibazo afite ni muryerye |

Bityo dushingiye ku mbonerahamwe iri haruguru, ubu bushakashatsi bugagaraza ko tubonye ibicumbi bya ntera **mirongo itatu (30)**, kandi bikumvikana neza ko byose bitisanisha mu nteko zose (reba imbonerahamwe ya 40), ndetse ko hari n'ibikorana n'amazina amwe n'amwe bitewe n'icyo urujyano rwabyo n'amazina bigaragiye ruba rufite icyo rusobanura, nk'uko Bizimana, S.(1998:176) avuga ko ntera zimwe zijyana n'amazina yagenwe ku buryo ayo magambo yombi yitwara nk'inyumane. Aha ni naho umuntu yahera yemeza ko umubare w'ibicumbi bya ntera uzwi utagomba kugaragara na hamwe mu nshoza ya ntera, kuko ururimi ruhora rukura, bikaba byanashoboka ko havugaga ibindi bicumbi bya ntera bishya.

Bityo rero inshoza ya ntera ikwiye kuba iyi:

“Ntera ni ijamba rigaragira izina rikisanisha na ryo (rifata indanganteko yaryo ikaba indangasano yayo), rikarigaragazaho imimerere cyangwa imiterere. Ntera ntigira indomo, igira uturemajambo tubiri gusa (indangasano n'igicumbi), ntera ikurikira izina igaragiye cyangwa bigahuzwa n'inshinga “kuba” cyangwa imvugaruhamwa “ni” cyangwa “si”. Bimwe mu bicumbi bya ntera byisanisha mu nteko zose, ibindi byisanisha mu nteko zimwe na zimwe bitewe n'inshoza y'igicumbi, kandi hari n'ibicumbi bikorana n'amazina amwe gusa”.

Iyi nshoza yaba yumvikana neza, ndetse igakurikirwa n'ingero ziyishyigikira, hatandukanywa ibicumbi byisanisha mu nteko zose ari byo : **-bi, -nini, -re-re, -to, -iza, -gufi, -tagatifu, -zima, -kuru, -shya** na **-taraga**, ibicumbi byisanisha mu nteko nyinshi (ariko si zose) nka **-bisi, -gari, -inshi, -ke, -sa, -tindi, -hire, -sindi** na **-toto**, ndetse hakaba n'ibindi

bikorehwa mu nteko nkeya (ku mazina yagenwe) ari byo **-hanya, -rizi, -oro, -itumo, -rinzi, -genzi, -kurambere, -angu, -umu na -ryerye.**

Muri ubu bushakashatsi, natwe twongeyeho iki gicumbi -ryerye kitari gisanzwe ku rutonde rw'ibicumbi bya ntera haba mu bitabo by'abashakashatsi cyangwa by'imfashanyigisho mu Rwanda.

5.2. Ibyifuzo nama bitandukanye

5.2.1. Ibyifuzo bigenewe Kaminuza y'u Rwanda

Muri ubu bushakashatsi bigaragara ko abarimu **60.1%** batazi niba ntera zitanisha mu nteko zose uko ari 16, ndetse **50%** yabo ntibazi gutandukanya, ubwoko bwa ntera n'ubundi bwoko bw'amagambo byegeranye nk'ibisantera n'andi biturutse ko inshoza ya ntera itera urujijo, bityo nk'Ikigo gifite inshingano yo gutoza abanyeshuri bazavamo abarezi bo mu mashuri yisumbuye, gifatanije na inisteri y'Uburezi, bakwiye gusuzuma iki kibazo no kugihira umwanya uhagije kugira ngo kube umucyo ku barimu, n'abanyeshuri.

Turasaba kandi Kaminuza n'abandi bashakashatsi muri rusange gukomeza ubushakashatsi hakamenyekana impamvu ntera zagaragajwe na Bizimana, S. (**yita ibicumbi nkomoka**) bitagaragara mu bitabo mfashanyigisho bityo zikaba zitanigishwa mu mashuri,...)

5.2.2. Ibyifuzo bireba Minisiteri y'Uburezi, REB cyangwa RP :

Dushingiye ko Abarimu n'abanyeshuri bagaragaje urujijo mu myigire n'imyigishirize ya ntera bitewe n'imfashanyigisho bagenderaho kugeza ubu, zigaragaza icyuho mu nshoza ya ntera, turasaba Minisiteri y'Uburezi, kureba uburyo yaboneza imfashanyigisho zitangwa kuri ntera, zikanozwa hashingiwe ku bigenda bigaragazwa n'ubushakashatsi, kugira ngo zoroherenze abarimu n'abanyeshuri gusobanukirwa neza ntera icyo ari cyo

no kuyikoresha nta rujijjo bafite. Ibyo bizabarinda no gutsindwa mu masuzuma atangwa n'inzego zibishinzwe.

Nk'uko twari twabivuze haruguru, turasaba kandi Minisiteri y'Uburezi gusuzuma impamvu hari ntera zimwe zigishwa (ibicumbi buhangwa) n'izindi zitigishwa (ibicumbi nkomoka) n'impamvu babihisemo kugira ngo bifashe abashakashatsi gukomeza guteza imbere ururimi.

Dushingiye ku bibazo byagarajwe n'ubu bushakashatsi, aho abarimu bafite urujijjo mu kwigisha ntera n'izindi nsanganyamatsiko zitwara nka ntera, turagira inama Minisiteri y'uburezi guteganya amahugurwa agenewe abarimu b'ikinyarwanda, kugira ngo basobanukirwe neza ibyo bigisha kandi babashe gusobanurira neza abanyeshuri bo muri iki gihe indimi zihanganye n'ikoranabuhanga n'ubumenyi ku isoko, ko ari iby'agaciro kutibagirwa n'akamaro ko kwiga ikinyarwanda.

5.2.3. Ibyifuzo bireba Minisiteri ifite ururimi n'umuco mu nshingano.

Turagira inama Minisiteri ifite mu nshingano kurengera Ururimi n'Umuco gushyigikira abashakashatsi bafite inyota yo gukungahaza ururimi rw'ikinyarwanda no kuruboneza, by'umwihariko binyuze mu kunoza ikibonezamvugo, cyane ko inyandiko za mbere zakozwe n'abatari abenerurimi, bityo bikaba bigaragara ko hari ahagenda haboneka icyuho n'ubwo tutirengagiza umusanzu izo nkomarume zatusigiyeye.

Turasaba Minisiteri ifite umuco n'Ururimi mu nshingano gushishikariza Abanyarwanda, kwitangira ururimi n'umuco byabo, muri iyi nkundura y'iterambere n'ikoranabuhanga, kugira bibone abahanga bakomeza gutekereza ku ngamba zo kubiteza imbere, kuko iterambere ry'igihugu rishingiye ku muco n'ururimi.

5.2.4. Abarimu bigisha ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye

Turagira inama abarimu bigisha mu mashuri yisumbuye, gutera intambwe bakajya basoma n'ibitabo by'abashakashatsi batandukanye, byiyongera ku mfashanyigisho bafite kugira ngo barusheho gusobanukirwa, by'umwihariko ku bireba ntera, bityo bagire ubushobozi buhagije bwo gufasha gukura urujijo mu banyeshuri rwo gutandukanya ubwoko bw'amagambo.

5.2.5. Abanyeshuri biga ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye

Turashishikariza abanyeshuri biga ikinyarwanda mu mashuri y'indimi, mu mashuri yose mu Rwanda, ko kwiga ikinyarwanda atri uguta umwanya, ahubwo ko ari ubutwari bwo gusigasira umurage w'abakurambere kandi ko bitababuzwa kugira imibereho myiza ishingiye ku kazi nk'uko n'abiga ibindi bigenda. Bityo turanabashishikariza ko bakomeza kwiga ikinyarwanda muri byiciro bikurikira muri kaminuza, bityo bakazavamo abahanga babasha kurengera umuco n'ururimi mu nzego nyinshi zitandukanye.

Umusozo

Ntera ni ijamba ryavuzweho n'abashakashatsi benshi, ku buryo ibyarivuzweho buri wese yakeka ko byari bihagije, ariko si ko biri. Ibicumbi bya ntera byagiye bigibwaho impaka, ndetse ugasanga no mu bitabo by'ikibonezamvugo hiyongeyeho n'ibitabo mfashanyigisho (byandikwa bigendeye ku bitabo by'ubushakashatsi) byagiye bitanga umubare w'ibicumbi bya ntera utandukanye. Ibi bigatuma inshoza ya ntera irushaho kutumvikana neza.

Mu nshoza yatangwaga kandi harimo ko ibicumbi bya ntera (ntera) byisanisha mu nteko zose, ariko wacukumbura neza ugasanga bimwe na bimwe hari inteko bidashyirwamo, wabishyiramo bikaba nko kugenekereza ugira ngo ukurikize amategeko y'ikibonezamvugo gusa, ariko imvugo yawe ikumvikana nko gushyoma cyangwa kwirata. Ibi na byo byatumaga inshoza ya ntera itera urujijo mu banyeshuri.

Umushakashatsi Bizimana ,S. mu gitabo ke cy'ubushakashatsi ku kibonezamvugo agaragaza ubwoko bubiri bw'ibicumbi bya ntera ari bwo "ibicumbi buhangwa" ari byo bimenyerewe cyane nk'ibicumbi bya ntera, ndetse n'"ibicumbi nkomoka" ari byo bitigeze bivugwaho mu bitabo mfashanyigisho byateguriwe abanyeshuri kuva mu mashuri abanza kugera mu mashuri yisumbuye.

Ikindi ni uko ingingo zagaragaraga mu nshoza ya ntera zose zitigeze zitangirwa ingero, kugira ngo abanyeshuri babone uko basobanukirwa neza n'inshoza ya ntera. Urugero ni nko kuvuga ngo **ntera yisanisha mu nteko zose**, kandi ari igicumbi kisanisha mu nteko zose, ikindi ni nko kuvuga ngo ibicumbi bya ntera byisanisha mu nteko zose ukarekera aho wirengagije ko hari ibicumbi nka -inshi bikora mu nteko zo mu bwinshi gusa, n'izindi ngero nyinshi zavuzwe mu bika bibanza.

Ubu bushakashatsi rero bwagaragaje inshoza ya ntera ivuguruye, ndetse n'ibicumbi bya ntera, bunatanga n'ingero z'uko inshoza yagakwiye gusobanurwa, hagaragazwa n'ibyiciro ibicumbi bibarizwamo ndetse n'inteko buri gicumbi gishobora kwisanishamo. Ntituri imfura cyangwa abahererezi mu bushakashatsi, ngo tuvuge ko byose twabivuye imuzingo. Birashoboka ko hari icyaba cyaratwisobye, ni yo mpamvu ubu bushakashatsi butari ubwa nyuma kuri ntera, haracyakorwa ubundi.

Bityo dukurikije ibyo twasobanuye haruguru, twizeye ko umwarimu cyangwa umushakashatsi kuri ntera yagira ubundi buryo yumvamo ntera ku buryo bwagutse, bityo akabasha gufasha abanyeshuri bagiraga urujijo bitewe n'inshoza ya ntera isanzwe yigishwa, akaba ari nawo musanzu wacu mu kunoza imyigire n'imyigishirize ya ntera mu mashuri yisumbuye nk'uko twabikomojeho mu ntangiriro z'iyi nyandiko y'ubushakashatsi.

Tuboneyeho gusaba abashakashatsi mu Kinyarwanda, bazadukurikira, Ministeri ifite mu nshingano kurengera Ururimi n'Umuco ndetse na Ministeri y'Uburezi, kureba ko imfashanyigisho zitangwa kuri ntera zanozwa hashingiwe ku bigenda bigaragazwa n'ubushakashatsi, kugira ngo zoroherewe abarimu n'abanyeshuri gusobanukirwa neza ntera icyo aricyo no kuyikoresha mu buzima bwabo nta rujijjo bafite. Ibyo bizabarinda no gutsindwa mu masuzuma atangwa n'inzego zibishinzwe.

INYANDIKO N'IBITABO BYIFASHISHIJE

1. Baka, J. (1998) : *Définition de l'adjectif en langues bantu, Afrika Focus*, Tervuren.
2. BIZIMANA, S (1998) : *Imiterere y'Ikinyarwanda. Igitabo cya I. Amajwi, amagambo n'interuro*. IRST Butare.
3. BIZIMANA, S. (1992) : *Les catégories grammaticales du Rwanda in Etudes Rwandaises*, volume 2 no 1.
4. C.N.R.E. (1993) : *Lexique français-Kinyarwanda de la linguistique et de la littérature*, (une réédition : C.N.L 1986), Kigali,
5. Cohen,L, Lawrence M. and Keith, M. (2007): *Research Methods in Education. Sixth Edition*. New York USA
6. David, R. Z. and Nibagwire, L.(2007), *Kinyarwanda and Kirundi Comparative Grammar*, Dunwoody Press.
7. DRAKKAR (2017) : *Ikinyarwanda: Amashuri yisumbuye: Umwaka wa mbere. Igitabo cy'umunyeshuri*. English Press Ltd. Kigali, Rwanda
8. Kabayiza V.et al. (2010) : *Ikinyarwanda. Ikibonezamvugo cy'amashuri abanza n'ay'isumbuye*, Bakame Editions, Kigali.
9. Khairul, B.N, (2008). Case Study: *A Strategic Research Methodology*. Article in American Journal of Applied Sciences. University of Cyberjaya. USA.
10. Kothari C.R (2004). *Research Methodology. Methods and Techniques. Second revised edition*. New age international publishers. Jaipur India.
11. Marc, W. (1983) : *Les déterminants du nom en français: Essai de synthèse*. Université de Bruxelles.
12. Mathilde, S. (2005): *Adjectifs " modaux " et adjectifs qualificatifs*. Université de Caen CRISCO, France.

13. MINEPRISEC (1988): *Ikibonezamvugo cy'ikinyarwanda. Iyigantego n'igenamajwi : Izina na ntera*, Kigali.
14. MUKAMA, E. & NKUSI, L. (2019): *Ubushakashatsi mu Bumenyi Nyamuntu n'Imibanire*. Africa Minds. Cape Town. South Africa.
15. Munyakazi, F. (1985) : *L'adjectif et le procès d'adjectivation en français et en kinyarwanda*, Ruhengeri.
16. Nadeau, M. (1996): *Identification des catégories et accord des mots : une expérimentation en troisième année primaire*. Google scholar. Fichier pdf généré le 04/05/2018.
17. Ndalurwa, A. E. (2016) *Masomo ya Kiswahili sanifu. Kidato cha pili*. Moran publishers Limited. Nairobi, Kenya.
18. NSANZABIGA, E and TWILINGIYIMANA, C.(2015): *Iyigantego ry'ikinyarwanda*. Kaminuza y'u Rwanda, Koreji Nderabarezi, Rwanda.
19. Overdulve, C.M (1988) : *Précis de grammaire Kinyarwanda*, Kigali, Rwanda.
20. Paul Schachter and Timothy Shopen: *Parts-of-speech systems*. Second edition. Cambridge University.
21. Prabhat P. & Meenu M. P. (2015): *Research Methodology. Tools and Techniques*. Bridge Center. Romania.
22. Rakhim Z. Muryasov (2019): *On the periphery of the parts of speech system*. Google Scholar
23. RALC (2019): *Ikibonezamvugo. Icapwa rya kabiri*. Alpha Media Ltd. Kigali, Rwanda.
24. REB (2019) : *Ikinyarwanda, Amashuri abanza, Umwaka wa Gatanu*. Kigali, Rwanda.
25. REB (2019): *Ikinyarwanda amashuri yisumbuye umwaka wa 4. amashuri yiga ikinyarwanda nk'isomo rusange. igitabo cy'umunyeshuri*. Kigali Rwanda.

26. Shawn, W. (2001): *What is indigenous research methodology?* Canadian Journal of Native Education. Canada.
27. Shimamungu, E (1998) : *Le Kinyarwanda. Initiation à une langue Bantu*, L'Harmattan.
28. Stephen, D. B. (2009): *The Power of Critical Theory: Liberating Adult Learning and Teaching*, New York, Stylus Publishers.
29. Victoria, F, Rodman,R and Nina, H. (2003): *An Introduction to Language. Seventh edition*. Boston, Massachusetts, USA.

IMIGEREKA

BIHIRA Innocent

MED / Kinyarwanda / UR-CE

bihirin@gmail.com

Tel: 0788498200.

Karongi, ku wa 12/03/2022

**Bwana Umuyobozi w'Ubushakashatsi na Inovasiyo,
Kaminuza y'u Rwanda, Koreji y'Uburezi.**

Binyujijwe:

Mwarimu NIYOMUGABO Cyprien

niyomugabocyprien@gmail.com

Umuyobozi w'Ubushakashatsi

Umukono:.....

Impamvu: Gusaba uburenganzira bwo gukusanya amakuru
y'ubushakashatsi

Bwana Muyobozi;

Nejewe no kubandikira iyi baruwa mbasaba uburerenganzira bwo gukusanya amakuru ku mushinga w'ubushakashatsi bwange bufite umutwe nise **“Ibyanozwa mu myigire n’Imyigishirize ya ntera mu mashuri yisumbuye”** Ubu bushakashatsi tukaba twarahisemo ko buzakorerwa mu mashuri 3 ya **GS CYINAMA, ES GASENYI na ES BISESERO** yo mu Karere ka Karongi.

Mu by'ukuri rero, Bwana Muyobozi, ndi umunyeshuri usoza amasomo y'Ikiciro cya Gatatu muri Kaminuza y'u Rwanda, Koreji y'Uburezi (Masters of Education Kinyarwanda Education, UR / CE).

Nkaba nifuza urwandiko rwa Kaminuza runyemerera gukusanya amakuru ku bushakashatsi bwange.

Mu gihe ntegereje igisubizo cyanyu kiza, mbye mbashimiye.

BIHIRA Innocent,

Umunyeshuri uri mu bushakashatsi



RESEARCH AND INNOVATION UNIT

Rukara, 6th June 2022
Ref: 03/DRI-CE/093/EN/gi/2022

The Mayor
Karongi district
Western Province
Rwanda

Re: Research recommendation letter for Mr. Innocent BIHIRA

On behalf of the University of Rwanda-College of Education (UR-CE), I am pleased to introduce **Mr. Innocent Bihira**, a post-graduate student at the School of Education of UR-CE. Mr. Bihira is writing his thesis on: *“Ibyanzwa mu myigire n’imyigishirize ya Ntera mu mashuri yisumbuye”* to complete his Master of Education in Kinyarwanda Education. He wishes to investigate the suitability of the current methodology applied to teaching and learning “Ntera” in secondary schools. His research will involve Kinyarwanda teachers and S5 & S6 students learning Kinyarwanda as a core subject. Thus, he is requesting permission to collect data from the selected secondary schools in Karongi district.

Mr. Bihira’s research project passed successfully through an internal collegial ethical process. Thus, the University of Rwanda-College of Education: Directorate of Research and Innovation confirms that this research adheres to ethical standards and principles. Therefore, we kindly request you to accord him your cooperation in this research.

We very much hope to get your cooperation.

Yours sincerely,



Digitally signed by
UR (Rukara, Directorate of Research &
Innovation)
Date: 2022.06.06
Time: 13:05:10 +2'00

Assoc. Prof. Eugene Ndabaga
Director of Research and Innovation
University of Rwanda-College of Education
E-mail: ndabagav@yahoo.ic
Mobile: +250788308862

Cc:

- Principal, UR-CE
- Postgraduate Program Coordinator, School of Education
- Prof. Cyprien Niyomugabo (Supervisor)



UNIVERSITY of
RWANDA

KOLEJI Y'UBUREZI

Itariki.....

Bwana / Madamazera

Nitwa **BIHIRA Innocent**, Umunyeshuri muri Kaminuza y'u Rwanda, Koreji y'Uburezi mu Kiciro cya Gatatu cya Kaminuza mu kwigisha Ikinyarwanda. Ndi gukora ubushakashatsi ku nsanganyamatsiko ivuga ngo: *“Isesengura ry'inshoza ya ntera n'uburyo yigishwa mu mashuri yisumbuye mu Rwanda”*. Ubu bushakashatsi bugamije gutanga inama zizafasha kunoza imyigishirize ya ntera mu mashuri yisumbuye.

Mwatoranyijwe nk'abantu tubona ko mwadufasha gutanga ibitekerezo ku bibazo byateguwe kuri ubu bushakashatsi. Ibitekerezo byanyu ni ingirakamaro kandi bizadufasha kunoza imyigire n'imyigishirize ya ntera mu mashuri yisumbuye.

Turabasaba kudufasha mugasubiza ibibazo twabajije ku nshoza ya ntera. Igisubizo icyo ari cyo cyose kizakirwa. Musabwa gutanga ibitekerezo byanyu uko mubishaka. Ibisubizo mwatanze bizaguma ari ibanga, nta hantu na hamwe tuzagaragaza umwirondoro wanyu. Ibisubizo bizakoreshwa muri ubu bushakashatsi gusa. Nta nkurikizi ku bisubizo mwatanze.

Nimwuzuzwa iyi nyandiko, muraba mwemeye kugira uruhare muri ubu bushakashatsi.

Mwemerewe kwisubiraho igihe icyo ari cyo cyose mwumva bibaye ngombwa.

Nishimiye ubufatanye bwanyu muri ubu bushakashatsi.

Murakoze.

BIHIRA Innocent

Kwemera ku bushake

Ngewe

.....
..... ndemeza ko nahaye amakuru umushakashatsi.....

..... ku bushakashatsi bufite umutwe *“Isesengura ry’inshoza ya ntera n’uburyo yigishwa mu mashuri yisumbuye mu Rwanda”*, nasomye kandi nsobanukirwa ubu bushakashatsi, ndetse mpabwa umwanya uhagije wo kugira icyo mbaza kuri ubu bushakashatsi. Nzi neza ko amakuru nzatanga muri ubu bushakashatsi azaguma ari ibanga, kandi ntazigera nkurikiranwa kubera natanze ayo makuru.

Nsobanukiwe kandi ko nshobora kwisubiraho igihe cyose numva bibaye ngombwa, kandi ko kwisubiraho kwange bitagira amahirwe bimbuza ahantu hose, ubu ndetse no mu gihe kizaza.

Ku bw’ibyo, nemeye nta gahato kugira uruhare muri ubu bushakashatsi.

Ishuri :

Itariki :.....

Umukono :

Ibibazo bigenewe abanyeshuri

Amazina y'usubiza :

Umwaka yigamo:.....

Ikigo yigaho :

Ikiciro (Combination) yigamo :

1. Vuga ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo

a) Nabonye umwana **mwiza** mu kibuga **kinini** kiri yafi y'imbuga **ngari** twanikaho amasaka.

Mwiza:.....

Kinini:.....

Ngari:.....

b) Umuyenzi **mutoto** uba ufite ibara **ribi** kuko ugaragaza amababi **maremare** kandi atoshye.

Mutoto:.....

Ribi:.....

Maremare:.....

c) Abantu **batagatifu** baba ahantu **hake** ku isi kandi bagira ibikorwa **byinshi** mu gihe **gito**.

Batagatifu:.....

Hake:.....

Byinshi:.....

Gito:.....

d) Umwana **murizi** ntakurwa urutozi, kandi umuhoro **muhanya** utema ahazashibuka.

Murizi:.....

Muhanya:.....

e) Inyoni **nyoro** ntitorwa mu ruhuri.

Nyoro :.....

f) Imana yohereje umumarayika **murinzi** kugira ngo abantu **bazima** bakomeze kugira ubugingo.

Murinzi :

Bazima :

g) Buri gihe tuzi ko umutego **mutindi** ushibukana nyirawo.

Mutindi:.....

- h) Akunda gukora imirimo **myitumo** kandi neza, ibi bituma agira igihe **gito** cyo kuruhuka.

Myitumo:.....

- i) Amazi **makeya**, udushaza **tunzinya** ndetse n'akuko **kanzugurunya** ni byo afite mu gikoni ke.

Makeya:.....

Tunzinya:.....

Kanzugurunya:.....

2. Andika urugero rwa ntera ugendeye ku gicumbi wahawe ndetse n'inteko wahawe.

Urugero:

Igicumbi **-inshi** mu nteko ya 2: Abana **benshi**.

- a) Igicumbi **-sa** mu nteko ya
1:.....
- b) Igicumbi **-bisi** mu nteko ya
16 :.....
- c) Igicumbi **-hire** mu nteko ya
10 :.....
- d) Igicumbi **-zima** mu nteko ya
3 :.....
- e) Igicumbi **-bisi** mu nteko ya
1 :.....
- f) Igicumbi **-bisi** mu nteko ya
2 :.....
- g) Igicumbi **-tindi** mu nteko ya
2 :.....
- h) Igicumbi **-gari** mu nteko ya
1 :.....
- i) Igicumbi **-nzinya** mu nteko ya
2 :.....

3. Sobanura ibicumbi wahawe mu magambo yawe bwite ukurikije icyo byaba bisobanura mu Kinyarwanda, nk'uko byakoreshejwe mu nteruro wahawe.

a) -sa : Iyi nzoga ni amazi

masa :

b) -bisi : Abagabo

babisi :

c) -tindi : Umukecuru

mutindi :

d) -toto : Umuhungu **mutoto** :

.....

e) -hire : Umuntu

muhire :

4. Sobanura aya magambo unatange ingero zishyigikira igisubizo watanze :

a) **Ntera** :

.....

Ingero :

.....

**Ibibazo bigenewe abarimu bigisha ikinyarwanda mu
mashuri yisumbuye.**

Binyuze ku mbumbabutumwa

/link:(<https://forms.gle/kspRfcpFsT75RSax6>).

Ikigo usubiza yigishaho :.....

Ikiciro yigishamo Ikinyarwanda:.....

Imyaka yigishamo Ikinyarwanda:.....

Impamyabushobozi afite mu Kinyarwanda:.....

5. Vuga ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo

j) Umwana **murizi** ntakurwa urutozi, kandi umuhoro **muhanya** utema ibizarara.

Murizi:.....

Muhanya:.....

k) Inyoni **nyoro** ntitora mu ruhuri.

Nyoro :.....

l) Akunda gukora imirimo **myitumo** kandi neza, ibi bituma agira igihe **gito** cyo kuruhuka.

Myitumo:.....

Gito:.....

6. Ibicumbi bya ntera byisanisha mu nteko zose uko ari 16? YEGO
OYA.

7. Tanga ingero z'aho ibi bicumbi byakoreshejwe mu nteko zikurikira,
unavuge mu nshamake icyo byaba bisobanura:

a. Igicumbi **-sa** mu nteko ya

1:.....

Igisobanuro :.....

.....

- b. Igicumbi **-bisi** mu nteko ya
 16 :
 Igisobanuro :
- c. Igicumbi **-hire** mu nteko ya 1&
 10 :
 Igisobanuro :
- d. Igicumbi **-zima** mu nteko ya
 3 :
 Igisobanuro :
- e. Igicumbi **-bisi** mu nteko ya
 1 :
 Igisobanuro :
- f. Igicumbi **-bisi** mu nteko ya
 2 :
 Igisobanuro :
- g. Igicumbi **-tindi** mu nteko ya
 2 :
 Igisobanuro :
- h. Igicumbi **-gari** mu nteko ya
 1 :
 Igisobanuro :
- i. Igicumbi **-nzinya** mu nteko ya
 2 :
 Igisobanuro :
8. Nk'umwarimu w'ikinyarwanda, hari ingorane uhura nazo mu kwigisha ntera ? Subi
 OYA
 Niba ari YEGO, ni izihe muri izi?:

- a. Umubare w'ibicumbi bya ntera ugenda uhindagurika bitewe n'uwateguye imfashanyigisho cyangwa uwanditse igitabo k'ikibonezamvugo.
- b. Inshoza ya ntera ntiyuzuye neza
- c. Hari andi magambo yitwara nka ntera afite umwanya n'umumaro nk'uwa ntera
- d. Ibicumbi bya ntera bifungiyeye ku mubare uzwi.
- e. Bimwe mu bicumbi bya ntera ntibyisanisha mu nteko zose kandi mu nshoza bavugaga ko ntera yisanisha mu nteko
- f. Kugira ngo umenye ntera ugomba kumenya ibicumbi byayo kuko utazi ibicumbi bya ntera ukagendera ku nshoza gusa, hari andi magambo wakwita ntera kandi atari zo.
- g. Izindi ngorane zitavuzwe:

.....

9. Ubusanzwe inshoza ya ntera wowe uha abanyeshuri ni iyihe ? Ntera ni iki?

.....

10. Hari icyuho usanga mu nshoza ya ntera ? Niba ari YEGO, ni iki ubona gikwiye kongerwaho kugira ngo ibe yuzuye neza ?

.....

11. Niba Ntera ari ijamba rigomba gukomeza kwaguka uko ururimi rutera imbere, vuga amagambo nibura atarenze atatu ubona yujuje ibisabwa byo kuba ntera ariko akaba atari ku rutonde rwa ntera.